# Ubuzima Bwa Gikirisito Mu Ndorerwamo Y'ijambo Ry'Imana



DAVE KEHLER

Copyright © 2013 David A. Kehler.
Calvary Chapel Steinbach Inc.

This book may be reproduced in whole or in part
in English or Kinyarwanda, provided credit is given
to the author and it is not sold for profit.

Jacket Artwork: Tony Livingstone Clark

Printed in Canada: Friesens, Altona, Manitoba
Layout and Formatting: Print Studio One, Steinbach, Manitoba

ISBN: 978-1-55383-363-5

## GUSHIMIRA

Ndashima Umwami Imana kubera ubutumire nahawe n'ubuyobozi bw'Itorero ADEPR bunsaba gusohora iki gitabo mu Kinyarwanda. Iyo butabinsaba iki gikorwa nticyari kuba cyaratangiye. Bityo rero ndashimira ubuyobozi uyu mwanya bwampaye wo gukora uyu murimo. Ku buryo bwihariye ndashimira Pasitori SIBOMANA Jean, Umuvugizi wa ADEPR, kubera uburyo yanshakiye abantu bakwiye bo guhindura iki gitabo mu Kinyarwanda no kugikosora. Ndagushimira cyane.

Lynn, umugore wanjye tumaranye imyaka mirongo itatu n'icyenda, ndagushimira ko wagiye unkomeza kandi ugatahura kare amakosa menshi muri iki gitabo mbere y'uko abandi bagisoma.

Rob BALFOUR n'abakuru b'Itorero muri Calvary Chapel Steinbach mwagiye muntera ishyaka muri iki gikorwa. Ndagushimira wowe Rob kubera inama zihebuje wampaye mu byerekeye Tewolojiya n'inyigisho shingiro bikubiye muri iki gitabo kimwe n'inama zawe ku bijyanye n'imyandikire. Ibi bituma iki gitabo gishobora gusomwa ku buryo bworoshye, kikaba kandi kijyanye n'ukuri kwa Bibiliya.

SENEZA Jean Paul, mwenedata w'Umunyarwanda Imana yakoresheje kandi ikomeje gukoresha mu kuduhuza n'Abanyafurika, ndagushimira kubera kwihangana kwawe no gukurikiranira hafi ibikorwa byo kwandika no guhindura iki gitabo mu Kinyarwanda. Mu by'ukuri utubereye umugisha ukomeye.

Ndashimira abantu bahinduye iki gitabo mu Kinyarwanda. Itsinda rya mbere rigizwe n'aba bakurikira:

TWAHIRWA Mathias (B.Th BA Guidance and Counselling, Masters in Pastoral Studies, Masters of Science in Leadership and Administration/ Translating),

RUGAGAZA Osée (B.Th, Bible Society Translator/ Kinyarwanda Study Bible and Diglot Bible),

SUBIKA Timothy (B. Missions and Intercultural Studies), Umupasitori mu Itorero Restoration Church akaba anakorana n'umuryango Alliance Evangélique mu guhindura Bibilliya mu zindi ndimi;

NGARUKIYE Evariste (B.Th.),

MUKURARINDA Dominique (BA Honours Biblical Studies and Theology). Itsinda rya kabiri rigizwe na VUGUZIGA Christine (B.A in Interpretation and Translation) na SENEZA Jean Paul, Private Secretary of Legal Representative, ADEPR Rwanda.

Umurimo wo gusoma bwa nyuma, gukosora no kwemeza ko ibikubiye muri iki gitabo uko cyahinduwe mu Kinyarwanda biboneye, byakozwe na

HABARUREMA Viateur (MTh), akaba yigisha Isezerano Rishya n'Ikigiriki mu Ishuri Rikuru ry'Abaporotesitanti (PIASS) mu ishami ryaryo rya Tewolojiya n'Iyobokamana riri i Butare. Yigisha kandi Isezerano Rishya mu Ishuri rikuru rya Tewolojiya rya ADEPR (FATEK), akaba n'Umukuru w'Itorero muri Paruwase ya TABA mu Mudugudu wa TABA. Ubu akomeje amasomo ku rwego rw'ikirenga kuri Protestantse Theologische Universiteit, Groningen, mu Buholandi.

Ndagushimira ko wemeye ko twungurana ibitekerezo ku bikubiye muri iki gitabo, ugakora ibikwiye ngo kibe koko igitabo cyacu.

Tony CLARK, Umukuru w'Itorero muri Calvary Chapel Steinbach, ndagushimira igihangano washushanyije ku gifuniko cy'iki gitabo kikaba kigaragaza ibigikubiyemo.

Mu gusoza, ndashimira NIYOMUGABO Charles nawe NIYOMUGABO Sarah (Nakure), abavandimwe b'Abanyarwanda bakaba n'Abanyakanada, ko mwasomye mwitonze iki gitabo mu ndimi zombi. Bitewe n'uko jye ntazi Ikinyarwanda, iyo mudatanga umusanzu wanyu iki gitabo cyari kuba cyarasohotse kera nyamara kidatunganye.

# *IBIRIMO*


*Intangiriro* 7

*1. Uko Basoma Bibiliya* 17

*2. Isezerano Rya Kera—Inkuru Ivuga Iby'imana* 29

*3. Amategeko, Ibigize Isezerano Imana Yagiranye Na Isiraheli* 41

*4. Abahanuzi* 59

*5. Zaburi* 71

*6. Ubwenge N'inyandiko Z'ubwenge* 85

*7. Ubutumwa Bwiza* 97

*8. Ibyakozwe N'intumwa* 119

*9. Inzandiko/Amabaruwa* 125

*10. Ibyahishuwe* 135

*11. Ibice Bigoye Gusobanura* 147

*12. Indangagaciro: Kwigana Kirisito* 159

*Umugereka I—Umunyeshuri, Ifi Na Agassiz* 175

*Umugereka II—Igitwikirizo Cy'urukozasoni* 181

*Umugereka III—Gahunda Yo Gusoma Bibiliya* 186

*Inyandiko Zifashishijwe* 187

# *Intangiriro:*

## IMPAMVU BIBILIYA IGOMBA GUSOBANURWA

Ndibuka nkiri umwana muto wakuriye mu cyaro, mbana n'abavandimwe banjye, ababyeyi, sogokuru na nyogokuru. Twari dufite umurima munini cyane uteyemo imboga nyinshi n'ibiti byera imbuto z'ubwoko butandukanye harimo n'ibiti by'imbuto ziribwa. Rimwe na rimwe iyo banyoherezaga mu murima gusoroma imboga zo guteka mu gihe mama wanjye yabaga arimo gutegura igaburo, nararangaraga nkajya kwikinira aho gukora ibyo mama yabaga yansabye gukora. Igihe kimwe nariho njya mu murima ndarangara sinabasha gusoroma imboga mama yari akeneye ngo ateke. Ni uko nyogokuru wanjye arantonganya cyane.

Yantonganije muri aya magambo: "Nyoko arakohereza kujya gusoroma karoti nawe ukamusuzugura. Bibiliya igira iti: '*Bana mwubahe ababyeyi banyu*' none wowe ntiwumvira mama wawe*!* "*Urashaka kuzajya mu muriro*?" Kubera iyo mpamvu byatumye nisubiraho, mpita njya gusoroma karoti. Mu bitekerezo byanjye naratangaye cyane numvise ko umusore ukiri muto utyo ashobora kurimbuka abitewe no kurangara gusa.

Nabayeho mu bwoba bwinshi hafi imyaka yose y'ubuto bwanjye, ntekereza ko hari ubwo nazarangara cyane sinkore ibyo nasabwe gukora, bigatuma ntakaza agakiza

burundu. Byageze aho mpora nibaza Imana iyo ari yo n'uwo nanjye nari we.

Kubaho mu bwoba ni kimwe mu byambayeho biturutse kuri uko gucyahwa no gukoresha Ijambo ry'Imana mu buryo butari bwo. Ikindi byanteye, nk'umwana ukiri muto, ni uko nahindutse inkubaganyi. Ndibuka igitondo kimwe mbaza nyogokuru nti: "Ese uyu munsi ndajya mu ijuru cyangwa mu muriro?" Ubwo yatungurwaga n'icyo kibazo nari mubajije kandi akanambaza impamvu mubajije ntyo, naramusubije nti : "Bisa nk'aho ari wowe uzi niba nzajya mu ijuru cyangwa mu muriro, kandi birangoye kugira ibyishimo umunsi ku wundi kuko mba ntazi iby'iherezo ryanjye. Ni uko rero niba ndiho njya mu muriro, nzabaho gutyo nezezwe n'umunsi wanjye, kandi niba ndimo njya mu ijuru, nzabaho ntyo nabwo nezezwe n'umunsi wanjye."

Nakwemeza ko inshuro nyinshi uyu mwana yari akwiriye gukosorwa no guhanwa kandi ko ababyeyi be, nyirakuru na sekuru bamwifurizaga kuzaba umuntu mwiza kandi wubashywe. Mvuze ibi kugira ngo nerekane ko igihe tudasobanuye cyangwa ngo dukoreshe neza Ibyanditswe, tukabikoresha nk'intwaro, tugerageza guhatira abantu, by'umwihariko abantu badafite icyo bazi kugira ngo bemere ibyo twizera, ngo babe ba ngeso-nziza tuba dusobanuye Imana n'Ijambo ryayo mu buryo butari bwo.

Abakunzi ba Bibiliya babaza iki kibazo: "*Mbese Ijambo ry'Imana rivuga iki?*" Kandi aho ni ho benshi muri twe batangirira gusoma Ibyanditswe. N'ubwo iki ari ikibazo cy' ingirakamaro, kigomba kuza ku mwanya wa kabiri. Ikibazo cya mbere kigomba kuba iki: "Ni iki Ijambo ry'Imana ryavugaga igihe ryatangwaga ubwa mbere?" Tumaze gusubiza neza ibyo bibazo byombi duhura na byo, tuba dusigaranye ikibazo cyo kumvira cyangwa kutumvira iri Jambo. Kuko akenshi kumvira ibyo iri Jambo ryigisha ni cyo kibazo gikomeye.

**Muri iki gitabo turifuza kugaragaza umurongo ngenderwaho wita ku muco w'abantu mu gusoma, kwiga no gukoresha Ijambo ry'Imana. Turiringira ko Ibyanditswe Byera bizarushaho kugwira no kuba bizima mu bugingo bwa buri wese muri twe**. Na none kandi iki gitabo cyanditswe mu ncamake. Ntikigamije rero gusimbura inyigo zimbitse ku buhanga bwo gusobanura Bibiliya zakozwe n'abahanga mu bya Bibiliya na Tewologiya. Iki gitabo kandi ntikigamije gusobanura uwo ndi we. Ndi umupasitori kandi ndifuza gutera umwete abakristo bagenzi banjye, kuko nzi ko hari benshi badafite ibindi bitabo byo gusoma uretse Bibiliya; bityo kuri bo, iki gitabo gishobora kubabera isoko y'amazi y'ubugingo.

## GUSOBANURA NEZA IJAMBO RY'IMANA

Dushobora kuba twarumvise abantu bavuga ngo: "*Soma gusa Bibiliya kandi wubahirize ibyo ivuga byose*". Uko ni ko benshi muri twe twagiye dufata Bibiliya, bikumvikana ko byoroshye bihagije. Ikibazo ni uko benshi batemeranywa ku butumwa *busobanutse* bwa Bibiliya. *Ibyumvikana* kuri bamwe si ko *byumvikana* ku bandi.

N'ubwo twese tudashobora na rimwe kumvikana ku busobanuro bwa buri gice cya Bibiliya, buri wese afite inshingano yo gusobanura neza Ijambo ry'Imana. Pawulo yihanangirije Timoteyo "*kujya agira umwete wo kugaragara imbere y'Imana nk' ushimwa na yo, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, uvuga neza ijambo ry' Imana*" (2 Timoteyo 2:15). N'ubwo dushobora kuba tutari abayobozi b'itorero nk'uko Timoteyo yari ari, twese turahamagarirwa gukora uko dushoboye tukumva Ijambo ry'Imana neza tukanarishyira mu bikorwa mu buzima bwacu.

## GUSOBANURA BIBILIYA GUSHINGIYE KU BITEKEREZO BY'USOBANURA

Hariho ibintu bibiri by'ingenzi bikwiriye gushingirwaho kugira ngo habeho kumva no gosobanura Ibyanditswe mu buryo buboneye. Icyambere, ni ukumenya ko buri muntu afite ibitekerezo byihariye azana mu gikorwa cyo gusobanura Ibyanditswe Byera. Dushobora rimwe na rimwe gutekereza ko uko twumva Ibyanditswe guhuye n'icyo Umwuka Wera yashakaga kuvuga, ntitumenye ko turimo kukigoreka.

Iyo twambaye indererwamo z'izuba, ibara ry'ibirahure rituma ikintu cyose tureba kigira iryo bara. Buri wese muri twe yagiye anyura mu buzima butandukanye; ibi bigatera umuntu kugira uburyo bwihariye yumva Ibyanditswe Byera. Ni ngombwa kumenya ko buri wese afite uko abona ibintu, tukaba ari byo tumenyereye, ariko tukamenya na none ko dukwiriye kugira umutima wumva abandi. None niba hatariho icyo kintu cy'uko hari ibitekerezo byacu tuzana mu gihe dusobanura Bibiliya, ni kuki tutumvikana buri gihe n'abandi tunganya kuba mu mwuka kandi dufite ubumenyi bumwe mu gihe tugerageza gusobanura Ibyanditswe Byera?

Ikibazo cya kabiri dufite ni uko Bibiliya dukoresha zahinduwe mu ndimi zacu kandi uko guhindurwa mu rundi rurimi na byo bikaba ari uburyo bumwe bwo kuyisobanura.[1] Igihe abantu bahinduraga Ibyanditswe Byera mu zindi ndimi, bahitagamo amagambo afite ibisobanuro byihariye. Aya magambo bayahitagamo bamaze kumva neza icyo umwanditsi yari agamije kuvuga, bityo bakagerageza gukomeza kucyumvikanisha. Imana yashakaga ko abantu basobanukirwa ibyo yavugaga igihe yatangaga Ijambo ryayo bwa mbere. Imana ishaka ko Ijambo ryayo ryumvikana neza mu gihe cya none, ari na yo mpamvu

1 Ureste ibice bike cyane Isezerano rya Kera ryanditswe mu Giheburayo na ho Isezerano Rishya ryandikwa mu Kigiriki.

Uwiteka yatanze abigisha bo kwizerwa mu Itorero bashobora kwiga indimi Bibiliya yanditswemo kugira ngo bafashe Itorero kumenya ibibazo bijyanye no guhindura Bibiliya ikurwa mu rurimi rumwe ishyirwa mu rundi.

Urugero rwerekana ukuntu ibyo twanyuzemo bigena uburyo dusoma tukanasobanukirwa amagambo n'imvugo bigiye bitandukanye twarufata ku kuntu ijambo "shelegi" ryagiye rikoreshwa muri Bibiliya. Inshuti zacu nyinshi zo muri Afurika zifite ubusobanuro buke cyane ku bijyanye n'uko shelegi isa. Tuvuganye n'inshuti zacu z'Abanyakanada bo bashobora gusobanukirwa ukuntu shelegi igwa ikarema ikirundo cya cm 15 z'ubuhagarike, igatwikira ibintu byose.

Noneho se twakumva dute aya magambo avuga ko ikiganza cya Mose "*cyahindutse ibibembe by'umweru nka shelegi*" (Kuva 4:6)? Cyangwa ni gute umuntu yakogeshwa shelegi[2] (Yobu 9:30), cyangwa se inzu y'ububiko[3] bwa shelegi imeze ite (Yobu 38:22)? Kuba umuntu yaba aba muri Kanada, akaba azi uburyo shelegi igwa nk'imvura, bishobora kumufasha gusobanukirwa ijambo shelegi.

Mbese tuba dusa dute iyo Uwiteka atwejeje akatwuhagira tukera kurusha shelegi (Zaburi 51:7)?[4] Kuki umuntu yatinya shelegi[5], kuko mu Migani 31:21 havuga ngo, "N*tatinyisha abo mu rugo igihe cy'imbeho, kuko abo mu rugo rwe bambaye ibikomeye by'imihemba*". Na none kandi kuki ijambo "*shelegi*" *n'ijambo* "*imirabyo*"

2 Iki ni nk'ikintu kimeze nk'ifu, ubunini n'uburemere bwacyo bungana n'umurama uva mu mpeke bagosoye, ariko wakisiga ku mubiri kigahinduka amazi, akonje ndetse cyane.

3 Mu gihe cy'ubukonje shelegi irirundanya nk'umucanga cyangwa urubura. Rukurwaho hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe, rukarundwa, rukamera nk'umusozi w'urubura cyangwa ikigaragara nk'ububiko bw'urubura.

4 Iyo shelegi iguye ku buutaka imera nk'ikirunga kirutse, arko ikaba yererana ndetse yorohereye.

5 Shelegi igwa mu gihe cy'ubukonje , atari ubu bukonje bugaragara muri Afurika. Ubwo bukonje buba bukaze cyane ku buryo utifubitse bihagije wahasiga ubuzima. Bitewe n'uko ubukonje bumeze hari igihe mu mwaka, umuntu atinze hanze kandi atifubitse neza yapfa nyuma y'isaha imwe cyangwa ebyiri.

akoreshwa asimburanywa muri Matayo 28:3 havugwa ukurabagirana k'umwambaro w'Uwiteka?

Kuba shelegi yagwa mu igahinduka urubura, igakonjesha kandi ikumisha ibimera, byaba ari akaga (Imigani 26:1). Ariko niba tutazi shelegi cyangwa ubukonje bwica icyo ari cyo, cyangwa ikindi kintu wabigereranya, tuzashobora dute gusobanukirwa amagambo n'imvugo biganisha kuri shelegi? Ikoreshwa ry'ijambo *shelegi* ni urugero ruto rwerekana ukuntu uburyo bwihariye umuntu abona ibintu, n'ibyo yanyuzemo mu buzima bishobora kugena uburyo asoma Bibiliya.

Tumenye amakuru y'ibanze ku bihe Bibiliya yandikiwemo byaduha kumva birushijeho ibyo ivuga. Mu gihe cy'Isezerano Rishya, ubwami bw'Abaroma ni bwo bwategekaga ahantu hose. Bigishaga ko Kayizari ari we Mana kandi ko abantu bagombaga kumusenga. Berekanaga ko kubaho ubuzima bufite intego ari ukubahiriza ibisabwa n'ubwo bwami. Ku Bayuda, gusenga Imana mu rusengero rw'i Yerusalemu no gutamba ibitambo bya buri gihe bijyanye n'imihango ya Kiyuda ni byo byari ipfundo ry'ubuzima bwabo. Yesu yari Umuyuda. Ingoma y'Abaroma yihanganiraga imihango n'imigenzo ya Kiyuda igihe cyose itabangamiraga ibikorwa by'ubutegetsi bwabo.

Nyuma y' ibambwa n' izuka bya Yesu, Abakirisito bahise bahura n'itotezwa rikomeye cyane, batotezwa n'ingoma y'Abaroma ndetse n'abayobozi b'idini ya Kiyuda. Abakirisito ba mbere hafi ya bose bakomokaga mu idini ya Kiyuda. Iyo abantu bavugaga ibya Mesiya cyangwa Umucunguzi, babaga bavuze umuntu uzaza akabakiza ibihe bibi bari barimo. Iyo bavugaga ibyo gushyiraho ubwami bwa Kiristo, babaga bavuga gushyiraho ubwami bwo mu isi, buzarangiza ikandamizwa bagirirwaga n'ingoma y'Abaroma maze Yesu n'abigishwa be bakima ingoma. Kumenya aya makuru yose bigira umumaro mu gihe dusoma Isezerano Rishya.

Uko ni na ko bimeze mu gihe dusoma ibitabo byo mu Isezerano rya Kera Urugero:

> Yeremiya yatangiye guhanura mu kinyejana cya 7 mbere y'ivuka rya Yesu, ahagana mu iherezo ry'ubuzima bw'amoko abiri yo mu majyepfo yajyanywe mu bunyage muri 586 mbere y'ivuka rya Yesu (n'ubwo hari n'abandi bari barajyanyweyo mbere). Yeremiya yabayeho ku ngoma z'abami 7 b'Abayuda: Manase, Amoni, Yosiya, Yehohazi, Yehoyakimu, Yehoyakini na Zedekiya. Yahanuye mu gihe cy'imyaka 40 ku ngoma z'abami batanu ba nyuma.
>
> Yahanuye mu gihe cyari gikomereye abantu b'Imana. Amoko 10 yo mu majyaruguru yari yarajyanywe bunyago n'Abashuri basiga amako abiri y'ubwoko bw'Imana atuye muri Yerusalemu no hafi yaho. Yesaya na Mika bari barapfuye, ubuhanuzi bwabo butitaweho. Yeremiya ni we muhanuzi wa nyuma wahanuriye abantu ababurira ko bitari bigishobotse gukumira akaga kendaga kubagwira.
>
> Yeremiya yavutse ku ngoma y'umwami Manase, umwami mubi wishe umuhanuzi Yesaya amucamo kabiri amusotse mu giti amuziza ko yamuhanuriye ibibi. Ububi bw'uyu mwami bwageze n'aho atambira abana be ibigirwamana, amena amaraso y'inzirakarengane nyinshi muri Yerusalemu.
> Abahungu babiri b'ingenzi bavutse ku ngoma ye –Yosiya, waje kuba umwami na Yeremiya. Manase yasimbuwe n'undi mwami w'umugome witwa Amoni wamaze igihe gito ku bwami, mbere y'uko Yosiya yima ingoma ari umwana muto w'imyaka umunani. Ku ngoma y'uyu Yosiya ni ho igitabo cyo Gutegekwa kwa kabiri cyavumbuwe mu Rusengero

> kizingiwe mu mwenda washaje. Yosiya yatewe ubwoba no gusoma muri iki gitabo ko umuvumo w'Imana wari wibasiye igihugu n'abaturage bacyo. Bityo agerageza kuvugurura imibereho y'abantu ariko ntiyabigeraho.

Iyo dusoma Ibyanditswe, amateka yacu agena uburyo tubyumva. Buri wese muri twe afite ubuzima yanyuzemo bugiye butandukanye, ari na yo mpamvu tubona ibintu ku buryo butandukanye. Ni ngombwa kuzirikana ubutumwa bwatanzwe bwa mbere, n'uburyo abantu bwahawe bwa mbere baba barabwumvise. Muri make ni ngombwa kumenya ibihe amagambo runaka yandikiwe.

**UMWANZURO**

Turarangiriza ku gitekerezo twatangiriyeho. Tura-kangurira abantu kutagira icyo bongera cyangwa ngo bagabanye ku Ijambo ry'Imana. Rinda icyizere Imana yakugiriye.

*''Ndahamiriza buri wese uwumva amagambo y'ubu buhanuzi bw'iki gitabo, niba hariho uwongeraho Imana izamwongera ibyago byanditswe muri cyo, kandi nihagira umuntu ukura ku magambo y'igitabo cy'ubu buhanuzi, Imana izamukura ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo no kuri rwa rurembo byanditswe muri iki gitabo. Uhamya ibyo aravuga ati yeee ndaza vuba. Amen. Ngwino Mwami Yesu.*" (Ibyahishuwe 22:18-20)

## *Umukoro*

1. Reba ku rupapuro rwa nyuma rw'iki gitabo gahunda y'ibanze yo gusoma Bibiliya. Ni ngombwa ko buri wese muri twe asoma Bibliya yose. Nabonye bifasha kugira

umurongo ngenderwaho utwibutsa gusoma Ijambo ry'Imana.

2. Andika mu ikayi buri munsi uburyo waganiriye n'Imana mu Ijambo ryayo n'Umwuka Wera; na byo ni iby'igiciro. Mu gihe wicaye usoma Ijambo ry'Imana, saba Umwuka Wera ayobore ibitekerezo n'amarangamutima byawe. Andika ikibazo cyose wabonye mu byo usomye, kigenzure neza, usabe Umwuka Wera akwereke icyo ijambo ry'Imana rishaka kukwigisha uyu munsi. Nurangiza usenge.

3. Hitamo igitabo ushaka muri Bibiliya kugira ngo ukige mu buryo bwimbitse, kandi ibyiza ni uko wahitamo igitabo kigufi. Nakugira inama yo gutangirira ku rwandiko Pawulo yandikiye Abefeso, Abafilipi cyangwa Abakolosayi. Numara guhitamo igitabo cyawe tangira ugisome cyose wicaye ahantu hamwe. Ukomeze kwandika buri munsi muri ya kayi yawe, ikiganiro ugirana n'Ijambo ry'Imana. Kora ibi nibura rimwe mu cyumweru mu gihe cy'ibyumweru 15.

# I.

## UBURYO BWO GUSOMA BIBILIYA

Mbere y'uko dusura u Rwanda twakiriye ibaruwa y'ubutumire iturutse ku Muvugizi w'itorero rimwe rinini mu Rwanda. Twohererereje uhagarariye u Rwanda muri Kanada urwandiko rwacu rw'inzira (Pasiporo) hamwe n'urwandiko rw'ubutumire, baduterera viza yo kwinjira mu Rwanda muri pasiporo, barangije barayitwohererereza. Mbere y'uko twemererwa kwinjira mu ndege muri Kanada, batubajije aho tugiye. Tubashubije ko ari mu Rwanda, bahita bareba mu rwandiko rwacu rw'inzira kandi iyo baza gusanga tudafite viza, ntibari kutwemerera kurira indege muri Kanada.

Ubwo twahinduraga indege muri Amerika, na bwo mbere y'uko tuyijyamo batubajije n'ubundi bya bibazo, natwe tubaha n'ubundi bya bisubizo. Uko ni na ko byagenze tugeze i Burayi. Noneho tugeze mu Rwanda tubonanye n'umukozi w'Ibiro by'Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu, twongeye kubazwa impamvu dukwiriye kwemererwa kwinjira mu Rwanda. Bimeze nk'aho uyu mukozi atari yitaye kuri kashe yari iteye mu rwandiko rwacu rw'inzira. Ariko mu by'ukuri yashakaga kumenya uwadutumiye, aho tuzacumbika, icyo tuzaba dukora n'igihe tuzamara. Uko nagendaga musobanurira byinshi, ni ko yagendaga agira ikibazo. Nkomeza kumubwira iby'urwandiko rw'ubu-

tumire nohererejwe n'uwari Umuvugizi w'iryo torero rinini mu Rwanda. Maze kumuha iyo baruwa, akabona iriho umukono uteyeho kashe, idutumira kuza mu gihugu, ni bwo yabyemeye. Ni nk'aho yarimo abaza at: "Ni nde waguhaye uburenganzira bwo kuza muri iki gihugu?" Ni uko amaze kubona urwo rwandiko, akarwemera n'ububasha bw'uwarwanditse, ni bwo yatwemereye kwinjira mu gihugu. Iyo ataza kwemera ubutware bw'ibaruwa idutumira, ntituba twaremerewe kwinjira mu gihugu.

Ikibazo cy'ubutware ni rusange mu isi yose, kandi ni na ko byahoze kuva kera. Ubutware bwa Yesu bwatezaga impaka buri gihe: "*Yinjiye mu rusengero, abatambyi bakuru n'abakuru b'ubwo bwoko baza aho ari yigisha, baramubaza bati "Ufite butware ki bugutera gukora ibyo? Ni nde wabuguhaye?*" (Matayo 21:23). Niba twaramaramaje mu mitima yacu kutizera Yesu, tugomba guhakana twivuye inyuma ko Ibyanditswe Byera byaba bifite ubutware ubwo ari bwo bwose. Iki ni cyo kibazo Yesu yajyagaho impaka n'abayobozi b'idini bo mu gihe cye (Yohana 5:39-47).

## IBYANDITSWE BYERA NI IKI?

Bibiliya ni Ijambo ry'Imana, ryavuzwe hakoreshejwe amagambo ya muntu mu gihe runaka. Ni Ijambo rifite kamere y'ubumana na kamere muntu nk'uko biri no kuri Yesu Kristo wari Imana akaba n'umuntu. Impapuro si zo zera, igitabo ubwacyo si cyo cyera , ahubwo Imana ni yo Yera n'Ijambo ryayo rikaba iryera . Yesu Krisito ni we mvugo ihebuje y'Ijambo ry'Imana. Ni we Jambo. "*Kandi Jambo yigize umuntu, aba muri twe*" (Yohana 1:14). Yesu ni we mvugo y'Imana ifite ishusho y'umuntu, ni we Jambo rigaragara ry'Imana.

Ubwo Bibliya ari Ijambo ry'Imana, ni ukuvuga ko ifite agaciro ibihe byose. Ibwira abantu bose, ba buri kigero

cyose cy'ubukure, b'imico yose, ikanavuga ku ngeri zose z'ubuzima. Icyakora kuba Imana itaratwoherereje inyandiko imanutse mu ijuru, ahubwo igahitamo gukoresha abantu babayeho mu mateka, ni yo mpamvu dusanga mu magambo y'Ibyanditswe hagaragaramo imiterere ya kimuntu. Umusomyi nyawe wa Bibiliya azirikana ibi bintu bibiri: agaciro gahoraho k'Ijambo ry'Imana, n'ibihe byihariye ibi Byanditswe byatanzwemo n'Imana.

Bamwe batsimbarara ku buryo Bibiliya ifite agaciro mu bihe byose, bagashaka gutekereza ko ari icyegeranyo cy'inkuru zikwiriye kwizerwa n'amategeko akwiriye kumvirwa. Nyamara, hari ibintu byinshi bipfukirana umuntu bikamutera guhitamo ibyo yumvira n'ibyo atumvira.

N'ubwo Bibiliya ifite agaciro ibihe byose, Imana yahisemo kuyandikisha mu gihe runaka. Yakoresheje abantu bamwe bavugaga ururimi rw'Igiheburayo, Ikigiriki, Icyarameya bo mu Burasirazuba bwo hagati ndetse n'abakomoka mu mico y'abantu baturiye inyanja ya Mediterane. Na none kandi Imana yakoresheje uburyo hafi ya bwose bubaho bwo gutanga ubutumwa: kuvuga amateka ubara inkuru, ibisekuruza, inkuru z'abami, amategeko y'uburyo bwose, ubusizi bw'uburyo bwose, imigani y'imigenurano, ubuhanuzi, ibisakuzo, udukino, inyandiko zivuga imibereho y'umuntu runaka, imigani, amabaruwa, ibyigisho, n'inyandiko zivuga ku bwiru bwahishuwe n'ibihe by'imperuka. Tuzi neza ko tudasoma ibisigo nk'uko dusoma inzandiko, cyangwa ngo dusome inkuru z'amateka nk'uko dusoma ubuhanuzi. Ikibazo dukwiye kwibaza ni iki: "Twamenya dute ubwoko bwa buri nyandiko kandi twayisoma dute?"

## 1. GUSESENGURA IBYANDITSWE BYERA

Umurimo wa mbere wa ngombwa ni ugusesengura Ibyanditswe Byera witonze kugira ngo uvumbure igisoba-

nuro byari bifite igihe byandikwaga. Aha twibaza ikibazo kigira kiti: "Ni iki umwanditsi wa Bibiliya yashakaga kuvuga mu gihe cye?" Ibi ni ukugerageza kumva Ijambo nk'uko abaribwiwe mbere baba bararyumvise. Ibi ni ubumenyi, kandi hari abahanga bafite ubunararibonye muri byo, ariko burya buri muntu wese muri twe asesengura Ibyanditswe Byera. Tureba mu Byanditswe tugira ngo tugererageze kumva icyo Imana itubwira.

Iyo tudatangiriye kuri iki kibazo cyo gusesengura Ibyanditswe ngo turebe ibyavuzwe n'ibyumviswe mu gihe byatagwaga mbere, bizatuviramo kugoreka Ijambo ry'Imana. Nk'urugero, dusoma mu Abagalatiya 3:28 ibi bikurikira: "*ntihakiriho Umuyuda cyangwa Umugiriki, nta mbata cyangwa uw'umudendezo ntihariho umugabo cyangwa umugore; kuko mwese muri umwe muri Kristo Yesu.*" Bibiliya hafi ya zose zihuriza ku buryo bwo guhindura uyu murongo mu ndimi zitandukanye. Ikibazo rero ntikiri ku buryo bwo guhindura uyu murongo mu rundi rurimi.

Uyu murongo ukoreshwa "nk'umurongo -*gihamya*"[1] wo mu Byanditswe Byera ushingirwaho n'imyizerere/inyigisho y'uko umugabo areshya n'umugore ku buryo bwose kandi ko nta mpamvu yo gutekereza ko umugabo afite ubutware ku mugore we cyangwa ko yagira ububasha buruta ubw'umugore mu itorero. Abantu bamwe batekereza ko uyu murongo uvuga ku nshingano z'umugabo n'umugore. Bityo uyu murongo uvuga ukuri gukomeye ku gakiza ugatakaza ubusobanuro bwawo. Niba tutiyemeje gusoma Ibyanditswe mbere na mbere tubisesengura, ahubwo tukabisoma mu rwego rwo gushaka gihamya y'ibyo twizera, ukuri kwabyo gushobora gutakara mu buryo bwihuse.

---

1 Tuvuga ko umurongo cyangwa igice cy'Ibyanditswe byakoreshejwe nka gihamya iyo hari igitekerezo runaka umuntu afite agashaka umurongo cyangwa igice cyo muri Bibiliya cyo kubishimangira, ariko akenshi ugasanga yirengagijwe ibihe ayo magambo yandikiwe.

Nanone kandi niba tutibajije icyo uwo murongo wasobanuraga mu gihe wandikwaga, tuzarushaho kutamenya icyo uwo murongo usobanura uyu munsi. Pawulo ntiyigeze atekereza ko uyu murongo (Abagalatiya 3:28) wakoreshwa mu gusenya gahunda y'ubuyobozi yashyizweho n'Imana. Tubigenjeje gutya, twaba twirengagije inyigisho za Pawulo zikubiye mu nzandiko yandikiye Timoteyo, Abagalatiya n'Abefeso.

Ikibazo cy'isesengura rikozwe n'abahanga ni uko abiyita abahanga batigaragaza nka zo koko. Abagalatiya 3:28 ni urugero rwiza rw'ibyatubaho mu gihe twemeye ibyo abahanga bavuga tudasesenguye icyo Ijambo ry'Imana rivuga. Buri muntu wese muri twe akwiriye kuba umusesenguzi; dukeneye gusesengura kugira ngo tumenye neza icyo Ijambo ry'Imana rivuga; tugomba kuryiga turisesengura. Nitutabigenza dutyo, tuzaba twiteguye kumva ibitandukanye n'ibyo Ijambo ry'Imana ryavuze kandi tubone ibintu bitari mu by'ukuri mu byo twasomye.

N'ubwo Bibiliya yahinduwe mu rurimi rwacu ari yo yonyine dufite, buri wese muri twe ashobora kugerageza kumva Ijambo ry'Imana. Hari ubwoko bubiri bw' ibibazo by'ingezi bikwiye kubazwa ku gice cyose cya Bibiliya dusomye: Kumenya ibihe ibyo dusoma byandikiwemo n'ibikubiye mu gice twasomye.

## GUSESENGURA IBYANDITSWE BYERA: KUREBA IGIHE AMAGAMBO YANDIKIWE, AHO AHEREREYE MU GITABO DUSOMA N'IBIKUBIYE MU GICE TWASOMYE

Ku nshuti zacu zo muri Afurika, gushaka kumenya igihe n'ahantu bifitanye isano n'ibivugwa ni ikintu basanganywe kandi bakora buri gihe. Abantu batega amatwi umuntu iyo bamaze kumenya aho akomoka, uwo ari we,

imibanire ye n'abandi n'ukuntu abandi bamuzi. Biragora cyane kumva ibyo umuntu avuga iyo utazi uwo ari we. Dukeneye kumenya urwego ibintu birimo! Urufunguzo rw'isesengura nyaryo ni ukumenya gusoma Ibyanditswe witonze kandi ukamenya no kwibaza ibibazo nyabyo ku byo wasomye. Ku bijyanye n'urwego ibyo dusoma biherereyemo, aha tugomba kureba ku gihe byandikiwe n'urwego rw'imyandikire biherereyemo. Bishobora kuba bishingiye ku mateka cyangwa ku buvanganzo.

**Ibihe amagambo yandikiwe:** ibi birebana n'ahantu amagambo yandikiwe, imiterere y'imisozi yaho, imyemerere y'abantu baho, ibibazo bya politiki byaranga igihe cy'uwanditse. Na none harebwa impamvu amagambo yanditswe (igitabo, ibaruwa, Zaburi, ubuhanuzi n'izindi ngeri z'ubuvanganzo).[2]

Urugero: ni ngombwa kumenya ko idenariyo (Mat.20:1–16) ryanganaga n'umubyizi wuzuye w'umuntu ku munsi atari ukuvuga amafaranga make gusa. Igihembo cy'umunsi k'umukozi muri Afurika gitandukanye n'icyo umukozi ahabwa mu Burayi no muri Amerika y'Amajyaruguru. Kugira ngo umusomyi abashe kumva iyi nkuru, kumenya aho inkuru dusoma yavugiwe bigira umumaro. N'ubwo umuntu yamenya byinshi abikuye mu gusoma Ibyanditswe yitonze, hari ubundi bumenyi bujyanye na byo buboneka gusa mu bindi bitabo, urugero nko mu Nkoranyamagambo ya Bibiliya.

Igisubizo ku kibazo cy' impamvu *yateye umwanditsi kwandika igitabo n'intego yari afite gikunze* kuboneka mu gitabo ubwacyo. Urugero: Urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto, ni urwandiko rwihariye rwandikiwe abantu bihariye ruvuga ibibazo byihariye mu Itorero. Icyakora aha ni ngombwa kwitonda ntidukabye ngo bimere nk'aho uru rwandiko nta cyo rwashoboraga kub-

2 Hari ubwoko bunyuranye bw'ubuvanganzo. Nk'urugero indirimbo z'iby'Imana n'indirimbo zisanzwe ni ingeri ebyiri zitandukanye z'ubuhanzi.

wira abandi bakirisito. Ahubwo tubona ko n'andi matorero yagiye akoporora inzandiko za Pawulo akazitunga kuko yazibonagamo ibyo kuyubaka mu myizerere ya Gikrisito (2 Petero 3:16). Ikindi mu 2 Abakorinto 1:1 urwandiko rwihariye rwandikiwe iri torero ry'i Korinto rwari runagenewe abakirisito (abera bose) bo muri Akaya. Ibi bitwereka ko Pawulo yumvaga ko inzandiko ze zasomwa n'andi matorero. Bigaragarira aho Pawulo yashoboraga no gusaba amatorero guhererekanya inzandiko yabandikiye kugira ngo bose bagerweho n'inyigisho ze (Abakolosayi 4:16). Natwe rero abizera b'iki gihe, dushingiye kwizera ku byahamijwe n'abakirisito ba mbere, tugomba gusoma izi nzandiko kugira ngo dusobanukirwe iby'agakiza Imana yahaye abantu muri Krisito Yesu. Ugereranije izi nzandiko n'igitabo cy'Imigani, usanga cyo gikubiyemo inyigisho z'ubwenge zigamije gufasha mu buzima bwose, ariko zishaka cyane cyane gufasha urubyiruko kubaho ubuzima bwiza kandi bwubaha Imana.

Ibibazo byafasha mu kuvumbura igihe amagambo runaka yandikiwe:

1. Iki gitabo kitubwira igihe cyandikiwe?
2. Iki gitabo kitubwira uwacyanditse?
3. Iki gitabo kitubwira abo cyandikiwe?
4. Mbese hari ibibazo byihariye bivugwa muri iki gitabo?

**<u>Ubuhanga bw'imyandikire n'imiterere y'ibyanditswe</u>**: ibi byo byibanda ku magambo yakoreshejwe n'igisobanuro yari afite igihe yakoreshwaga. Igisobanuro cy'amagambo cyumvikana gusa iyo akoreshejwe mu nteruro. Ubusobanuro nyabwo bw'interuro na bwo bwumvikana iyo uyihuje n'inzindi nteruro ziyibanjirije n'iziyikurikira. Ikibazo cy'ingenzi tuzibaza aha ni iki: "Ibyanditswe bigambiriye kutwigisha iki?" Ikindi kikaba iki: "Ni gute uyu murongo ugira icyo wongera ku nkuru cyangwa ku kivugwa mu

gitabo?" Tugomba kugerageza gushaka icyo umwanditsi yatekerezaga, icyo arimo kuvuga, kandi niba yaravuze ibyo, ni ibiki noneho arimo avuga ubu. Turibaza tuti: "Niba umwanditsi yaravuze ibintu runaka ubu noneho aratubwira iki?" Dukeneye kureba mu bika bikubiyemo ibyo twasomye, tukareba igitekerezo gikubiye mu nteruro nyinshi zikigize; dukeneye kwiga gusoma dushakisha ibitekerezo nyamukuru bikubiye mu bika bigize inyandiko. Reba igika kibanziriza n'igikurikira icyo urimo kwiga.

**Ubuhanga bw'imyandikire n'imiterere y'Ibyanditswe** na none byibanda ku busobanuro bw'amagambo ari mu byo dusoma. Inyungu nyinshi mu mibereho no gutegura ikibwiriza ituruka mu gusoma Ibyanditswe *usesengura ubutumwa bubikubiyemo.* Baza ibibazo nk'ibi bikurikira:

1. Ibyo nsomye biri mu buhe bwoko bw'ubuvanganzo? Ese ni igisigo?
2. Ni ba nde bavugwa mu byo nsomye? Ni he ibintu byabereye? Ibikorwa bivugwamo ni ibihe?
3. Mbese umwanditsi arakoresha imvugo izimiza/ ishushanya[3]
4. Ese inkuru yubatse ku buryo ubona neza urukurikirane runoze rw'ibikorwa n'ibitekerezo?
5. Mbese umuntu uvuga mu byo nsomye we atekereza iki ku bivugwa mu nkuru?
6. Muri rusange umwanditsi arakoresha imvugo iteye ite?

Ibi ni ibibazo byose buri wese muri twe yakwibaza kandi akabibonera ibisubizo mu gihe dusoma Bibliya mu rurimi rwacu. Buri wese akwiye kwibuka ko intego ya mbere yo gusesengura ibyo dusoma ari ukugira ngo

3 Ibivugwa biba bifite ikindi gisobanuro gihanitse. Nk'urugero, umwana w'ikirara ashushanya umuntu wese wikunda cyane akareba gusa inyungu ze bwite.

dushobore kumenya intego y'amagambo mu gihe yandikwaga. Ni byiza kugira Bibiliya nyishi zishoboka zihinduye mu ndimi zinyuranye kugira ngo tuzisome tuzigereranya, kandi muri uko kuzigereranya tubasha gusobanukirwa byinshi ku bijyanye n'ubusobanuro n'intego Ibyanditswe dusoma byari bifite mu gihe byandikwaga.

## 2. UBUHANGA BWO GUSOBANURA BIBILIYA

Ubu buhanga bushaka kwerekana icyo Bibliya itubwira mu bihe byacu none. Aha turibaza iki kibazo: "Ibyanditswe Byera biratubwira iki mu bihe bya none?" Akenshi bitangirira mu isesengura ryimbitse. Icyo Ibyanditswe Byera byasobanuraga mu gihe byanditswe, gikwiriye kudufasha kugenzura icyo Ibyanditswe bivuga neza uyu munsi kandi bikanaturinda kubisoma nabi. Bitabaye ibyo Ibyanditswe byakoreshwa mu kuvuga ibyo umuntu yishakiye, kandi ibi ntibinezeza Imana. Ikindi kandi, igikorwa cyo gusobanura Bibiliya cyaganzwa n'amarangamutima yacu, bityo bigatuma tutagira ikintu twashingiraho twemeza uri mu kuri n'utakurimo.

Ku ngingo ziremereye, cyane cyane ahari ukutumvikana ku buryo bwo gusobanura Ibyanditswe, abizera baba bakwiriye kwitoza kubiganiraho bagasaba Umwuka wera akabaha guhuza. Umwe mu mirimo y'Umwuka Wera ni ugufasha abantu gusobanukirwa Ibyanditswe (2Timoteyo 2: 7). Dushobora kwiringira ko mu gihe dushakiye hamwe kumva Ibyanditswe, Umwuka Wera azaduha ubusobanuro bwuzuye bw'Ijambo ry'Imana. Ntidukwiye kwibwira ko hari umuntu uwo ari we wese ufite ubusobanuro bw'ukuri kuzuye ku gice cyangwa imirongo ya Bibiliya , keretse mu gihe ubwo busobanuro bwuzuzanya n'andi magambo yo mu Byanditswe Byera. Uko ni ko tubwirizwa n'Ijambo ry'Imana mu Byakozwe n'Intumwa 17:11: "*ariko abo bo bari beza kuruta ab' i*

*Tesaloniki kuko bakiranye ijambo ry'Imana umutima ukunze bashaka mu Byanditswe iminsi yose kugira ngo bamenye yuko ibyo bababwiye ari iby'ukuri koko."*

## 3. UMUKORO

Igihe tumaze gusesengura Ibyanditswe tukamenya neza icyo byasobanuraga mu gihe byandikwaga, kandi tukabisobanura kugira ngo byumvikane mu mvugo n'umuco by'iki gihe, icyo tuba dusigaje ni ukubishyira mu bikorwa[4]. Twibaza ikibazo gikurikira : " Uku kuri turagukoresha iki?"

Iyo dufashe amagambo ya Bibiliya tukayiyerekezaho mu bibazo byacu byihariye n'iby'abandi badukikije, tugomba buri gihe kwitonda, tukamenya neza tudashidikanya ko ahamanya neza n'Ibyanditswe Byera byose. Tugomba kwiyibutsa neza ko Ijambo ry'Imana ridashobora gusobanura icyo ritigeze risobanura mbere ubwo ryandikwaga. Tugomba kuba twiteguye kumvira Imana n'Ijambo ryayo tukabyerekanisha natwe ubwacu kubahana/kugandukirana.

Amagambo ya Pawulo ni urugero rwiza rubitwibutsa (Abefeso 4:1-3): "*Nuko ndabinginga jyewe imbohe y'Umwami Yesu ngo mugende uko bikwiriye ibyo mwahamagariwe mwicisha bugufi rwose mufite ubugwaneza bwose no kwihangana, mwihanganirana mu rukundo, mugire umwete wo gukomeresha ubumwe bw'umwuka umurunga w'amahoro."*

## UMWANZURO:

Turashaka gusoreza aho twatangiriye tugaruka ku kibazo cy'ubutware bw'Ijambo Ryera ry'Imana. Pawulo

4 Igice cya nyuma cy'iki gitabo kizibanda kuri iyi ngingo y'indangagaciro.

mu 2 Abakorinto 10 avuga ko nk'abizera bari muri Kristo Yesu tugomba kubeshwaho n'Umwuka, tukagendera muri wo , tudakurikiza ibyo kamere yacu yifuza. Itangiriro igice cya 3 hasobanura ibikubiye mu 2 Abakorinto 10. Satani yagiranye ikiganiro na Eva, Eva abonye ko icyo giti gifite ibyo kurya byiza, na we amusubizanya ubwenge bwe, yumvira kamere ye. Ntiyumviye Imana, kandi ntiyahaye agaciro itegeko Imana yamuhaye. Iyo aza kumvira Imana yari kubanza kugisha Adamu inama. Ndetse ntiyubashye n'Ijambo ry'imana. Eva hari icyo yongereye ku mabwiriza Imana yari yamuhaye, bityo yerekana uburyo atubashye Ijambo ry'Imana.

Pawulo yihanagiriza Timoteyo agira ati: "*Ujye agira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri. Ariko amagambo y'amanjwe atari ay'Imana uyazibukire, kuko abayavuga bazarushaho gushayisha, kandi ijambo ryabo rizaryana nk'igisebe cy'umufunzo.*"

(2 Timoteyo 2:15)

Kwiga Bibiliya ni umurimo wo kubahwa; kandi ni n'umurimo ukomeye usaba umuntu kugira ubwitonzi bwinshi. Ni igikorwa Imana ihamagarira buri wese muri twe gukora kandi uko tuzabyemera, tuzabona ukuboko kw'Imana nk'uko abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera bakubonye. Kuko "*Ezira yari yaramaramaje mu mutima gushaka amategeko y'Uwiteka ngo ayasohoze, kandi ngo yigishe mu Bisiraheli amategeko n'amateka*" (Ezira 7:10).

## *Umwitozo:*

1. Tekereza ku buryo bwimbitse ku rwandiko rwa 1 Abakorinto 2: 6-14.

   a) Ni irihe banga rifasha gusobanukirwa ubuhanga bw'Imana?

b) Usomye umurongo wa 11, ni irihe sano riri hagati y'ibitekerezo bya muntu n'ibitekerezo by'Imana?
c) Umuntu utaramurikirwa n'umucyo w'Imana yifata ate imbere y'ukuri kw'Imana? (umurongo wa 14)

2. Vuga byibuze ingero eshatu zo muri Bibiliya zivuga ku buhumyi bwo mu mwuka.

3. Niba umuntu adashobora kumva neza Ibyanditswe atabifashijwemo n'Umwuka Wera, mbese hari icyo bimaze gushishikariza abatizera kwiga Ijambo ry'Imana? Sobanura.

4. Ni rihe sezerano rya Yesu yatanze ku birebana n'Umwuka Wera no kumurikirwa n'Imana dusanga muri Yohana 16:13?

# II.

# ISEZERANO RYA KERA, INKURU IVUGA IBY'IMANA

## IBIGENDANYE N'INKURU

Hari mu mpera y'Impeshyi kandi twari dufite umugisha mwinshi w'umusaruro w'imbuto za Pome zeze twasaruye mu murima wacu. Kubera ubutumire bw'itorero ry'Abanyafurika duturanye twari dufite, twumvise ko dushobora gusangira, bituma dufata icyemezo cyo kujyana umufuka w'imbuto za pome ngo dusangire na bo. Ni uko baradushimira mu kinyabupfura bati: "Murakoze kutuzanira pome". N'ubwo byari kubabera umugisha kujya ku isoko tukagura Pome tukazibazanira, biriya byo byagaragaye ko ari umugisha mwinshi kumenya ko izo mbuto za Pome zavuye mu *murima wacu*. Twasangiye na bo ibyacu.

Gusura umurima w'umuntu bishobora kuba umwanya mwiza wo gusabana no kwiga ibirebana n'imirima kimwe n'ibirebana n'abahinzi. Tubikora uko tugenda tunyura mu murima wa buri muntu kandi tukibaza ibibazo bigira biti: kuki hari ibiti byatoranijwe ariko ibindi ntibitoranywe? Kuki ibihingwa runaka byahinzwe hariya? Ibihingwa byaturutse he kandi umuhinzi yiyumva ate imbere ya buri gihingwa? Birashimishije kumva ukuntu ibihingwa bimwe byagiye bihererekanwa uko ibisekuru by'abantu bikurikirana. Dushobora kubwirwa inkuru y'umukecuru

wari ufite impano yo kugemeka ibiti by'imbuto[5] ku bindi, akagira igiti kimwe mu murima we cyeraga amoko atatu atandukanye ya za pome. Dushobora kubwirwa inkuru y'agahuru gato k'inkeri kibutsa umuhinzi uduhuru twinshi tw'inkeri twabaga mu murima aho yarerewe mu bwana bwe. Buri wese afite inkuru yabara.

Isi ni umurima w'Imana. Dushobora kwiga ibintu bikomeye ku Mana twitegereza umurima wayo, tuwubamo kandi tunawukorera.

Dushobora kuyibaza ibigendanye n'umurima wayo, kandi Izanezwezwa no kugira icyo ibitubwiraho. Twiga kandi byinshi ku birebana n'umurima n'uwuhingira, tunaganira n'abandi bawurimo. Imana ikunda kubara inkuru yayo, ishaka ko tuyimenya kandi tukagirana ubusabane na yo buri munsi.

Isezerano rya Kera ni igice kimwe cy' inkuru y'Imana, ikaba kandi n'inkuru y'ubwoko bw'Abisiraheli. Nk'abakirisitu natwe Isezerano rya Kera ni igice cy'inkuru yacu. Amasezerano n'umuhamagaro w'Imana ku Bisiraheli, natwe ni ibyacu kandi byatangiye kuva kera muri *Kristo*. Pawulo abwira abanyamahanga (1Abakorinto10:1) ko ari basogokuruza *bacu* banyuze mu nyanja itukura. Kugira ngo twumve aya magambo neza tugomba kubanza kumenya umuhinzi, ibyo ni ukuvuga Imana. Dukeneye gusobanukirwa ibyo Imana yabwiraga abantu b'icyo gihe. Bityo bigatuma tumenya icyo ibi bivuze kuri twe uyu munsi noneho tukamenya n'uko "dukwiriye kubyitwaramo".

5 Gufata ishami ry'igiti gitandukanye n'ikindi ukacyomeka ku kindi kigikura . Ibi bikorwa mu mirima y' imbuto zitwa pome cyangwa zera mu gihugu cya Kanada cyane cyane iyo bashoboye kubona umuzi wa kimwe muri ibyo biti gishobora kugira ubuzima bwiza kurushaho mu gihe urubuto washakaga ko rwera rudafite imizi ikomeye. Mu *kugemeka* iryo shami kuri icyo giti, tubasha kubona umuzi ufite ubuzima bwiza kuko tuba tubonye ubwoko bw'imbuto twifuzaga. Ibi bishobora gutuma twumva

Ibyanditswe Byera dusoma mu Abaroma 11:11-36.

Numvise inkuru y'umugeni wateguriraga igaburo umugabo we n'abashyitsi. Yari atetse inyama nini y'ingurube. Umugabo yitegereza uwo mugeni ukiri muto arimo akata agace gato k'iyo nyama kariho igufa arangije arakajugunya. Aramubaza at: " Kuki ukase kiriya gice cy'inyama warangiza ukakijugunya?" Aramusubiza ati: "Uku ni ko mama yabigenzaga." Uyu mugeni wari ukiri muto ntiyari azi impamvu nyina yabigenzaga atyo.

Kubera kugira amatsiko uyu mugabo yabajije nyirabukwe niba koko mu by'ukuri ari ko yateguraga inyama y'ingurube. Amusubije ko ari ukuri, amatsiko y'uwo mugabo akomeza kwiyongera, bituma amubaza ati: "Kubera iki?" Nyirabukwe amusubiza agira ati: "Ni ko mama yabigenzaga." Maze nyuma uyu mugabo ajya kugisha inama nyirakuru na we amwemerera ko yakataga igice cya santimetero enye ku nyama iri ku igufa ry'ikibero cy'ingurube.

Abonye uyu mugabo akomeje kumuhata ibibazo, umukecuru ageraho amubwira neza uko ibintu bimeze. Aramubwira ati: "Mu gihe twazaga bwa mbere muri iki gihugu kikiri gishya, twari dufite ibintu bike, ibikoresho gusa by'ibanze n'inkono nkeya zo gutekamo. Bityo rero sinari mfite inkono ihagije yo gutekamo yakwirwamo iyo nyama yose, ni yo mpamvu nakatagaho igice kugira ngo ikwirwe mu nkono. Iyo nakaseho nkayikoramo umufa." Umugeni yari afite inkono ihagije yo gutekamo inyama yose, ariko igitangaje ni uko yiganye ibyo yabonye nyina akora, yumva nta cyo bimutwaye kutabaza nyina "Impamvu". Nitwitegereza neza, inshuro nyinshi tuzasanga hari impamvu itera umuntu gukora ibyo akora.

Isezerano rya Kera rigize ¾ bya Bibiliya kandi hafi 40% byo mu Isezerano rya Kera bivuga amateka mu buryo bw' inkuru. Ni inkuru y'Imana, ni Imana yihishurira abantu bayo mu murima wayo; ni inkuru yayo bwite. Si inkuru mpimbano, umuntu ahimba ngo abandi bayizere.

Mu nkuru iyo ari yo yose, ubara inkuru ahitamo icyo ashaka gushyira mu nkuru n'icyo adashyiramo. Hamwe n'ibyo yahisemo gushyira mu nkuru, ubara inkuru hari ubutumwa bwihariye atanga. N'ubwo abantu bagiye bandika inkuru mu Isezerano rya Kera, Umwuka Wera ni we wabayoboraga mu byo bandikaga. Dukurikije ibyo tubona muri iki gihe, dusanga kuvuga amateka bisaba kuvuga ku bantu, ku hantu, no ku bintu byabaye mu bihe byahise. N'ubwo menshi mu mategeko yo mu isezerano rya Kera atagize icyo aturebaho uyu munsi, Ibyanditswe biduha kwiga ibintu bikomeye ku Mana, imibanire yacu na yo, ndetse n'imibanire hagati yacu.

Inkuru zose zigira ibice bitatu by'ingenzi, hari abavugwa mu nkuru (abakora ibikorwa runaka), imbata y'inkuru n'umwanzuro. Abakora ibikorwa mu nkuru zo mu Isezerano rya Kera harimo Imana, Satani, ubwoko bw'Imana n'abanzi babwo. Imana ni intwari kandi ni nziza buri gihe. Satani ni umugome mubi, kandi iteka ryose ni mubi. Abantu rero bajya ku ruhande rw'Imana bitewe no kwizera kwabo no kumvira cyangwa bakajya ku ruhande rwa Satani bitewe no kutizera no kutumvira. Umuntu ntashobora kuvuga ko adafite uruhande arimo. Iyo tutiyemeje kujya ku ruhande rw'Imana tukicecekera, burya tuba twanzuye kujya mu ruhande rwa Satani!

Iyi nkuru ibarwa mu nzego eshatu. Hari ishusho rusange igaragaza umugambi w'Imana ku bantu bose: harimo ibyo kuremwa kw'ibintu byose, kugwa kwa muntu, imbaraga z'icyaha, icyifuzo cyo gucungurwa[6], kwihindura umuntu kwa Yesu akaba n'igitambo (ibi byitwa inkuru *yo gucungurwa).*

Urwego rwa kabiri rw'iyi nkuru rurebana n'Imana yicungurira ishyanga ryitwa Isiraheli. Uru rwego rurimo isezerano Imana yagiranye n'Abrahamu, uburyo Abisiraheli bagizwe abacakara, uburyo Imana yakuye Abisiraheli

6 Gucungurwa ni ukugura ikintu cyari cyrazimiye cyangwa cyaratawe. Iki kintu kiba cyari cyarataye agaciro kikongera kikaba icy'umumaro.

mu buretwa, uko yagiranye na bo isezerano ku musozi wa Sinayi, uko yabagejeje mu gihugu cy'isezerano i Kanani, uko Abisiraheli bongeye gukora ibyaha ntibanamba k' Uwiteka, uko Imana yakomeje kubarinda ibihanganiye. Habamo kandi inkuru ivuga ukuntu Imana yagiye ibinginga, gusenyuka burundu k'ubwami bwa Isiraheli mu Majyaruguru nyuma hakaza gukurikiraho n'ubwa Yuda mu Majyepfo; n'uburyo Abayuda bakuwe mu bunyage. Ibi byose ni byo bigize inkuru z'amateka y'imiryango igize ubwoko bw'Imana.

Urwego rwa 3 rurimo inkuru ngufi. Harimo inkuru nyinshi zishingiye ku bantu ku giti cyabo, zikabyara inkuru z'ibihugu n'amahanga atandukanye. Iyo dusoma izi nkuru, hanyuma tugasanisha n'abavugwa muri zo, ni byiza ko twibuka buri gihe aho zihuriye na ya shusho rusange twavuze bwa mbere. Bityo rero nk'uko abantu ku giti cyabo bagaragara mu nkuru y'Imana ni na ko natwe tugaragara mu nkuru yayo.

## UMUNTU UBARA INKURU

Ubara inkuru aba ari ahantu hose kandi akaba azi buri kintu cyose kuri iyo nkuru abara. Ahitamo icyo azavuga n'icyo atazavuga. Nta na rimwe avuga ibintu byose azi ahubwo ahitamo ibyo abwira abandi. Ni we uhitamo icyerekezo cy'inkuru. Akenshi uko abona ibintu abinyuza muri umwe mu bavugwa mu nkuru. Igihe cyose dusoma inkuru, tugomba kwitondera kureba uburyo ubara inkuru ahitamo kubara inkuru ye.

## INKURU

Abaheburayo babaraga inkuru mu buryo usanga igizwe n'inkuru ngufi nyinshi (*imiseruko)*, inkuru ikava mu

museruko umwe igakomereza ku wundi kandi ivugwamo abantu batandukanye. Imiseruko hafi ya yose yo mu nkuru iba irimo abantu babiri cyangwa batatu gusa. Bino bituma dukurirana inkuru neza, tugatwarwa na yo, bigatuma twisanisha n'abayivugwamo. Ubu ni bumwe mu buhanga bwo kubara inkuru.

Tubona abantu baganira n'abandi bantu ndetse n'ibibakikije. N'ubwo tutabwirwa ibintu biranga abantu bari mu nkuru, cyagwa se ngo tubwirwe imiterere yabo, imisabanire yabo n'abandi ituma tumenya uko bateye. Nk'urugero, mu gihe dusoma inkuru y'ikiganiro hagati ya Yozefu n'umugore wa Potifari, tubona urugero nyarwo rw'indangagaciro n'ubunyangamugayo bya Yozefu n'uburyo umwamikazi yashatse guca inyuma umugabo we. Ntibigoye kwisanisha n'abavugwa muri iyi nkuru.

Kwitegereza ibiganiro biba biri hagati y'abavugwa mu nkuru bidufasha kubasobanukirwa neza. Ikivugwa cya mbere mu biganiro gishobora kuba ikintu cyatumenyesha icyerekezo cy'inkuru n'imiterere y'uvuga muri yo. Iga kureba no gutega amatwi uburyo abavugwa mu nkuru baganira. Umwanya bamarana bavugana, niba kandi hari ibyo bari bavuze bigasubirwamo. Mu nkuru twavuze mu Itangiriro 39:7, aho umugore wa Potifari asaba Yozefu ko baryamana, Yozefu amusubiza mu buryo burambuye (Itangiriro 39:8-9). Ubara inkuru agerageza guhishura kamere ya Yozefu, amuha kuvuga mu buryo burambuye bityo bikerekana uko ateye, umutima we.

Aba bantu bavugwa mu nkuru, ibiganiro byabo, n'imiseruko bishyirwa mu mbata y'inkuru . Buri gice cyose kigira itangiriro, igihimba, kandi ibi byose bizana guhangana mu bitekerezo biganisha ku mwanzuro uboneka ku musozo w'inkuru. Inshuro nyinshi imbata y'inkuru izabamo amakimbirane, bitume usoma inkuru ategerezanya amatsiko kumenya uburyo azakemurwa.

Dufate urugero mu Itangiriro ibice 38 mu nkuru ya Yuda na Tamari. Imbata y'inkuru uko imeze ni igihe

umugabo wa Tamari (Umurongo wa 7) yapfaga maze Tamari akajya kureba sebukwe Yuda akamusaba undi mugabo kugira ngo na we ashobore kubyara abana. Yuda nta bupfura agaragaza mu buryo afata Tamari (Umurongo 9-11). Bityo Tamari aragenda akigira indaya(Umurongo wa 14). Yuda aza mu buryo butari bwo akaryamana na we (Umur 15,16). Bamaze guhura bumvikana igiciro, Yuda atanga ibimuranga ho ingwate (Umurongo wa 18). Hanyuma y'ibyo yohereza umugaragu we kujya kwishyura, ariko ntiyabona maraya uwo (Umurongo wa 20).

Uko tugenda turushaho kwinjira mu nkuru, ni ko twumva ibintu bigenda bishyuha. Yuda amaze kumva ko umukazana we atwite kubera ubusambanyi, azabiranywa n'uburakari (Umurongo wa 24). Ariko bimenyekanye ko Yuda ari we wasambanije umukazana we, ibintu birushaho gushyuha kuko tutazi uko Yuda agomba kubyitwaramo. Yuda ahitamo kwihana, bino bihita bizana igisubizo (25-26). Ibi birangiza iyi nkuru ntoya, iri mu nkuru ndende ya Isiraheli, kandi ikaba iri mu nkuru ndende y'Imana n'ubwoko bwayo.

Inkuru zo mu Isezerano rya Kera zubatse ku buryo zorohereza abazumva kuzikurikira. Inkuru zagombaga kubarwa, zikongerwa kubaririrwa abandi bakazumva kandi bakazitegera amatwi. Ibi ubwabyo bihuye n'imigenzereze y'Abanyafurika aho byinshi mu byifashishwa mu buzima bwabo bagenda babihererekanya mu mvugo. Bityo rero ni ngombwa cyane gusoma zino nkuru zo muri Bibiliya uranguruye kugira ngo zumvikane kandi natwe dushobore kuzumva.

Ikindi kintu kiranga Abaheburayo mu kubara inkuru ni ugusubiramo amagambo nyamukuru. Ibi na byo biramenyerewe mu buryo Abanyafurika babara inkuru. Ni ngombwa kumva aya magambo asubirwamo igihe dusoma Ibyanditswe by'Abaheburayo. Uburyo bw'Abanyafurika bwo kubara inkuru ni uburyo buziguye. Abantu bo mu bihugu by'Uburengerazuba bw'isi bo babara inkuru mu

buryo butaziguye. Dushobora kubona imiterere iziguye mu nkuru z'Abaheburayo. Ni nk'aho inkuru iziguye ivugwa ku buryo umuntu yabona ibisa n'utudomo tubyara umurongo w'inkuru imwe. Ubara inkuru ataziguye yita ku ngingo z'ingenzi kandi rimwe na rimwe agatandukira agatwarwa n'amakuru atagendanye n'inkuru nyamukuru. Ubara inkuru aziguye we ntashobora kugaragaza ingingo z'ingenzi yirengagije ya makuru yandi yo ku ruhande. Igihe dusoma inkuru za Bibiliya, tugomba kwita ku magambo nyamukuru agenda asubirwamo.

Ni ngombwa kwibuka ko inkuru zose zo muri Bibiliya zigira icyo zihuriraho. Imana ni intwari iteka. Abavugwa mu nkuru n'imbata y'inkuru byerekana ubusabane hagati y'abantu n'Imana. Satani iteka ni umugome. Abantu bazahitamo kujya ku ruhande rw'Imana cyangwa urwa Satani. Uko tugenda twisanisha n'abavugwa mu nkuru no kwishimira uburyo inkuru yabazwe, tugomba gushishoza tukareba ibyavuzwe mu nkuru n'ibyo inkuru ishaka kuvuga bitagaragara. Kandi uwo twisanishije na we mu nkuru bishobora kugaragaza imiterere yacu.

## IBINTU DUKWIYE KUMENYA IGIHE DUSOMA INKURU

Inkuru si imigani ifite ikindi gisobanuro gihanitse cyihishe inyuma. Tugomba kwirinda guha umwandiko ubusobanuro runaka mu gihe Bibiliya itavuga yeruye ko ari bwo busobanuro bwawo. Isezerano Rishya ririmo imirongo myinshi yo mu Isezerano rya Kera bityo bigatuma kuyisobanura byoroha kuko bigaragara neza. Tugomba kwirinda gukoresha inkuru runaka nk'inkuru ya gihamya cy'ibyo dushaka kuvuga.

Icya kabiri ni uko inkuru zitari zigambiriye buri gihe kwigisha amasomo y'imyitwarire cyangwa ngo zitange ingero z'imyitwarire myiza. Inkuru itubwira ibyabaye; bityo kuba inkuru iri muri Bibiliya ntibivuze ko ishatse

kutwigisha imyitarire myiza, cyangwa imyitwarire mibi. Nk'urugero, abakurambere benshi b'Abisiraheli bashakaga abagore benshi, nyamara umugambi w'Imana kuva mu ntangiriro wari uko umugabo ashaka umugore umwe. N'ubwo Ibyanditswe bivuga ko Yakobo yari afite abagore benshi, ntibitubwira ko ari urugero rukwiye gukurikiza. Ahubwo inkuru itubwira gusa ibyo Imana yakoze mu mateka y'Abisiraheli n'uburyo na bo bitwaraga. N'ubwo hari amasomo afatika dushobora kwigira muri izi nkuru, tugomba kwitondera kutavuga ibyo Bibiliya itigeze ivuga.

Nitureba ku nkuru ngufi, igice gito nk'uko twabibonye haruguru, ni ngombwa kuzirikana buri gihe ko iri mu nkuru rusange. Nitureba ku magambo y'ingenzi ari mu mwandiko, tukaba ari yo turebaho gusa, tukirengagiza urwego rwagutse akoreshwamo, bizatuma dusobanura Bibiliya nabi.

Kandi uko twibona mu nkuru, dushobora gushaka *kwiyerekezaho* ibice byayo tukumva ko bigize icyo biturebaho ku buryo bwihariye bitareba abandi bantu. Uku ni ugusoma Bibiliya umuntu yi*rebaho*, kandi intego n'ikigambiriwe bigendera ku kwikunda kwa muntu. Zirikana ko iyi nkuru ari iy'Imana, ko atari inkuru y'umuntu runaka.

Dukwiriye na none kwitondera gukoresha ibyo dusoma mu bintu bidafite aho bihuriye n'inkuru za Bibiliya. Urugero twarufata mu Bacamanza 6:36-40 aho Gidiyoni arambika ubwoya bw'intama hasi agerageza ibyo Imana yarimo kuvuga. Ibi Byanditswe bishatse kuvuga ko Imana yakijije Abisiraheli ikoresheje Gidiyoni *n'ubwo* Gidiyoni we atizeye Ijambo ryayo. Gukoresha ubwoya cyari ikimenyetso cyo kubura kwizera ijambo ry'Imana. Ni uko rero gukoresha ibintu bisa n'ubwoya muri iki gihe, byaba ari ukwerekana ko tubuze kwizera no kubaha Imana. Gukoresha ubwoya bw'intama nticyari ikimenyetso cyo

kugendera mu kwizera, bityo rero n'uyu munsi ntibyaba ari ikimenyetso cyo kugendera mu kwizera.

Ikindi gikwiriye kwitonderwa ni ugusoma Ibyanditswe umuntu yifitiye ibitekerezo bye, agashaka ko Ibyanditswe bivuga icyo we ashaka ko bivuga bigatuma yirengagiza amategeko nyayo yo gusesengura Ibyanditswe Byera. Urugero, hari abantu bashyigikira kubana abantu bahuje ibitsina nk'uburyo bwemewe bw'imibereho, bakaba bashobora gukoresha imibanire ya Dawidi na Yonatani nk'urugero rwo mu Byanditswe rubihamya. Kuko tubwirwa ko Dawidi yakundaga Yonatani nk'uko yikundaga (1Samweli 20:17), bagasomana (Umurongo wa 41), ari na byo bimenyerewe mu mico myinshi ku isi ku bantu badahuje ibitsina[7]. "Urukundo" rwa Dawidi na Yonatani rwari urukundo rw' isezerano kandi rukaba rumeze nk'urukundo rw'Imana. Umuco w'abantu baryamana bahuje ibitsina wamaganwa ku buryo bugaragara mu bindi bice by'Ibyanditswe Byera, haba mu Isezerano rya Kera cyangwa mu Rishya. Ni uko rero kuvuga ko iki ari ikimenyetso cy'uko Imana "yemera" abantu babana bahuje ibitsina muri Bibiliya ntibijyanye n'ibindi bice byo muri Bibiliya, bityo rero, iki ni ikimenyetso cyo gukoresha Ibyanditswe kugira ngo bivuge icyo twe dushaka ko bivuga, tukirengagiza icyo bivuga by'ukuri.

Menya ko nta nkuru n'imwe ya Bibiliya yanditswe kuri wowe by'umwihariko! Inkuru za Bibiliya ni iz'agaciro kuri twe kuko *zitwereka bidasubirwaho* uruhare rw'Imana mu biba ku isi, *zikerekana* amahame n'umuhamagaro byayo, ariko mu by'ukuri ntizigisha ku buryo bwimazeyo indangagaciro z'umuntu ku giti cye. Dushobora kwiga ibintu bikomeye cyane muri izi nkuru, ariko nta na rimwe

7 Mu moko amwe y'Abanyafurika kubona abagabo babiri bagenda bafatanye mu biganza cyngwa bafatanye amaboko; cyangwa se abagore bakora nk'ibyo ni ikimenyetso cy'uko bafitanye urukundo rukomeye no kubahana. Ibi ntibivuga na gato ko baba bahuza ibitsina. Nyamara mu bihugu byo mu Burengerazuba bw'isi, iyi myitwarire iboneka mu babana bahuje igitsina. Abifuza kurwanira ibyo guhuza ibitsina ku bantu babihuje bashobora kwifasha iyi nkuru ya Dawidi na Yonatani.

dukwiriye gutekereza ko Imana ishaka ko dukora ibintu bisa n'ibyo abantu bo muri Bibiliya bakoze cyangwa se ngo twumve ko hari ibintu byaba kuri twe nk'uko byababayeho.

**AMAHAME 10 YO GUSOBANURA INKURU:**

1. Ubusanzwe inkuru yo muri Bibiliya ntiba igamije kwigisha ingingo runaka y'imyizerere.
2. Ubusanzwe inkuru itangwa ni urugero rusobanura ingingo y'imyizerere yigishijwe ahandi muri Bibiliya nk'itegeko.
3. Inkuru zivuga ibyabaye, si ngombwa ko ibyo biba byakongera kubaho gutyo.
4. Ibyo abantu bakora mu nkuru si ngombwa ko bifatwa nk' urugero rwiza kuri twe.
5. Benshi mu bavugwa mu nkuru zo mu Isezerano rya Kera si abakiranutsi na gato.
6. Mu mwanzuro w'imkuru nta bwo buri gihe tubwirwa niba ibyabaye byari byiza cyangwa bibi, tuba dusabwa kubigenzuza ibindi Byanditswe Byera.
7. Amakuru yose akenewe ntaboneka mu nkuru; inkuru zose zihitamo ibyo zivuga n'ibyo zitavuga, *ibigaragara* mu nkuru ni byo Imana yashatse ko bigaragara.
8. Inkuru zose ntizandikiwe gusubiza ibibazo byacu byose twibaza muri Tewolojiya.
9. Inkuru zishobora kutwigisha ku buryo buziguye cyangwa butaziguye.
10. Ku iherezo, Imana ni Yo ntwari mu nkuru zose za Bibiliya.

## *Umwitozo:*

1. Ukurikije uko Yohana abivuga (Yohana 3:14-15) inzoka y'umuringa imanitswe ku giti ishushanya iki (Kubara 21:9)?

2. Mu Baroma 5:14, Adamu ashushanya iki?

3. Amazi ashushanya iki mu A) Befeso 5:26; muri b) 2 Petero 2: 17?

4. "Umwana w'Intama" ashushanya iki muri A) Yohana 1: 29; muri b) Luka 15:6?

5. Soma inkuru ya Yozefu nkuko Mose yayibaze mu Itangiriro ibice 37 kugeza 50 maze ugaragaze:

   a) Abantu bavugwa muri iyi nkuru
   b) Imiseruko (inkuru ngufi) itandukanye iri muri iyi nkuru
   c) Imbata y' inkuru
   d) Amagambo y'ingenzi ari muri iyi nkuru
   e) Ibice bito bigize iyi nkuru
   f) Garagaza itangiriro, igihimba cy'inkuru n'umusozo wa buri nkuru ngufi ya buri gice n'uburyo byuzuzanya mu mbata rusange y'inkuru.
   g) Ni gute Imana yigaragaza ubwayo nk'intwari mu nkuru?

# III.

## AMATEGEKO: INGINGO SHINGIRO Z'ISEZERANO IMANA YAGIRANYE N'ABISIRAHELI

"Mbese uremera kujyana uyu mugore, ngo akubere umugore wawe ushyingiwe w'isezerano, nk'uko itegeko ryera ry'Imana riri? Mbese uzamukunda, umugaburire, umukuyakuye, umufashe yaba ari muzima cyagwa arwaye, uzareka abandi bagore bose, ukomeze kuba umwizerwa, ubane na we gusa akaramata nk'uko ubana na Kiristo igihe cyose muzaba mukiriho? Ni uko uko niba ubyemeye subiza muri aya magambo ugira uti: "Ndabyemeye".

"Mbese wemeye kujyana uyu mugabo ngo akubere umugabo w'isezerano, nk'uko itegeko ryera ry'Imana riri? Mbese usezeranye kuzamukunda no kumwubaha, ukamukorera yaba ari muzima cyangwa arwaye, mbese uzareka abandi bagabo, ukomeze kuba umwizerwa no kuba ari we wenyine ugandukira nk'uko ubigirira Kiristo, kugeza igihe cyose mwembi muzaba mukiriho? Niba ubyemeye bihamishe aya magambo ugira uti: "Ndabyemeye".

"Nuko nk'uko uyu mugabo n'uyu mugore bagiranye isezerano ryo gushyingiranwa imbere y'Imana n' Itorero, nanjye ntangaje ku mugaragaro ko babaye umugabo n'umugore mu Izina rya Data n'iry'Umwana n'iry'Umwuka Wera. Abo Imana yafanije ntihakagire ubatandukanya, Amen. "

Aya magambo cyangwa andi asa na yo akoreshwa hirya no hino ku isi mu bantu bo mu mico yose mu gihe cyo gushyingiranwa. Gushyingiranwa ni isezerano ry'ibanze mu rusobe rw'amasezerano abantu bagirana hagati yabo mu muryango wagutse w'abantu. Ni imibanire yashyizweho n'Imana kugira ngo igaragaze ubusabane buri mu butatu bwera. Imana Data irihagije ubwayo, Imana Umwana ari we Yesu Kiristo na we arihagije ubwe kandi ni Imana; ndetse n'Imana Umwuka Wera na we arihagije Ubwe. Abo bose baba umwe, Imana Umwana akumvira Se byimazeyo, Umwuka Wera na we agakora uko abwirijwe n'Imana Data ndetse n'Imana Umwana mu bumwe bwabo bwuzuye icyubahiro. Ibi ni ubwiru[1], kandi ni na ko bimeze ku gushyingiranwa kw'abashakanye. Buri wese aruzuye ubwe, ariko iyo bahuye bahinduka umubiri umwe; ni ubwiru[2]. Mu Byanditswe Byera tubwirwa ko Itorero ari umubiri wa Kirisito, Umugeni wa Kirisito. Imibanire mu Butatu Bwera ishingiye ku "Isezerano". Intambwe ya mbere mu mibanire y'abashakanye ni "isezerano". Ni yo mpamvu Imana yanga rwose gutandukana kw'abashakanye, kuko uyu ni wo mubano wa mbere washyizweho n'Imana umuntu ataragwa mu cyaha kugira ngo werekane ubumwe n' ubwuzuzanye[3] biri mu BUTATU BWERA.

Intumwa Pawulo yemeza ko uyu ari wo wari umugambi w'Imana kuva mu ntagiriro nk'uko yabivuze yifashishije Isezerano rya Kera (Abefeso 5:30,31): "*Ni yo mpamvu*

1 Ijambo "ubwiru" mu Isezerano Rishya rivuga ikintu kitari kizwi mbere, cyari gihishwe ariko ubu kikaba kizwi neza kandi cyarahishuwe muri Yesu Kirisito, icyo Imana ishaka ko tumenya kandi gishobora kumenyekana!

2 Uretse ku muntu wamaze gushaka, kabaho ubuzima bw'abashakanye ni ubwiru. Ntiwabimenya neza. Nyamara umaze gushaka no kubaho muri buzima bw'abashakanye, noneho urabimenya neza! Umugambi w'Imana ni uko uwo ari we wese muri twe yabana na yo bityo akayimenya neza; igihe cyose tutarabana n'Imana ntabwo dushobora kuyimenya.

3 Yesu yicishije bugufi yubaha Imana. Imana Data yonyine ni yo izi igihe azagarukira. Nyamara Yesu na we ni Imana nka se. Imwe muri kamere za Yesu ni ukubaha. Ukubana kw'abashakanye kugomba kugaragaza iyi mibanire. Bityo rero umugabo n'umugore nta we uruta undi, ahubwo turuzuzanya.

*umuntu azasiga se na nyina*[4]*, maze akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe. Ubwo ni ubwiru bukomeye cyane; ariko ibyo mvuga byerekeye Kristo n'Itorero."* Iyi ngingo ivuga iby'Isezerano ihera mu Itangiriro ikageza mu Byahishuwe.

Iyo dusomye Ibyanditswe Byera, tugasoma ibijyanye n' isezerano hamwe n'amategeko, biba byiza iyo tumenye ko Imana yabaga iri kuvugisha no gutegura Umugeni w'Umwana Wayo. Imana yitaye ku buryo budasubirwaho ku Mugeni wayo kandi imuhamagarira na we kuyiyegurira. Ibyanditswe byuzuyemo ingero nyinshi zigaragaza ukuntu Umugeni wayo yishoye mu busambanyi, yigomeka ku buryo bweruye ku Mana cyangwa akayirengagiza . Amasezerano ni ishingiro ry'imibanire iri hagati y'umuntu n'Imana Data, Imana Umwana n'Imana Umwuka wera; amasezerano ni na yo shingiro ry'imibanire hagati y'abashakanye. Hari imibanire idashingiye ku masezerano: umwana na se; umwana na nyina. Ariko n'ubwo bimeze bityo, amasezerano ni ishingiro ry'ingeri nyinshi z'imibanire hagati y'abakiristo benshi.

Amasezerano abantu bagirana aba ari amasezerano ahuza impande ebyiri, amasezerano akozwe mu bwumvikane, akenshi akaba hagati y'abantu babiri. Urugero, Abrahamu na Abimeleki (Itangiriro 21:31), Yakobo na Labani (Itang.31:34), Dawidi na Yonatani (1 Samweli 20:8). Aha hagaragara amasezerano hagati y'abantu babiri, bombi bakiyemeza kuyakurikiza ku bushake bwabo. Ikindi kandi impande zombi ziyemeza kubahiriza ibikubiye muri aya masezerano. Muri iki gihe hariho amasezerano y'inguzanyo zo kugura amazu, amakarita yo kubikuza amafaranga, inguzanyo zisanzwe mu mabanki, amasezerano y'ubukode, amasezerano y'umurimo n'ibindi. Izo ni ingero z'amasezerano.

---

4 Biratangaje kuba Imana ibwira Adamu gusiga se na nyina atagiraga, ariko iyo dusobanukiwe ko Imana ivuga kuri Kiristo n'umugeni we ari ryo Torero, kandi Imana igashyiraho umuteguro w'imibanire mbere y'uko icyaha kibaho, ibi bitangira kumvikana.

Isezerano rya mbere mu mateka y'abantu ni isezerano Imana yagiranye na Adamu, isezerano ry'ubuntu (Itangiriro 2:9,16,17). N'ubwo ijambo "isezerano" ritagaragagara mu gitabo cy'Itangiriro ku byerekeye imibanire y'Imana na Adamu, turasanga ryarakoreshejwe n'umuhanuzi Hoseya 6:7, aho avuga ukuntu Efurayimu na Yuda baciye mu isezerano. Umuhanuzi agira ati "*Ariko bishe izerano nka Adamu ni ho bampemukiriye*". Hari impande ebyiri zirebwa n'amasezerano: Imana n'umuntu; hari isezerano ndetse n'inshingano zijyana na ryo.

Isezerano rya mbere rireba abantu bose n'ubwo Imana yarigiranye n'umuntu umwe, Adamu. Adamu yahawe inshingano kandi Imana izazimubaza yaba abishaka cyangwa atabishaka. Igice cya kabiri cy'isezerano kivuga umugisha wo kurama (Itangiriro 3:22), ubugingo bw'iteka niba duhisemo kurya ku giti cy'ubugingo, isezerano ry'ubuntu bw'Imana. Ikintu cya gatatu kiri muri iri sezerano ni uguhamagarira umuntu kumvira ku ruhande rwe: Yategetswe kutarya ku giti kimenyesha ikibi n'icyiza. Iri sezerano ry'ibanze Imana yagiranye n'umuntu ryari ***Isezerano ry'ubugingo***. Iri sezerano ni ryo rihatse ibivugwa muri Bibiliya kuva mu Itangiriro kugera mu Byahishuwe. Imana yemera ubwayo kugira icyo ikora bitewe n'Iyo ari Yo, ntishobora kwica isezerano ryayo, icyo umuntu yakora cyose, ni ***izezerano ry'Imana.***

Amwe mu masezerano y'Imana agaragaza inshingano ku mpande zombi mu gihe andi usanga uruhare rwose rufitwe n'Imana. Mu isezerano ryo ku musozi wa Sinayi tubona mu Kuva 24, Abisiraheli bagirana isezerano n'Imana kandi buri ruhande rugahabwa inshingano. Nyamara mu Itangiriro 15:17-20 Aburahamu nta nshingano ahabwa n'Imana kugira ngo isohoze ibyo imuzeranije. Ahubwo Imana ubwayo ni yo yiyemeza kuzasohoza isezerano ryayo.

Iyo isezerano ry'Imana ari iry'umujyo umwe Imana ubwayo ni yo ishyiraho isezerano n'ingingo zirigize.

Mbere na mbere ni isezerano ry'Imana ubwayo igirana n'umuntu, si Imana yumvikana n'umuntu ku bintu runaka. Imana yiyemeza ubwayo gukurikiza no gusohoza ibiri mu isezerano; ariko umuntu we nta cyo ategetswe gukora. Iyo bimeze bityo, umuntu ntashobora kwica isezerano[5]. Hari ahandi umuntu asabwa kugira ibyo yubahiriza, iyo bimunaniye, aba yishe isezerano, ingaruka ikaba kudahabwa icyo Imana yasezeranije.[6] Isezerano riva ku Mana iteka riba rikubiyemo imigisha imwe n'imwe yayo. Amasezerano y'Imana ahamya ibyo kugira neza n'ubugwaneza byayo ku biremwa byayo no kudatezuka ku mugambi wayo wo gusohoza ibyo isezeranije. Amasezerano y'Imana n'ubwo ari ayayo ubwayo afitiye umuntu inyungu. Imana iteka iri mu ruhande rw'umuntu, nta na rimwe imurwanya. Bitewe n'uko abantu baremewe kuba umubiri wa Kirisito, Umugeni wa Kiristo, Imana ibashakira gusa ko bamererwa neza.

Iteka Imana ihora ishakisha umuntu, mu gihe umuntu we buri gihe ayitera umugongo. Aha hari ikigereranyo cy'umukwe ushakisha umugeni, ariko umugeni akagaragaza ko atifuza umukwe. Nyuma y'uko ikiremwa muntu cyanze Imana, kugera n'aho Imana ikirimbura hafi yo kugitsemba ikirokorera abantu umunani mu nkuge, yongeye kugirana isezerano na Nowa. Hano, Nowa ahagarariye abantu bose.

Impande zifite uruhare isezerano rya Nowa ni Imana, Nowa, urubyaro rwa Nowa, n'ibifite ubuzima byose (Itangiriro 9:9-10). Isezerano ry'Imana ni uko itazongera kurimbuza isi umwuzure (Itangirro 9:1). Ikimenyetso cyashyizweho kuri iryo sezerano ni umukororombya (Itangiriro 9:13), ugaragarira Imana n'abantu . Nta gisabwa ku ruhande rw'umuntu kuko Imana ubwayo yiyemeza gukomeza iryo sezerano ititaye ku byo umuntu

5 Umugabo asabwa gukunda umugore we nta cyo ashingiyeho, bishushanya urukundo Imana ikunda abari mu isi.

6 Umugore asabwa kumvira/kugandukira umugabo we nta kindi ashingiyego nk'ikimenyetso cy'uko umuntu akwiriye kumvira Imana.

yakora cyangwa atakora (Itang 9:15-16). Isezerano rigenda risohora igihe imvura igwa igahita, ariko ntigwe ku buryo bwo kurimbura isi. Bityo Imana itwibutsa isezerano ryayo mu ishusho y'umukororombya.

Isezerano rya Nowa ritandukanye n'isezerano ryahawe Adamu, kuko mu isezerano rya Nowa nta bintu bisabwa bigomba gukurikizwa ku ruhande rw'umuntu. N'ubwo Imana yasezeranije ko nta mwuzure nk'uyu uzongera kubaho, umwuzure uzaza uzaba ukurimburwa n'umuriro (2 Petero 3:5-7). Ibi mu by'ukuri bimeze nko kurimburwa n'amazi.

Dufite kandi isezerano ryahawe Aburahamu, ari ryo ryatangijwe n'Imana, rikaba rishingiye ku kwizera kugaragazwa no kumvira. Impande zirebwa n'iryo sezerano ni Imana na Aburahamu (Itangiriro 15:8), ariko ryari n'isezerano ry'urubyaro rwa Aburahamu mu bisekuruza bizaza (Itangiriro 17:7). Isezerano rya nyuma na Abrahamu ryujurijwe muri Yesu Kristo n'abamwizera (Abagalatiya 3:16, 29).

Imana yagiranye isezerano n'ubwoko bw'Abisiraheli na Dawidi (2 Samweli 23:5) rikab arivuga ubwami buhoraho, rishyiraho ubwami butazashira. Imana ubwayo yonyine ni yo yiyemeje kubikora. Ubu bwami bwemejwe n'Imana, Dawidi nta cyo asabwe gukora, Imana ititaye ku buryo Dawidi n'abazamukomokaho bazayireka. Iri sezerano rirahamye, ntirinyeganyezwa, n'ubwo Dawidi, umuhungu we Salomo cyangwa uwo ari we wese mu bamukomokaho bananirwa kubaha ibirikubiyemo. Isohozwa ry'iri sezerano rigaragarira muri Yesu Kristo.

## IYO TUVUZE "AMATEGEKO" TUBA DUSHATSE KUVUGA IKI?

Ijambo "amategeko"rikoreshwa mu buryo bwinshi:

1. Mu gushaka kuvuga "Amategeko"–ya yandi 600 wongeyeho andi mabwiriza yihariye Abisiraheli

bagombaga gukurikiza nk'igice kimwe kiranga isezerano ry'imibanire yabo n'Imana.

2. Mu gushaka kuvuga amategeko yose muri rusange (Mat. 5:18)
3. Mu gushaka kuvuga ibitabo bitanu bya mbere muri Bibiliya; ibitabo bya Mose.
4. Hamwe na hamwe mu Isezerano Rishya biba bishaka kuvuga Isezerano rya Kera ryose muri rusange (1 Abakorinto 9:20).
5. Hamwe na hamwe mu Isezerano Rishya biba bishaka kuvuga amategeko yo mu Isezerano rya Kera nk'uko yasobanurwaga n'abigishamaregeko (Ibyak. 10:28).

## IMITERERE Y'AMATEGEKO

1. A*mategeko yo mu Isezerano rya Kera ni isezerano* hagati y'mpande ebyiri, buri ruhande rukaba rufite inshingano zihariye.

Mu gihe cy'Isezerano rya Kera, umutegetsi w'umunyabubasha ni we akenshi watangaga isezerano agirana n'umugaragu we uciye bugufi. Buri ruhande rwagiraga inyungu rukuramo ndetse n'inshingano. Igihe cyose abagaragu bubahirizaga isezerano byatumaga shebuja abona ko ari abizerwa, ariko iyo bataryubahirizaga yashoboraga kubahana.

Iri hame ryari rizwi neza n'abantu bo mu Isezerano rya Kera ni ryo riranga amategeko akubiye isezerano ry'Imana. Aya mategeko y'isezerano yabaga agizwe n' ibice bitandatu bikurikira:

a. ***Umutwe***: ugaragaza impande zigirana isezerano ("Ndi Uwiteka Imana yawe.." Kuva 20:2)
b. ***Igice kibanza:*** gisobanura uburyo impande zombi zatangiye kubana ("Nagukuye mu gihugu cya Egiputa" Kuva 20:2)

c. ***Ingingo zigize amategeko y'Isezerano***: iki gice kigizwe n'amategeko ubwayo.

d. ***Abahamya:*** aba bahamya bashinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa by' amasezerano ("Ijuru n'isi": Ibyaremwe byose bigomba kwita kuri iri sezerano, Gutegeka kwa kabiri 4:26; 30:19)

e. ***Ibihembo n'ibihano:*** iki gice gikubiyemo imigisha n'imivumo bishishikariza umuntu kwitondera isezerano (Abalewi 26; Gutegeka kwa kabiri 28-33).

f. ***Igice gisoza:*** kivuga uburyo bwo guhora biyibutsa iby'isezerano kugira ngo ritibagirana (Gutegeka kwa kabiri 17:18–19; 31:9–13).

Ni byiza gusobanukirwa uburyo amategeko yakoraga hagati y'imibanire y'Imana n'Abisiraheli. Gusobanukirwa ibi bituma inkuru yayo irushaho kumvikana neza.

2. *Isezerano rya Kera si isezerano ryacu twebwe ab'iki gihe.* Isezerano rya kera rigaragaza isezerano Imana yabanje kugirana n'Abiyisiraheli, kuri ubu, twe ntidutegekwa kurikurikiza. Twavuga ko nta tegeko na rimwe mu yarigize dusabwa gukurikiza, keretse iyo ryongeyeye gusubirwamo mu Isezerano Rishya. Icyakora turasabwa gukiranuka mu rwacu ruhande, ariko uko uko gukiranuka kugaragara mu mibanire yacu n'Imana ndetse na bagenzi bacu byahawe umurono mushya.

3. *Hari ubwoko bubiri bw'amategeko mu Isezerano rya Kera bigaragara neza ko atakomejwe mu Isezerano Rishya*. Ayo ni:

a. ***Amategeko mbonezamubano*****:** Ni amategeko atuma uyarenzeho afatwa, agafungwa cyangwa akicwa. Dushobora kuyasoma muri Bibiliya kugira ngo dusobanukirwe uko abantu b'icyo gihe babagaho ndetse no kurushaho kumenya imiterere y'Imana kuko nta muntu wo muri iki gihe wafatwa nk'umuturage w'igihugu cya isiraheli yo mu gihe cya kera.

b. ***Amategeko y' imihango/imigenzo ya Kiyuda***: Aya akubiyemo ingingo zose zigaragaza uburyo bwo kuramya Uwiteka, uko bitwaraga mu bijyanye n'imirimo y'ubutambyi, amatungo yo gutangaho ibitambo, igihe cyo gutamba, ndetse n'iby'ibitambo by'ibyaha n'amaturo. Ubu turi mu gihe cy'Isezerano Rishya aho igitambo kimwe rukumbi Yesu yatambye cyasohoje byose. N'ubwo iyi migenzo itagikorwa cyangwa ngo ikenerwe muri iki gihe, guhimbaza Imana byo biracyakorwa no mu Isezerano Rishya. Yesu yabajijwe kuri iyi ngingo, reka turebe igisubizo cye muri Mariko 7: 14-23.

Amategeko ntashobora guhinduka (Luka 16:16–17) ariko Yesu we yaje gushyiraho Isezerano Rishya (Luka 22:20; Heb. 8–10). Uko ni ko yasohoje Isezerano rya Kera anashyira iherezo kuri iyi mihamgo. Mu gusohoza iby'Isezerano rya Kera ashyiraho Isezerano Rishya, ari ryo tegeko ry'urukundo (Yohana 13:34–35).

4. *Igice kimwe cy'Isezerano rya Kera cyakomejwe mu Isezerano Rishya.* Amwe mu mategeko y'Isezerano rya Kera yasubiwemo cyangwa ashimangirwa mu Isezerano Rishya (Matt. 22:40) "*Ukundishe uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose*"(Gutegeka kwa

kabiri 6:5) ndetse "*Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda*"(Abalewi. 19:18). Yesu yagiye afata amwe mu mategeko yo mu Isezerano rya Kera akayaha uburyo bushya agomba gukurikizwa (Matt.5:21–48).

5. Amategeko yose yo mu Isezerano Rya Kera aracyatubereye Ijambo ry'Imana n'ubwo atakiri itegeko Imana iduha gukurikiza kuri ubu. N'ubwo muri iki gihe Imana itadusaba kubaka ibikuta bikingira ibisenge by'amazu yacu kugira ngo umushyitsi atagwa (Gutegeka kwa kabiri 22:8), turacyasabwa kwita ku bashyitsi no kubarinda mu gihe baje batugana mu ngo zacu.

6. Amategeko yo mu Isezerano rya Kera yashyizwe mu Isezerano Rishya uko yakabaye nta cyo ahindutseho ashobora kuba yabarwa kimwe n'andi yo mu Isezerano Rishya, ni ukuvuga "Amategeko ya Kristo" (Abagal. 6:2). Amategeko icumi y'Imana yashyirwa muri iki cyiciro kuko yagiye asubirwamo mu buryo butari bumwe mu Isezerano Rishya kandi abakirisitu bagomba kuyakurikiza mu gihe cya none (Matt. 5:21–37; Rom. 13:9–10) kimwe n'itegeko ry'urukundo. Nta rindi tegeko ryo mu mategeko yo mu Isezerano rya Kera abakirisitu bategetswe gukurikiza n'ubwo ari byiza ko abakristo bayamenya yose.

Amategeko y'Imana ntiyari umutwaro ku bwoko bwayo, ndetse n'ubwoko bw'Imana ntibwigeze buyafata nk'aho abubereye umutwaro. Aya magambo akurikira agaragaza ko amategeko yakirwaga nk'umugisha:

> "Amategeko y'Uwiteka aratunganye,
> Asubiza intege mu bugingo;
> byo Uwiteka yahamije ni ibyo kwizerwa,
> Biha umuswa ubwenge.
> Amategeko Uwiteka yigishije araboneye,

Anejeje umutima;
Ibyo uwiteka yategetse ntibyanduye bihwejesha amaso.
Kubaha Uwiteka ni kwiza, guhoraho iteka ryose;
Amateka y'Uwiteka ni ay'ukuri;
Ni ayo gukiranuka rwose.
Bikwiriye kwifuzwa kuruta izahabu,
N'aho yaba izahabu nziza nyinshi;
Biryoherera cyane kuruta ubuki
*N'umushongi w'ibinyagu utonyanga."*
(Zaburi 19:7-10)

Itegeko rirebana n'isabato (Gutegeka kwa kabiri 4:12-17) ni urugero rwiza cyane rugaragaza uburyo gahunda n'umuteguro by'Imana byari ugutanga umugisha n'uburyo abantu bahindukiye bakabihindura umutwaro. Yesu yagaragaje neza ko isabato yari impano Imana yahaye ubwoko bwayo kugira ngo bo ubwabo, imirima yabo ndetse n'amatungo bibone ikiruhuko. Nta hantu na hamwe mu Isezerano rya Kera havuga ngo ugomba gusenga Imana ku isabato. Mu gihe uzabigira itegeko ko ugomba gusenga ku Isabato uzaba ushyizeho itegeko Bibiliya itashyizeho! Isabato yashyizweho nk'impano; Imana izi neza ko tutashobora gukora iminsi irindwi yose y'icyumweru, cyangwa ngo dukore icyumweru ku kindi niturangiza ngo tugire ubuzima bwiza. Kimwe no ku nyamaswa, ntizakora zityo ngo zigire ubuzima bwiza. (Mariko 2:27).

Icyakora, Isezerano Rishya ridutegeka mu buryo bugaragara guterana kwera kugira ngo duterane ishyaka. Ntitwaremewe kubaho twenyine cyangwa twigunze (Heb.10:23-25):"*Dukomeze kwatura ibyiringiro byacu tutanyeganyega, kuko uwasezeranije ari uwo kwizerwa, kandi tujye tuzirikana ubwacu kugira ngo duterane ishyaka ryo gukundana n'iry'imirimo myiza, twe kwirengagiza guteranira hamwe nk'uko bamwe bajya bagira,*

*ahubwo duhugurane kandi uko mubonye urya munsi wegera, mube ari ko murushaho kugenza mutyo."*

Nta gihe na kimwe bigeze bafata amategeko nk'inzira y'agakiza. Mu Isezerano rya Kera ryose, agakiza kabonekaga gaturutse ku Mana kubwo kwizera, nta gihe na kimwe katurutse ku mirimo cyangwa ku buryo abantu bubashye Imana. Abantu ntibigeze bakizwa n'uko bitondeye itegeko, iyo biba bityo, nta na rimwe bashoboraga gukizwa (Gutegeka kwa Kabiri 9:6): "*Nuko menya yuko gukiranuka kwawe atari ko gutumye Uwiteka Imana yawe iguha iki gihugu cyiza ngo ugihinduure, kuko uri ubwoko butagonda ijosi.*" Abana ba Isiraheli bavanywe mu Misiri (Egiputa) kuko Imana yashimye kubakurayo gusa. Cyari igikorwa cy'imbabazi zayo, n'ikimenyetso cy'ubuntu bwayo. Iteka agakiza ni igikorwa cy'Imana ubwayo, nta gihe na kimwe gaturuka ku mirimo y'umuntu. Agakiza gaturuka ku Mana, ku bw'ubuntu, ku bw'urukundo ruhoraho kandi rudushakisha iteka. Amategeko ntiyashyiriweho kubahesha agakiza, ahubwo yari impano y'ubuntu bahawe n'Imana kugira ngo abazanire ibyiza.

Abantu bamwe bo mu Isezerano Rishya bari barafashe amategeko bayagira umutwaro; urutonde rw'amategeko umuntu agomba kubahiriza kugira ngo abone agakiza. Iyi ntiyari yo ntego y'amategeko na gato. Isezerano Rishya rivuguruza rwose abantu bumvaga ko ari ko byari bimeze. (Abefeso 2:8,9, Abaroma 3:20,28 ,Abagalatiya 2:24, Matayo 19:16-21, Yakobo 2:24). Urukundo rw'Imana rudushakisha ni na rwo rukundo rwigaragarije muri Kiristo Yesu.

## UKO AMATEGEKO YAKORAGA MU BUZIMA BWA BURI MUNSI

*Amategeko mbonezamubano*: Aya mategeko avuga uburyo abantu bakwiye kubana aho batuye. Harimo

amategeko avuga ku gushyingirwa, ubuhinzi n'ubworozi, ubucuruzi kandi yose akaba yararebanaga n'uburyo abantu bakwiriye kubana. Akenshi uyansanga mu gitabo cyo Kuva igice cya 20 kugeza mu Gutegeka kwa kabiri igice cya 34.

*Icyiciro cya kabiri ni icy'amategeko agenga imihango/imigenzo*: Aya ni amabwiriza agena uburyo bwo kuramya Imana. Abisiraheli bari bagiye gutura hagati y'abasenga Bayali; ni yo mpamvu bagombaga guhabwa amabwiriza asobanutse y'uburyo bakwiye gusenga Imana. Abisiraheli bari aborozi, bagendaga bimukana n'imikumbi yabo, bazenguruka ahantu hose bashaka ubwatsi bw'amatungo yabo. Bamaze kugera mu gihugu cy'isezerano bahindutse abahinzi- borozi. Amahanga yose yari abazengurutse yagiraga imana zitandukanye zijyanye n'imirimo ya buri munsi. Bagiraga imana ibahesha ubwatsi bw'amatungo yabo n'indi mana yo kumeza imyaka yabo bahinze.

Imana z'abahinzi zari imana z'uburumbuke zigera aho zihabwa inshingano yo gutanga n'uburumbuke mu bantu. Bizeraga ko imana za Bayali ari zo zifite inshingano ku bintu byose akaba ari yo mpamvu ari zo zashoboraga gutanga umusaruro w'ibihingwa.

Ingorane ni uko Abisiraheli bashoboraga gutangira gutekereza nk'ayandi mahanga, bakagira imana y'aborozi hakiyongeraho n'imana ishinzwe gutanga umusaruro ku bahinzi. Kenshi na kenshi abisiraheli bajyaga basenga Bayali n'ibindi bigirwamana. Rimwe na rimwe Imana Yahwe[7] bajyaga bayisimbuza Bayali (Kuva 32:24).

Izi mpamvu z'ingenzi ni zo zatumye amategeko yose y'Imana avuga ku buryo Abisiraheli bagombaga gusenga Imana yabo. Hari impungenge za buri gihe z'uko bashoboraga kwigana andi mahanga mu gusenga ibigirwamana kugira ngo na bo bahirwe mu byo bakora.

Amenshi muri aya mategeko avuga ku mihango/migenzo y'idini ya Kiyuda aboneka mu gitabo cy'Abalewi.

7 Izina ry'Imana mu rurimi rw'Igiheburayo.

Ubutumwa bugenda bugaruka muri aya mategeko ni ubu: "Jyewe Uwiteka Imana yawe ndi uwera, nta yindi Mana ihwanye nanjye, ndashaka ko muba ubwoko bwanjye bwite". Imana yahamagariraga ubu bwoko kuyisenga mu buryo bwihariye kandi batiyandurisha izindi mana. Buri tegeko muri aya yose, rigaruka ku itegeko rya mbere mu mategeko cumi rivuga ngo " Ntuzagire izindi mana mu maso yanjye." Ibi byongera kumvikana mu masezerano y'abashyingiwe, " nza*reka abandi bose , maze mbane nawe akaramata*"

*Icyiciro cya gatatu cy'amategeko ni amategeko avuga ku myitwarire*: mu Isezerano Rishya, aya mategeko yavuzweho muri make na Yesu aho yagiraga ati: " U*kundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose*" Iri ni ryo tegeko rikomeye kuruta ayandi n'irya kabiri riteye nka ryo rigira riti: "U*kunde mugenzi wawe nk'uko wikunda*". Aya akubiyemo amategeko yose n'ibyavuzwe n'abahanuzi".

Amategeko si ayo kutwigisha kubaha Imana ahubwo yashyiriweho kudufasha kumenya Imana (Kuva 22:21…). Ikibazo cy'Abisiraheli mu Isezerano rya Kera nticyari ukutagira ubushobozi bwo gukomeza amategeko, ahubwo ikibazo cyari uko bahisemo kutayubahiriza, kandi ni ko bimeze n'uyu munsi.

## DORE MU NCAMAKE IBINTU BYO KWITONDERWA KU BYEREKEYE AMATEGEKO YO MU ISEZERANO RYA KERA

1. Ntugafate amategeko yo mu Isezerano rya Kera nk'aho ari Ijambo ryuzuye ryahumetswe n'Imana rivuga kuri wowe cyangwa se ngo ribe itegeko ry'Imana ritaziguye rikureba.
2. Fata amategeko yo mu Isezerano rya Kera nk'ishingiro ry'Isezerano rya Kera ndetse n'amateka y'Abisiraheli,

ariko abakiristo bo mu Isezerano Rishya badategetswe kubahiriza, keretse aho bigaragara neza ko yagarutsweho akanakomezwa mu Isezerano Rishya.

3. Jya ubona ubutabera, urukundo rw'Imana n'andi mabwiriza yayo ahanitse byose bikubiye mu Isezerano rya Kera, ariko wibuke ko imbabazi z'Imana zihebuje kandi zinganya agaciro n'ibyo tumaze kuvuga.
4. Jya ubona amategeko yo mu Isezerano rya Kera nk'ingero zerekana imyitwarire ikwiriye, ariko atari urutonde rwuzuye rw'imyitwarire ikwiriye
5. Jya wibuka ko umutima w'amategeko (amategeko cumi hamwe n'amategeko abiri makuru y'urukundo) cyagiye kigarukwaho haba mu bitabo by'Abahanuzi ndetse no mu Isezerano Rishya. Ntuzategereze ko amategeko yo mu Isezerano rya Kera avugwa kenshi mu bitabo by'Abahanuzi cyangwa mu Isezerano Rishya.
6. Jya ubona amategeko y'Imana yo mu Isezerano rya Kera nk'impano y'ubuntu Imana yahaye Abisiraheli, akaba amategeko azana umugisha igihe yumviwe, ntukayafate nk'amabwiriza avutsa abantu umudendezo wabo.

Igitabo cyo Gutegeka kwa kabiri gikubiyemo amategeko Mose yagejeje ku bwoko bwa Isiraheli. Ni muri ubu buryo Mose agaragara nk'umuhuza w'isezerano, nk'intumwa y'Imana, yashyiragaho amategeko agenga isezerano. Aha Mose agaragara nk'umushyingira mu bukwe. Akora nk'intumwa[8] y'Imana. Intumwa yabaga yitwaje inyandiko ibigaragaza kugira ngo ishyingurwe mu buryo bukwiye. Icyakora aya mabwiriza yatangwaga mu buryo bw'imvugo nk'uko bigenda ubu muri Afurika. Ni yo

8 Nk'uko indogobe yahetse Yesu, indogobe ishobora kumva kandi igatekereza ko ifite agaciro, kubera ko yabonaga kuramya no guhimbaza byazaga biyisanganira. Ukuri ni uko uwo ihetse ari we wahawe icyo cyubahiro. Bityo rero, intumwa ishobora guhabwa icyubahiro no kwitabwaho, nyamara igomba guhora yibuka ko ihagarariye *Umwami*, ariko yo ubwayo itari umwami.

mpamvu amagambo Mose yabwiraga abantu ko bagomba kwitondera ibigize amategeko y'isezerano ameze kimwe n'ay'intumwa y'umwami yizerwa yavuga. Abagaragu bagombaga kwibutswa ko ari amahirwe kugirana amasezerano na shebuja kandi ko umunyabwenge yakwirinda ikintu cyose cyatuma atakaza aya mahirwe.

Abisiraheli babaye gusa mu bucakara no mu mico y'Abanyegiputa imyaka n'imyaka, abo Imana yari yiteguye guhinduramo abantu bashya ku isi. Ntibagombaga guhindurwamo gusa umutwe ukomeye w'ingabo kugira ngo bigarurire igihugu cy'isezerano cyasezeranijwe ba sekuruza babo, bagombaga no kuba ishyanga riba hamwe mu bihe byo mu butayu no mu gihugu cy'isezerano ubwacyo. Byongeye kandi bari bakeneye guhabwa inama z'uko bagombaga kuba ubwoko bw'Imana, haba mu mibanire hagati yabo ubwabo no mu mibanire yabo n'Imana. Ni yo mpamvu bagombaga kwibagirwa inzira n'umuco wo muri Egiputa kandi ntibagendere mu nzira n'umuco w'Abanyakanani bari mu gihugu bari bagiye guhabwa nka gakondo.

## *Umukoro:*

1. Soma igitabo cyose cyo Gutegeka kwa Kabiri ugende wandika kandi ugaragaza ahantu hose hagaragara imvugo y'isezerano n'imibanire iri hagati y'Imana, Mose n'Abisiraheli. Werekane ukuntu urukundo ruhoraho rw'Imana rukomeza kuba ku Bisiraheli, n'uburyo ubu bwoko bwarekaga Imana yabwo buri gihe. Ibaze ubwawe uburyo umuntu yakwakira umuhamagaro w'Imana.

2. Vuga imyizerere myinshi cyangwa ukuri wemera biri muri Bibiliya ku buryo butagarara ariko byagiye binonosorwa mu mateka y'itorero.

3. Vuga imyizerere n'ukuri abandi bakirisito bizera, ariko ukaba utabyemera kuko utabibona mu Byanditswe Byera.

4. Mbese Yesu abona ate imihango y'abayobozi b'idini ya Kiyuda igaragara muri Matayo 23: 13-23?

# IV.

## ABAHANUZI, AKANWA K'IMANA

Ahagana mu myaka ya za 1970, umuhungu w'ingimbi w'imyaka cumi n'irindwi yari ari ku birometero byinshi kure y'iwabo bukaba bwari bwo bwa mbere mu buzima bwe bimubayeho. Yari mu gice cy'amajyepfo ya Leta zunze ubumwe z'Amerika afasha mu gukora isuku nyuma y'uko inkubi y'umuyaga yiswe Camille kugeza icyo gihe akaba ari yo nkubi y'umuyaga ukomeye wibasiye Amerika y'amajyaruguru. Umuyobozi w'muryango utabara imbabare yajyanaga bake mu rubyiruko mu rugendo shuri mu ntara ya New Orleans, asaba ko uwo mwana w'umuhungu ajya kureba umuntu uzwi mu mudugudu ku izina rya "Bamenya". Uwo mwana w'umuhungu ntiyari ayasobanukiwe impamvu y'urwo rugendo ariko aza kumenya ko uwo muyobozi yiyumvisemo ko urwo rugendo rwari ingirakamaro cyane.

Binjira mu cyumba cyari kirimo umusaza wicaye ku ntebe nini. Asaba umwana w'umuhungu kumwegera, amutumbira mu maso amufashe mu biganza bye atangira kumubwira ibizamubaho mu minsi iri mbere nk'umuntu uri gusoma ikinyamakuru. Nyuma y'imyaka myinshi, mu gihe uwo musore yabwiraga bagenzi be iyo nkuru yabonaga batayakira neza. Rimwe na rimwe akibaza ati: "ibyo byari ibiki?"

Muri iyi minsi hari abantu benshi bitwa "abahanuzi". Bamwe bagaragara mu binyamakuru nk'abantu barimo batera imbere mu bijyanye n'ubukungu n'ubucuruzi bakuye muri uyu muhamagaro. Ntabwo tuzemera cyangwa ngo duhakane abo bantu. Nyamara, biratangaje kubona za Leta n'abanyapolitiki bakomeye bajya bishingikiriza ku buhanuzi, bakifuza kujya mu murongo w'umuhanuzi cyangwa bakamucyaha nk'umuhanuzi w'ibinyoma. Abantu bashaka kwibonera indamu mu buryo ubwo ari bwo bwose, ni na ko byari bimeze ku bahanuzi ba mbere.

## ABAHANUZI BA MBERE

Umuntu wa mbere Bibiliya yita umuhanuzi ni Aburahamu (Itangiriro 20:7; Zaburi 105:15), ariko ubuhanuzi mu Isezerano rya Kera bwagize ishusho yabwo nyayo mu gihe cy'umuntu witwa Mose ari na we washyizeho icyitegererezo cy'abahanuzi b'igihe cyakurikiyeho (Gutegekwa kwa kabiri 18:15-19;34:10) Ikintu cyose kigaragaza umuhanuzi w'ukuri cyigaragarije mbere muri Mose. Imana yamuhamagaye umuhamagaro wihariye kandi utangaje. ***Imana ni yo yonyine igira umuntu umuhanuzi (*****Kuva 3:1-4:17; Yesaya 6; Yeremiya 14-19; Ezekiyeli 1-3; Hos 1:2;Amosi 7:14-15; Yohana 1:1).** Abahanuzi b'ibinyoma ni bo bonyine bihaga umurimo wo guhanura(Yeremiya 14:14;23:21)

Abahanuzi ntibatumwaga kubwira Abisiraheli ibizababaho mu gihe kizaza gusa, ahubwo bazaga no kwigisha abantu kubahiriza isezerano. Imana yari yaratanze isezerano ryayo, abahanuzi bo baza hanyuma bafite inshingano bahawe n'Imana yo kureba ko iryo sezerano ryubahirizwa. Ikintu cyose abahanuzi bahanuraga cyabaga kijyanye n'amategeko. Ibyo abahanuzi bavugaga byose byabaga byishingikirje ku isezerano n'amategeko yaryo. Icyo

bavugaga cyari iki: "Kuko mutakoze ibi cyangwa biriya, ibi ni byo bigiye kubabaho".

## UMURIMO W'ABAHANUZI MU ISIRAHELI

1. *Abahanuzi bari abahuza bo gushimangira izezerano*: Imana inyuze muri bo yibutsaga abantu bo mu gihe cyo hanyuma ya Mose ko niba bakomeje amategeko yayo bazahabwa umugisha, ariko ko niba bishe amategeko yayo bazahanwa. Hari imigisha yihariye Imana yasezeranije Abisiraheli (Abalewi 26:1-13; Gutegekwakwakabiri 4: 32-40; 28:1-14); ariko iyi migisha yagendanaga n'imbuzi: Niba Isiraheli itubahirije amategeko y'Imana, imigisha yagombaga guhagarara.[1] Hariho ibihano Isiraheli yashoboraga guhabwa (Abalewi 26:14-39; Gutegekwa kwa kabiri 28:15-32:42).

Mu gihe dusoma ibitabo by'ubuhanuzi, tugomba kwita kuri izi ngingo zikurikira: (1) kureba icyaha cya Isiraheli n'urukundo rw'Imana ku bwoko bwayo; (2) ihanurwa ry'umuvumo cyangwa umugisha kubera impamvu cyangwa ikibazo runaka. Akenshi uku ni ko abahanuzi bahererekanyaga ubutumwa bwabo nk'uko Imana yabaga yabubahishuriye.

2. *Ubutumwa bw'umuhanuzi ntibwabaga ari ubwe ahubwo bwababaga ari ubw'Imana*. Ni ngombwa kwibuka ko Imana ari yo yahamagariraga abahanuzi kugeza Ijambo ryayo ku Bisiraheli (Kuva 3-4; Yesaya 6; Yeremiya 1; Ez 1-3; Hos 1:2; Amosi 7:14-15;

1 Nta cyo twakora cyangwa twavuga ngo duhatire Imana kuduha igisubizo runaka , mu yandi magambo ntidushobora gukoresha Imana uko twifuza. Muri iki gitabo turaza kureba uburyo ibyabaye kuri Yobu bitwibutsa ko rimwe na rimwe ibyago bishobora kutugeraho n'ubwo twaba twarakiranutse rwose, ariko ibi ntibivuga ko Imana ikora ibibi.

Yohana 1:1). Iyo hagiraga umuntu wiha uyu murimo wo guhanura, byamuberaga intandaro yo gufatwa nk'umuhanuzi w'ibinyoma. (Yeremiya 14:14; 23:21). Abahanuzi bitabaga umuhamagaro w'Imana.

Inshuro nyinshi Imana igaragaza abahanuzi nk'abagaragu bayo' (2 Abami 17: 13, 23; 21:10; 24:2; Ezekieli 9: 11; Yeremiya 7: 25). Iyi nyito "umuhanuzi" nk'umugaragu w'Imana yahawe mbere na mbere Mose (Yosuwa1:1-2). Imana rero ifata abahanuzi nk'abagaragu bayo. Umuhanuzi kandi yitwaga "umuntu w'Imana" (Kutegeka kwa Kabiri 33:1). Ibi byarakomeje kugeza ubutegetsi bwa cyami burundutse (1 Samweli 22:27; 9:6; 1 Abami 13:1).

3. *Abahanuzi babaga bahagarariye Imana*. Bari bameze nk'intumwa cyangwa se ba "ambasaderi" baturutse mu nteko yo mu ijuru ngo basohoze ubutumwa bw'Imana ku bantu. Ntibari abantu bashishikajwe mbere ba mbere no kuzana impinduramatwara mu mibereho myiza y'abaturage cyangwa kuzana ibitekerezo bishya mu by'idini. Imana yari yaramaze gutanga gahunda yo kunoza imibreho y'abaturage n'ibitekerezo bijyanye n'idini nk'uko bigaragara mu isezerano bari barahawe. Iyo abahanuzi babwirizaga ku byo guhohotera abakene babiterwaga n'uko Imana yashyize mu matageko yayo inshingano yo kwita ku bakene n'abatishoboye. Bityo rero abahanuzi bavugaga mu cyimbo cy'Imana baharanira ubutabera mu bijyanye n'imibereho myiza y'abaturage.

Hatitawe ku gice cy'abantu babaga bishe amategeko y'Imana, ijambo ry'Imana rinyuze mu muhanuzi ryazanaga ibihano. Hari igihe icyaha cyabaga cyakozwe n'abayobozi ba cyami (2Samweli 12:1-14;24:11-17;Hoseya 1:4), abayobozi b'idini (Hoseya 4:4-11; Amosi 7:17, Malaki 2:1-9), cyangwa irindi tsinda ry'abantu. Umuhanuzi yatan-

gaga ubutumwa bw'umuvumo ku gihugu nta na kimwe agabanijeho. Rimwe na rimwe umuhanuzi abitegetswe n'Imana yashyiragaho ibintu cyangwa akabikuraho (1Abami 19:16; 21:17-22) cyangwa agatangaza intambara (2Abami 3:18-19; Gutegeka kwa kabiri 20:14-17, Hoseya 5:5-8) cyangwa agahanura arwanya intambara (Yeremia 27:8-22).

**Intego y'umuhanuzi kwari ugusobanura ibintu byagiye biba mu mateka**. Mose ni we wamenyesheje Abisiraheli ubuhanuzi bufatiye ku mateka. Mose yaburirwaga ibyenda kubaho n'insobanuro yabyo abibwiwe n'akanwa k'Imana.

Umutwaro Abisiraheli bagiraga wo kwita ku bakene, abapfakazi, imfubyi n'abarenganywa byose byatangijwe na Mose (Gutegeka kwa kabiri 24:19-22). Kubona urenganya (Abalewei 19:9) nk'umwanzi byatangijwe na Mose. Abahanuzi benshi wasangaga bahanganye n'abami babo kandi bakagira uruhare rugaragara mu bibazo by'igihugu. Uyu wari umurimo w'umuhanuzi kandi wagaragariye mu bikorwa bya Mose ubwo yashyiragaho amategeko y'igihugu ndetse bakanamwita ''umwami'' (Gutegeka kwa kabiri 33:5). Tubona kandi ko muri Mose yakomatanyaga *kubwiriza* no *kuvuga ibizaba* nk'uko tubisanga mu bahanuzi bose. Umuhanuzi w'ukuri abwiriza iby'Imana akanavuga ibizaba; ibi ni byo bimutandukanya n'umuhanuzi w'ibinyoma.

Ibindi bintu bibiri biranga abahanuzi kandi na byo biboneka muri Mose, ni ikoreshwa ry'ibimenyetso mu gutanga ubutumwa (Yeremeya 19:1…; Ezekieli 4:1…). Mose yakoresheje amaboko ye ayazamuye (Kuva 17: 8…) ndetse yamanitse inzoka ku giti (Kubara 21:8). Icya nyuma mu nshingano z'umuhanuzi cyaranze Mose ni *umurimo wo kwinginga.* Mose yavuganiraga ubwoko bwa Isiraheli ku Imana (Kuva 18:19; Kubara 27:5) ndetse hari n'igihe kimwe yahagaze mu cyuho nk'umunyamasengesho

(Kuva32: 30…; Gutegeka kwa Kabiri 9:18…; 1 Abami 13:6; 2 Kings 19:4; Yeremiya 7:16; 11:14).

## KUVUGA IBIZABA NO KUVUGA BIKABA

Gutangaza iby'Imana no kuvuga ibizaba byombi bimenyesha abantu ibitekerezo by'Imana. Umuhanuzi *avuga ibizaba mu gihe kizaza* kuko Imana izi ibizaba niba abantu bakomeje kugendera mu nzira barimo. *Kuvuga bikaba* byo bifite itandukaniro. Ni nk'aho wavuga amagambo agatuma ibintu bibaho. Ibi bitwibutsa uburyo Imana yavuze isi n'ibiyiriho bikabaho.

Mbere ya byose umuhanuzi yari umuntu ufite ijambo ry'Imana. Iri jambo ntiryabaga ari ibitekerezo umuntu yagira ku bintu runaka, ahubwo abahanuzi bizeraga ko kuvuga ijambo ry'Imana byagombaga guhindura rwose ibintu ibyo ari byo byose. Urugero ni muri Yesaya 28-29 aho tubona ishusho y'abantu barwana no kubonera igisubizo cy'ikigaragara nk'ikibazo cya politiki nk'uko bigaragara muri Yesaya 30:1–2. Kuba abantu barwana bashaka igisubizo birengagije Imana ni ikimenyetso cyo gutera umugongo Ijambo ry' Imana.

Yesaya ibice 30 ugakomeza hagaragaza ko ikibazo atari icyo gusaranganya ubutegetsi hagati y'Ubuyuda, Asiriya na Egiputa, ahubwo ko cyari ikibazo cy'imibanire yo mu buryo bw' umwuka hagati y'ibyo bihugu n'ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana rihinduka umusemburo utuma ibintu bigenda neza (Yesaya 40:8; 55:11).

Nyamara nk'uko bigaragara, abahanuzi bahanuraga bagamije ***kuburira*** no ***gukomeza abantu*** ku birebana n'igihe kizaza. Urebye abahanuzi hafi ya bose batangira bavuga ibyenda kubaho (Amosi 1:2). Hari ibintu bitatu by'ingenzi byerekana ubuhanuzi buvuga iby'igihe kizaza:

1. Ubwo abantu bagomba kugira imyitwarire ikwiriye mu gihe cya none, ni ngombwa ko babwirwa iby'igihe kizaza.

2. Abahanuzi bavuga ibizaba kubera ko bahanura mu izina ry'Imana Yera umutegeka w'ibihe. Twavuze haruguru ko umuhamagaro w'umuhanuzi wari uwo kumenya Imana. Nyuma yo kuyimenya agasobanura ibyo igiye gukora kuko ari Yo igenga ibihe nk'uko kamere yayo year idahinduka iri.

3. Kuvuga ibizaba ni kimwe mu biranga umurimo w'abahanuzi (Gutegeka kwa kabiri 18:9). Tubona kandi impano z'igitangaza zo kwiyumvamo[2] no guhishurirwa[3] mu bahanuzi. Elisa yari azwiho impano yo kumenya ibyavugiwe mu bwihisho kure cyane (2 King 6: 12) kandi agahamya ko atari imbaraga ze zamuheshaga kumenya ibyo. Ezekeli we azwiho kumenya amakuru arambuye y'i Yerusalemu yibereye i Babuloni (Ez 8-11). Abahanuzi bari abantu barangwa n'imbaraga z'ubwenge z'igitangaza. Nko kumenya mbere amazina bwite y'abantu (1abami 13;2; Yesaya 44:28; Ibyakozwe n'intumwa 9:12).

## ABAHANUZI BO MU ISEZERANO RISHYA

N'ubwo nta "bitabo by'ubuhanuzi" bigaragara mu Isezerano Rishya, tubona abahanuzi mu Isezerano Rishya. Ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera ntibwarangiranye na Malaki, ahubwo bwarangiranye na Yohana Umubatiza (Matayo 11:13). Amagambo y'ubuhanuzi ya se wa Yohana

2 Kwiyumvamo ni uburyo bwo kumenya ibintu nta we ubigusobanuriye. Ubimenya ubyiyumvisemo ukoreshe ibyumviro byawe.

3 Guhishurirwa aha bisa no kwiyumvamo, bivuga ibintu by'amayobora yo mu mwuka udashobora gusobanura mu buryo bufatika bw'ubumenyi busanzwe.

ari we Zakariya, Anna, Simiyoni na Mariya mu intangiriro y'ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Luka, yose ahamya ko umurimo w'ubuhanuzi wari ukiriho muri iki gihe (Luka 1:46-55,67-79; 2:26-38).

Krisito ntiyaje gukuraho amategeko n'abahanuzi ahubwo yaje kubisohoza (Matayo 5:17), kandi yumvaga umurimo we ushingiye ku byo abahanuzi bavuze. Yesu Krisito rero yongera kutwibutsa abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera n'ubutumwa bwabo nk'ihishurirwa rihoraho ry'Imana, ryihagije mu kuyobora abantu ku kwihana kandi rigacira imanza abanze kubumvira (Luka 16:19-31). Abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera ni abigisha bafite ubutware mu itorero rya Gikirisito. Ni abagabo bafite amagambo agomba kumvirwa nk'Ijambo ry'Imana (2Petero 1:19-21). Ariko nk'uko biri mu Isezerano rya Kera, no mu Rishya, Imana ni yo yonyine ihamagarira umuntu umurimo w'ubuhanuzi.

## KIRISTO, UMUHANUZI UHEBUJE

Rimwe mu mazina abantu bakunze kwita Yesu, akanaryitwa n'abari bamuzi ryari "umuhanuzi wavuye ku Mana", "umwigisha wavuye ku Mana" cyangwa bakayamwita yombi (Matayo 14:5; 21:11,46; Luka 7:16; Yohana 3:2; 4;19; 6:14; 7:40;9:17). Ishusho y'umuhanuzi bari bafite muri bo yari ijyanye n'imiterere y'umurimo w'abahanuzi mu Isezerano rya Kera. Harimo kuvuga ijambo ry'Imana, kugira ubwenge bw'indengakamere, kandi bakagaragaza n'imbaraga z'Imana (Yohana 3:2; 4:19).

Iri zina ni rimwe mu yo Yesu yemeye kandi na we akaryiyita (Matayo 13:15; Luka 13:33), nk'uko yemeye izina ry'Umwigisha (Yohana 13:13), ndetse n'umwanditsi nk'uko babivugaga (Matayo 13: 51-53). Intumwa zaje gusobonukirwa ko gusohozwa nyako k'ubuhanuzi bwa

Mose (Gutegekwa kwa kabiri 18:15) buvuga 'umuhanuzi nka we' uwo Imana yagombaga kubahagurukiriza, bwagaragariye muri Krisito ubwe (Ibyakozwe n'intumwa 3:22-26; 7:37).

Ku byerekeye Yesu ariko ntitumufite nk'umuhanuzi gusa, ahubwo ni Umwana w'Imana wahawe Umwuka Wera ku buryo busesuye. Kubera gucuncumuririrwaho Umwuka Wera, umurimo w'ubuhanuzi no kwigisha bikomatanirijwe muri we neza rwose; bityo muri we higaragaza guhishuririrwa gukomeye k'ubuhanuzi (Matayo 21:33-43; Luka 4:14-15; Yohana 3:34). Uretse kuba Yesu agaragara nk'umuhanuzi uhebuje, tubona ko ari we kandi watumye n'abahanuzi (Matayo 23:34, 37). Ntitumubona gusa nk'ubwiriza Ijambo ry'Imana, ahubwo we ubwe ni Jambo wigize umuntu (Yohana 1:1-14; Ibyahishuwe 19:13).

Tugomba kuvuga hano ko ubuhanuzi bwo mu Isezerano Rishya butazana ihishurirwa rishya ryerekeye Kirisito, uburyo bwo gukizwa cyangwa amahame y'imibereho ya gikiristo. Imana Nzima ikoresha impano y'ubuhanuzi kugira ngo iyobore itorero, igihugu cyangwa umuntu ku giti cye, cyangwa kuburira no gukomeza ikoresheje guhishura ibizaba cyangwa kwibutsa ariko mu buryo buhura kandi bwuzuzanya n'Ijambo ry'Imana ari na ryo ryifashishwa mu kugenzura amagambo yose y'ubu buhanuzi. Nta gushidikanya Isezerano Rishya ryerekana ko umurimo w'umuhanuzi ari ukuvuga ku bw'ubuntu Ijambo ry'Imana bitangwa n'Umwuka Wera, ari ko kuri abera bahawe ku buryo busesuye (Yuda 3), kugira ngo kudutere gutekereza ku kwizera kwacu kandi kunadukomeze.

Buri gihe mu Isezerano Rishya abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera n'Irishya bagaragara nk'abantu batangije ibyo kwizera Imana, bagahagarara imbere ku rugamba mu bihe byose maze bagasarura gutotezwa kwazanywe mu isi na Satani urwanya ubwoko bw'Imana, binyuze mu kurwanywa n'Abayuda cyangwa Abanyamahanga

(Matayo.23:37; Luka 11:47–50; Ibyak. 7:52; 1 Abates.2:15; Ibyahish. 11:3–8; 16:6; 18:20, 24).

Uko aba bahanuzi bafashwe nk'ijwi ry'Imana, ni na ko abagaragu bayo n'abana bayo b'abizerwa mu guhamya kwabo bazagenzwa muri iyi si yaguye; ariko babone nyuma kunesha, umuzuko n'umurage urenzeho, ku bw'ubuntu bw'Imana (Matayo 5:10–12; Abaheb. 11:39–12:2). Kuko ubuhamya bwa Yesu ari Umwuka w'ubuhanuzi (Ibyahish. 19:10), ubwoko bwe bwose bwahamagariwe guhamya ibyo mu buryo bwuzuye mu nzira zitandukanyebashorewe n'imbaraga z'uwo Mwuka umwe.

**ZIMWE MU MPAMVU ZO KWIGA ABAHANUZI**

1. Kubaka ubugingo bw'uwo ari we wese wiga inyigisho zabo.
2. Gukomeza ukwizera k'umuntu ubona uko ubuhanuzi n'ibyavuzwe bitaraba , byasohoye mu mateka no mu Isezerano Rishya.
3. Gufasha umuntu gusoma neza ibimenyetso by'ibihe—kumenya amahame Imana yakoresheje ihana abantu batayumvira.
4. Gutuma ibyumvwa n'ibisomwa mu binyamakuru bisobanuka neza, bikamenyekana ko Imana, mu bugwanwza bwayo, n'iki gihe yabigenza nk'uko yabigenje kera.
5. Kwiga ijambo ry'Imana rigwiriye uko bishoboka kose.

## *Ibyo Ukwiriye Kureba Igihe Wiga Ibitabo By'ubuhanuzi*

1. Bitewe n'uko umurimo w'umuhanuzi urenze kuvuga ibizaba, reba ahantu yahanuraga amagambo avuze agahindura ibyabaga birimo kuba.

2. Mu bihe bibi byo gusubira inyuma mu myitwarire no mu by'umwuka, Imana yahagurutsaga abahanuzi kugira ngo bakangurire abantu kuyigarukira. Mu mikorere y'umuhanuzi, intego nkuru ye kwari ukwihanisha abantu. Reba aho umuhanuzi yagiye:

   a) Avuga cyane ku bumana bw'Imana: Icyubahiro cyayo, ukwera kwayo, ugukiranuka kwayo n'ubutabera bwayo.

   b) Amenyekanisha amahame Imana yakoresha ku bantu ba yo.

   c) Avuga ko ubwenge bw'Imana butagira iherezo, ubuhanga no kumenya bityo ikaba yavuga iby'iherezo ihereye mu itangiriro kandi ko itajya yibeshya mu mirimo yayo.

   d) Avuga ko Imana ifite imbaraga zitagira iherezo bityo tukaba dushobora gusohoza umugambi wayo utunganye.

   e) Avuga ko Imana idahinduka. Amahame yayo adahinduka; bityo umuntu ashobora kuyishingikirizaho mu bihe byose (Yesaya 43:11-,44:6,24-26,46:10).

# V.

## ZABURI

Umupasitori w'inshuti yanjye yari yicaye mu biro byanjye umutima we uteragura kandi bimugoye guhumeka. Ntiyari asobanukiwe ibiri kumubaho cyangwa ikibazo afite, ariko njye menya ko ari ihungabana[1] ryatewe n'ibyamubayeho. Igihe namusobanuriraga ibimenyetso akabyumva, twatangiye kuvuga kuri bimwe mu bibazo nyamukuru yari afite.

We na benshi bo mu muryango we barokotse ku buryo bugoranye abababahigaga muri Afurika kandi bizera ko Imana ari yo yabazanye amahoro muri Kanada, bahagera imyenda bambaye ari yo bafite yonyine. Ntibari bazi uwo bakwizera n'uwo batakwizera. Imana ni yo yashatse ko tubonana, kandi kubw'ubuntu bwayo twahindutse abavandimwe. Mu gihe nari nicaye numva inkuru y'uwo mugabo, nabazaga Umwuka Wera nti: "Mbese ni gute natangira gufasha uyu mugabo?" Maze Uwiteka anyobora gusoma ijambo riri muri Zaburi ya 88.

Uwo muvandimwe wanjye atangira gusoma iyi Zaburi, musaba ko yayisoma aranguruye ijwi. Nongera kumusaba ngo ayisome cyane, asubiramo kandi abishyizeho umutima, akayisoma nk'aho ari we wayanditse. Zaburi ya 88 ishobora kuba ari imwe mu ndirimbo zibabaje cyane

1 Ubwoko bw'ubwoba bushobora kubaho igihe wanyuze mu bihe bihungabanya wabonaga byakuviramo gukomereka cyangwa urupfu.

kuruta izindi muri Bibiliya. Kuba rero aya ari amagambo y'Imana, bisobanura ko Imana yumvaga ibibazo yari afite nk'uko yiyumvaga. Iyi Zaburi yakomeje umwuka n'ubugingo by'uyu mugabo kandi imuha uburenganzira bwo kumva imbamutima ze, bityo atangira gukira. Rimwe na rimwe nta bisubizo byiza biba bihari, yewe nta na kimwe gishobora gutuma ibintu byacu bimera neza kurushaho, ariko birafasha gusobanukirwa ko hari umuntu ukumva kandi ukwitayeho. Ntabwo buri gihe dukeneye kumenya neza ibintu birimo kuba, uburyo n'impamvu birimo kuba, rimwe na rimwe tuba dukeneye ko Umwuka Wera adukoraho; ku bw'ibyo, Zaburi ikaba impano y'Imana kuri twe.

Ibibazo mu gusobanura Zaburi bituruka mbere na mbere ku miterere yazo ubwazo. Kubera ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana, abakristo benshi bahita bibwira ko ibirimo byose ari ijambo riva ku Mana ribwirwa abantu. Kubw'iyo mpamvu bakananirwa kumenya ko tubona muri Bibiliya amagambo abantu babwiye Imana cyangwa se bavuze ku Mana, iyi akaba ari na yo miterere ya Zaburi; kandi aya magambo na yo akaba ari Ijambo ry'Imana. Ibi bivuze ko Zaburi ubusanzwe ari igitabo cy'amasengesho n'indirimbo; kandi mu miterere yazo zikaba ziririmbirwa Imana zikanavuga ukuri ku Mana mu buryo bw'indirimbo.

Uku kuri kutwereka ikibazo cyihariye cyo gukoresha Ijambo ry'Imana. *Ni gute aya magambo yabwiwe Imana yahinduka amagambo y'Imana atubwirwa? Mu by'ukuri si amategeko avuye ku Mana cyangwa se inkuru ziduhuza n'inkuru z'iby'Imana. Zaburi ntizigendereye* kwigisha imyizerere cyangwa imyitwarire, ahubwo ikirenze ibi ni uko zigira akamaro mu gukoreshwa icyo Imana yagambiriye, ari yo yazishyize mu bazanditse kugira ngo zidufashe kugaragaza ibitwuzuye no kwita ku nzira zayo. Igitabo cya Zaburi ni kimwe mu bitabo byifashishijwe cyane mu Isezerano Rishya mu gusobanura ibya Kirisito. Bityo rero Zaburi ni igitabo cy'ingirakamaro cyane ku bizera

bashakira ubufasha muri Bibiliya kugira ngo bagaragaze ibyishimo n'umubabaro, gutsinda no gutsindwa, ibyiringiro no gusuhuza umutima.

Igitabo cya Zaburi ni nk'igitabo cy'indirimbo zo mu gihe cya none kuko gikubiyemo indirimbo n'amasengesho byanditswe n'abantu batandukanye mu gihe kirekire. Kivuga ishimwe ry'usenga atangarira imbaraga n'urukundo by'Imana; kikanavuga ibyiringiro byabo bishingiye ku masezerano y'Imana ajyanye n'igihe kizaza. Kivuga kandi ku gutaka kw'abantu batakira Imana kugira ngo ibakize ingorane zo buzima. Abizera baba bari bonyine cyangwa se bari kumwe n'abandi bantu benshi bakoresha izi ndirimbo zashyizwe hamwe mu gihe basenga.

Aho Itorero rya mbere ryateraniraga hose, haba mu rusengero (Zab 100:4) cyangwa mu ngo (Abakol 3:16), baririmbaga Zaburi. Mu gihe zaburi yaririmbwaga (Zab 48), umuririmbyi yahamyaga ugukomera kw'Imana maze uwumva na we akamenya ibyo Imana yakoze mu buzima bw'undi muntu, bityo agaterwa ishyaka ryo kwiringira imbaraga z'Imana. Zaburi zuzuyemo ibitekerezo by'ubwoba n'agahinda by'umuntu utotezwa, zikabamo kandi ibyiringiro n'urukundo bitewe n'uburyo Imana yagiye irinda abantu mu gihe cyashize. Aya masengesho avuga iby'imibanire ya bugufi y'abantu n'Imana ishobora no kuba imibanire hagati y'Imana na buri wese muri twe.

Zaburi nyinshi zandikiwe kuririmbwa. Ni yo mpamvu umutwe wa Zaburi ya 4 ugira uti: "*Zaburi iyi yahimbiwe umutware w'abaririmbyi, babwira inanga*", cyangwa se umutwe wa Zaburi ya 5 ukaba ugira uti: "*Zaburi iyi yahimbiwe umutware w'abaririmbyi, baririmbisha Nehiloti*". Zaburi ya 3 ifite ijambo *Sela*[2] ku mpera z'umurongo wa 2, 4, n'uwa 8. Iri jambo ryerekana aho baruhuka mu ndirimbo. Zaburi nyinshi zishimangira

2 Ijambo *Sela* rishyirwamo kugira ngo ryereke umuntu usoma aho akwiriye guhagarara agatekereza ku byavuzwe; rishobora no kwereka uririmba cyangwa ubyina amarangamutima atewe n'amagambo ya Zaburi, bityo akayatekerezaho kandi akumva agaciro kayo.

umuco wo kuririmba (Zab 95:1, 2; 96: 1, 2; 98: 1, 4-6), izindi zigashimangira umuco wo gukoresha ibicurangisho mu gihe abantu barimo gusingiza Imana (Zab 98:5, 6; 108: 1, 2; 150:3-5).

## IBIHE ZABURI ZAHIMBIWEMO

Zaburi nyinshi zahimbwe mu bihe bibiri: Ubuzima bwite umwanditsi wa Zaburi yanyuzemo no ku buryo Zaburi yaririmbwaga mu rusengero i Yerusalemu ku munsi w'ibirori. Imwe mu mitwe ya Zaburi igaragaza amateka yatumye umwanditsi azihimba.

Zaburi ya 3 ijyanye n'ibyabaye kuri Dawidi mu gihe yahungaga umuhungu we Abusalomo wamwigometseho (2 Sam 13:34-18:33). Zaburi ya 18 ivuga uko Dawidi yahungaga Sawuli (2 Samweli 21-22). Zaburi ya 30 yibutsa aho inzu y'Imana yari kubakwa (2 Samweli 24), naho Zaburi ya 51 yo ikubiyemo isengesho rya Dawidi rijyanye n'icyaha yakoranye na Batisheba (2 Samweli 11-12). Izindi Zaburi ntizigaragaza ibihe uwazanditse yarimo ariko iyo uzisomye ubwazo ubasha kugira ibyo umenya. Zaburi ya 45 ijyanye n'ubukwe.

Abantu benshi bagiye baririmba izi ndirimbo mu rusengero rw'i Yerusalemu no mu itorero rya mbere nyuma y'igihe kinini zihimbwe, ntabwo buri gihe babaga bazi impamvu yateye umuhimbyi kuzihimba. Icyakora bashoboraga kwisanisha n'ibitekerezo by'ubwihebe bivugwa muri izo ndirimbo kuko babaga baranyuze mu buzima busa n'ubwabo. Izindi Zaburi zaririmbwaga ahanini mu rwego rwo gushima Imana mu rusengero cyangwa ku minsi mikuru. Izi Zaburi akenshi zivuga ibibazo rusange cyangwa impamvu rusange zitera abantu bo mu mico yose kwishima.

## GUSHYIRA ZABURI MU MATSINDA

Zaburi zishobora gushyirwa mu matsinda atandukanye afite insanganyamatsiko imwe, imiterere imwe n' imikoresherezwe imwe. Hariho zaburi z*ivuga ibya Mesiya (*Zab 2; 110), zaburi z*ivuga iby'ubwenge* (Zab 1; 73), zaburi z*ivuga iby'ubwami (Zab* 96-99), zaburi z*ivuga ibya Siyoni* (Zab 46; 48), zaburi z*ivuga iby'amateka* (Zab 105; 106). Tugiye kureba Zaburi zivuga iby'amaganya na Zaburi z'ishimwe.

## ZABURI ZIVUGA IBY'AMAGANYA

Abisiraheli baganyiraga Imana ngo ibafashe kubera impamvu nyinshi. Zimwe muri izi zaburi ziragaragaza uburyo abanzi barwanya uwanditse izi Zaburi cyangwa igihugu cyose. Umurwa washoboraga gusaba kurindwa n'Imana igihe cyose abanzi babaga bawusatiriye (Zab 44:4-16); cyangwa se umuntu ku giti cye nka Dawidi akiganyira ku bw'ibihe bye mu gihe Sawuli yamutegeraga mu buvumo buri mu butayu bwa Yudeya (Zab 142). Mu bindi bihe abantu babaga barimo kuganya kandi bihana ibyaha byabo (Zab 51; 130), biganyiraga kubera indwara zikomeye bahuye na zo (Zab 6), cyangwa se bakiganyira kubera ko babaga bashinjwe ibyaha batakoze (Zab 7; 17; 120).

Mu gihe abantu batakambaga, baranariraga, bakiyiriza ubusa bakambara ibigunira bakanisiga ivu (Yoweli 2:12-17). Aha rero ntibyari ugusaba Uwiteka ngo abahe umugisha. Ibyiringiro bari bafite kwari ukwishingikiriza ku Mana ngo ibagirire imbabazi kandi inabarinde. Igitabo cya Zaburi kirimo amaganya ya rubanda y'uburyo butandatu cyangwa burindwi n'amaganya y'abantu ku giti cyabo y'uburyo bugera kuri mirongo itanu.

Muri rusange amaganya yose yari afite imiterere imwe:

1. Guhamagara, gusaba ubufasha bw'Imana

Iri sengesho ryari rigufi cyane. Muri Zaburi ya 13 haravuga ngo: "*Uwiteka, uzageza he kunyibagirwa iteka ryose?* Aha ni uguhamagara uzi neza ko Imana ari yo ibasha kugufasha. Mu by'ukuri Imana ni yo mbaraga z'abantu bose bari mu bibazo.

*2. Amaganya cyangwa se kwitotomba*

Muri iki gice usenga avuga imiterere y'ikibazo. Akenshi agaragaza ibintu bitatu: a) Imana ntirimo kumurinda; b) Abanzi barimo kumutoteza; c) kandi ari mu gahinda. Muri Zaburi 13:1, 2 usenga arimo kwitotombera Imana avuga ati: "*Uzageza he kunyima amaso?*" Ku bijyanye n'ibibazo by'umuntu ubwe usenga agira ati: "*Nzageza he kwigira inama, mfite agahinda mu mutima wanjye uko bukeye?*" Ku bijyanye n'abanzi akagira ati: "*Umwanzi wanjye azageza he gushyirwa hejuru yanjye?*"

Uku kwitotomba ni ukugaragaza nta buryarya ibyuzuye umuntu. Abasenga ntibababasha guhisha amarangamutima yabo ajyanye n'agahinda cyangwa gutenguhwa. N'ubwo badashyira amakosa ku Mana, bazi neza ko Imana ishobora gukemura ibibazo byabo. Bavuga ibibabangamiye kuko bazi neza ko ibibazo byabo byahinduka mu gihe Imana yumvise gusenga kwabo. Izi Zaburi zirashishikariza abizera gukingura imitima yabo bakabwira Imana uko biyumva kose ntibihishe inyuma y'imyitwarire runaka idini ryigisha.

*3. Gutakamba cyangwa gusaba ubutabazi bw'Imana*

Iki gice cyo kirasaba Imana kumva isengesho ry'umuntu ayisaba ngo imukize kandi inamucungure mu bibazo by'ubuzima . Muri Zaburi ya 13:3, 4 asaba agira ati: "*Uwiteka Mana yanjye, birebe unsubize, hwejesha amaso*

*yanjye kugira ngo ne gusinzira ibitotsi by'urupfu, umwanzi wanjye ye kuvuga ati: 'ndamunesheje', abanteraga be kwishimira kunyeganyega kwanjye.*" Iyo duhamagara Imana ngo idutabare, tuba twatuye ko tubeshejweho na yo kandi ku bwo kwizera tukaruhukira mu maboko yayo akomeye.

*4. Kwatura ibyiringiro umuntu afite ku Mana*

N'ubwo abizera bahura n'ibibazo bikomeye bakagera aho bacika intege rwose, iyo batakambye, bakura amaso ku bibazo bakareba Imana kuko ari yo gisubizo cy'ibyo basaba. Iyo twatura ibyiringiro byacu ku Mana, tuba tugaragaje ukwizera kwacu no guhanga amaso igisubizo cy'ibyo dusaba. Muri Zaburi ya 13:5 umuririmbyi wa Zaburi aravuga ati: "*Ariko niringiye imbabazi zawe, umutima wanjye uzishimira agakiza kawe.*" Kubera ko umuntu yizeye ko Imana ishobora kwiringirwa, hariho icyizere ko agakiza k'Imana kazazana ibyishimo bikomeye mu minsi izaza.

*5. Umuhigo wo guhimbaza Imana*

Amaganya menshi arangira uwizera ahiga umuhigo wo kuzashima Imana niba isengesho rye risubijwe. Muri Zaburi ya 13:6 umuntu usenga asezerana ibi: "*Nzaririmbira Uwiteka kuko yangiriye neza.*" Iri sengesho ritangira ririmo umutwaro w'amaganya rikarangira ari ibyiringiro n'intsinzi, usenga afite icyizere cyo kuzashima Imana no kubwira abandi mu ndirimbo ubuntu bwayo!

Buri sengesho ni uburyo bwihariye umuntu ku giti cye avugamo ibiri ku mutima akurukije uburyo runaka. Abantu bari batandukanye, ibihe byari bitandukanye n'ibyiringiro byabo cyangwa se kwiheba byahindukaga bitewe n'urugero rw'ubukana ibibazo bifite.

## ZABURI Z'ISHIMWE

Irindi tsinda rinini cyane rya Zaburi rigizwe n'indirimbo z'ishimwe. Izi Zaburi zibarirwa mu byiciro bito bitewe n'imiterere yazo, insanganyamatsiko n'impamvu yo gushima Imana. Zimwe muri izo ndirimbo zijyanye no gushima Imana kuko yumva amaganya y'uwizera. Zaburi ya 9 ni Zaburi ivuga kandi ikabara inkuru z'ishimwe. Imana irashimwa (9:1-3, 7-11, 14) kuko uramya aba yibutse uko Imana yatsembye abanzi be (9:4-6, 12, 13, 15, na 16).

Itsinda rya kabiri rigizwe n'indirimbo z'amazamuka[3] zaririmbwaga n'abagenzi cyangwa abantu bakunda ga kuramya Imana ubwo babaga bajya mu rusengero. Izi ndirimbo zishingiye ku byishimo byaterwaga no kureba umurwa wa Yerusalemu no kujya mu rusengero gushima Imana (Zab 122).

Irindi tsinda rinini cyane ryibanda ku cyubahiro cy'Imana kandi rikerekana urutonde runini cyane rw'impamvu Imana ikwiriye gushimwa. Imiterere y'izi ndirimbo z'ishimwe iroroshye rwose:

1. Guhamagarira abantu gushima Imana.
2. Impamvu zituma abantu bashima Imana.

Izi ngingo zose ushobora kuzisanga muri za Zaburi. Zaburi ya 100 ni Zaburi izwi na bose ko yubakiye kuri izi nkindi. Itangira ihamagara abantu guhimbaza Imana. Zaburi ya 100:1, 2 igira iti: "*Mwa bari mu isi yose mwe, muvugirize Uwiteka impundu, mukorere Uwiteka munezerewe, muze mu maso ye muririmba*". Hakurikiraho rero impamvu ituma Imana ishimwa (Zaburi ya 100:3): "*Mumenye yuko Uwiteka ari we Mana, ni we waturemye na twe turi abe, turi ubwoko bwe, turi intama zo mu cyanya cye*".

3 Muri 2 Samweli 15:30, Dawidi yazamutse *umusozi wa Elayono.* Ijambo *amazamuka* ryibutsa abantu uburyo bazamukaga umusozi bajya mu rusengero. Rirongera kandi rikibutsa uburyo abantu bazamuka bajya ku Mana nk'uko Mose yazamutse umusozi ajya guhura na yo.

Izi nkingi zombi zisubirwamo hiyongereyeho guhamagarira abantu guhimbaza Imana (Zaburi ya 100:4): "*Mwinjire mu marembo ye mushima, no mu bikari bye muhimbaza, mushime, muzingize izina rye*". Impamvu ya kabiri yo guhimbaza Imana na yo iratangwa (Zaburi 100:5): "*Kuko Uwiteka ari mwiza, imbabazi ze zihoraho iteka ryose, umurava we uhoraho ibihe byose*". N'ubwo iyi Zaburi y'ishimwe yubatse ku buryo bworoheje ikaba na ngufi, ikubiyemo ibintu byinshi bijyanye na tewolojiya.

Uramya yemera akamaro ko kujya mu nzu y'Imana kuramya no gushima Imana. Si ibintu by'akamenyero gusa, ahubwo ni ikintu gifite agaciro kanini dukwiriye gukora, cyangwa se tukagifata nko kubaha ababyeyi. Abizera basobanukirwa impamvu Imana ikwiriye gushimwa: babonye ubuntu bwayo kandi imitima yabo yuzuye impamvu yo gushima. Imana yarabaremye, Imana ibafata nk'ubwoko bwayo budasnzwe kandi ni yo ibaha ibyo bakeneye. Ni Imana ibahozaho ineza yayo; yakomeje kubereka urukundo rwayo; ni Imana yo kwizerwa mu buryo bwose. Ikwiriye gushimwa.

Izi Zaburi zisohoza imwe mu mpamvu y'ingenzi yo kubaho k'umwana w'umuntu ku isi—intego yo kwishimira mu Mana no kuyiha icyubahiro.

Ntituri bubashe gusesengura twitonze ubundi bwoko bwa Zaburi ariko turabuvugaho mu ncamake.

### Zaburgi Zivuga Iby'amateka (105-106)

Zaburi zivuga iby'amateka zitandukanye n'izindi Zaburi; ntizivuga ku bijyanye n'ikintu cyihariye cyabaye mu buzima bw'uwizera. Ahubwo zisubiramo amateka ya Isiraheli mu rwego rwo kwibutsa abantu amateka y'igihugu n'ibyaha bakoraga, zigashima Imana kubera ineza yabagiriye, cyangwa se zigashishikariza abantu kwiringira Imana kuko yabaye iyo kwizerwa mu gihe cyashize.

**Zaburiz'umuvumo (Zaburi Zihamagarira Imana kuvuma)**

Hariho umubare utari muto wa Zaburi zivuma abanzi b'ubwoko bw'Imana. Imwe muri iyo mivumo igaragara mu maganya (Zab 139:19-22) mu gihe iyindi mivumo ari yo igize igice kinini cya Zaburi (Zab 35; 69; 109).

**Zaburi Yo Kwatura No Kwihana Ibyaha**

Kwatura ibyaha wari umuco ujyanye no gutamba igitambo cy'ibyaha mu rusengero. Ariko nanone bigomba gushimangirwa ko igikorwa cyo gutamba igitambo atari cyo cyari ikintu cy'ingenzi. Ikintu cy'ingenzi Imana yabaga ishaka ni umutima umenetse, umutima wihana w'umunyabyaha (Zab 51:16, 17).

**Zaruri Ivuga Ibyubwenge**

Nubwo bitoroshye kumenya icyo Zaburi zivuga iby'ubwenge ari cyo, abantu benshi bemera ko hariho itsinda rya Zaburi zikubiyemo inyigisho zitaboneka bitabo by'Ubwenge (Zab 1; 37; 73; 112; 127; 128).

**Zaburi Zivuga Iby'Ubwami**

Muri iri tsinda rya Zaburi harimo indirimbo zivuga iby'abami b'isi ndetse na Zaburi zivuga iby'ubwami bw'Imana. Igihe ubwami buyoborwa n'Imana[4] bwashyirwagaho Abisiraheli bahindukaga bwa mbere ubwoko bw'Imana, byarumvikanaga ko Imana yari umuyobozi n'Umwami wabo.

4 Ubwami bw'Imana ni ubutegetsi buyoborwa n'Imana, Imana akaba ari yo iyobora igihugu.

## Zaburi Zivuga Ibya Mesiya

Umusobanuzi wa Bibiliya agomba kwemera ubuhamya bw'Isezerano Rishya ko aya magambo aganisha kuri Yesu Kristo Mesiya. Ariko umuntu agomba gusobanura izi Zaburi zivuga ibya Mesiya ashingiye ku byo Dawidi yahishuriwe, atari ku byahishuwe mu myaka amagana n'amagana ubwo ibitabo by'Ubutumwa Bwiza byandikwaga. Kuba rero Zaburi yararirimbwe na Dawidi itavuga ko Yesu yari kubyarwa n'umwari[5], biragaragara ko atigeze abimenya.

N'ubwo Dawidi atigeze ahishurirwa ko Yesu azaba Mesiya, yagiye avuga ibintu byumvikanisha kuza k'Umwami. Ubwo Abafarisayo barimo bajya impaka na Yesu ku bijyanye n'ubutware bwe ndetse n'aho yaturutse, Yesu yifashishije Zaburi ya 110:1 (Matayo 22:43-45): "*Arababaza ati: "Nuko rero ni iki cyatumye Dawidi yabwirijwe n'Umwuka amwita umwami we ati 'Uwiteka yabwiye Umwami wanjye ati: Icara iburyo bwanjye, Ugeze aho nzashyirira abanzi bawe munsi y'ibirenge byawe'. Ni uko ubwo Dawidi amwita umwami we, none abasha ate no kuba umwana we?*" N'ubwo Dawidi atigeze amenya Mesiya nk'uko tumuzi none, yategerezaga Mesiya kimwe nk'uko natwe ubu tumutekereza uko yari ari.

## UBUSOBANURO BW'IZI ZABURI MU BURYO BWA TEWOLOJIYA

1. Imana mu gukomera kwayo igira uruhare mu kuyobora ubuzima bwa buri mwizera. Mu bihe by'ibibazo, abizera bose bashobora kuzanira Imana imitwaro yabo yose, kuko yumva kandi igahumuriza abayegera.

5 Ibi byaje guhishurwa nyuma y'imyaka 250 (Yesaya 7:14).

2. N'ubwo abantu bakora ibyaha, Imana ibabarira ku buntu abantu bose bihannye. Isengesho risaba ubutabazi ntirikwiriye gusa kwibanda ku kibazo cyangwa se ku bukene bw'umuntu. Rigomba no kwibanda ku bushobozi bw'Imana bwo gusubiza amasengesho, ku mwanzuro wo kwiringira Imana uranga abizera, ndetse no ku nyota yo guha Imana icyubahiro kubera ubuntu no kugira neza byayo.

3. Imana yanga icyaha kandi izahana abanyabyaha. Inzu y'Imana ni ahantu ho guhimbaza Imana no gutanga amaturo y'ishimwe. Kunezererwa Imana bikwiriye kuzura imitima n'iminwa y'abantu bahawe umugisha na yo.

4. Uburyo Imana iteye byahishuwe mu Ijambo ryayo. Umukiranutsi azagira ubwenge bwo kwirinda inzira z'ibyaha ayoboke inzira y'Imana. Imana ikwiriye gushimwa kuko ari Imana, tukaba turi abantu bayo, ikaba yaranaduhaye ibyo dukeneye.

5. Imana ni yo Mwami w'isi. Itegekana ububasha bwose n'ubutabera bwuzuye. Ku iherezo, izanesha izindi mbaraga zose zibaho ku isi, kandi abantu bose bazayisingiza.

6. Ku mperuka y'ibihe, Imana izohereza Mesiya, ubu wicaye iburyo bwayo, kugira ngo aneshe imbaraga z'ikibi kandi ategeke isi yose.

Ubusizi bwasobanuwe neza ko ari "imvugo y'amarangamutima iri ku rugero rwiza". Mu Baheburayo, ubusizi bwibanda cyane cyane ku kibazo gikomeye cy'imibanire y'abantu n'Imana. Kwiyumvamo urubanza rw'icyaha, gucirwaho iteka, guhanwa, kubabarirwa, gucungurwa,

no kwihana ni zo nsanganyamatsiko z'ubu busizi buva ku Mana.

Ubusizi butuma twegerana n'Imana bigatuma amarangamutima n'ibitekerezo byacu byumvikana. Tubasha kwisanga ubwacu muri izi Zaburi kandi uko umuhimbyi wa Zaburi arushaho kwemeza uburyo ibyiringiro bye bihamye no kwizera Imana, bituma na twe turushaho kugira ibyiringiro n'imbaraga nshya zo kwizera. Akenshi Zaburi ziduha amagambo atuma tubasha gusobanura ibiturimo mu gihe tuba twabuze amagambo dukoresha mu kubivuga.

## *Ibiganiro Mpaka, Ibibazo N'ibikorwa*

1. Ni iki twakwigira ku mutwe wa Zaburi?

2. Ni bihe bintu bike Zaburi ihuriyeho cyangwa itandukaniyeho n'ibitabo by'ubu by'indirimbo ?

3. Ni iyihe miterere rusange y'amaganya? Ni gute iyi miterere ifasha abantu baganya kunesha ubwoba no gucika intege mu gihe bari mu bibazo?

4. Kora urutonde rw'impamvu zimwe na zimwe zitera abantu gushima Uwiteka mu buryo bw'indirimbo z'ishimwe nk'uko ziri muri Zaburi ya 33, 111, 135 na 145.

5. Gerageza wandike, usenge isengesho rigufi ry'amaganya rishingiye ku kibazo ufite muri iyi minsi (ukurikije imiterere yavuzwe haruguru), wandike kandi n'indirimbo y'ishimwe igaragaza impamvu zigutera gushima Imana. Niba uzi gucuranga, ushobora no gucuranga iyo ndirimbo y'ishimwe.

# VI.

## UBWENGE N'INYANDIKO Z'UBWENGE

Muri Kanada dufite umugani, "ngombwa ni nyina wo kuvumbura" ugaragaza ko iyo umuntu afite ikibazo kandi akaba adafite igisubizo, akora uko ashoboye kugira ngo agikemure n'ubwo byamusaba gucura igikoresho gishyashya. Iryo hame rirongera rikagaragarira muri uyu mugani wo mu rurimi rw'Igicyewa ruvugwa mu gihugu cya Malawi ngo "W*amva Mmimba ndiye atsekula chitseko* (Urwaye impiswi ni we ukingura urugi; bivuze ko umuntu ufite ikibazo ari we ujya gushaka ubufasha). Mu Kinyarwanda twavuga ngo "Ubabaye ni we ubanda urugi".

Buri muco na buri rurimi bigira uburyo bwihariye bwo kwigisha iby'ubwenge mu buzima, nyamara akenshi ubwiza bw'ubwo buhanga buratakara iyo ubuhinduye mu zindi ndimi. Icyakora ihame rusange ryo buri gihe riragaragara kandi turareba uburyo bushya bwo kwigisha uko kuri. Urugero, mu rurimi rw'iwacu rwa kavukire ruvugwa mu Budage, "*Wea dot kliene nicht ieght es dot grotte nicht viet*", biravuga ngo "Udashima ibike ntakwiriye guhabwa ibyinshi". Kandi birumvikana ko interuro yumvikana n'ubwo amagambo adakurikiranijwe neza.

Hari inshuti akaba n'umuvandimwe wanjye muri Krisito uri mu Rwanda wanyunganiye ampa uru rugero rujyanye n'ubuvanganzo nyarwanda: "Ubwenge bw'umwe

burayobya". Uyu mugani ucibwa mu gihe basaba umuntu kugisha inama abantu benshi kuko kugendera ku nama y'umuntu umwe bishobora kuyobya[1]. Ubusobanuro bw'uyu mugani burumvikana neza no mu gihe usobanuwe mu rundi rurimi, ariko rero mu rwego rw'ikibonezamvugo umugani ntugumana umwimerere wawo mu gihe uhinduwe mu rundi rurimi.

## UBWENGE BWO MURI BIBILIYA

Bibiliya igaragaza ko ubwenge buzanwa no kugirana imibanire myiza n' Uwiteka (Imig 1:7). Umunyabwenge yizera ko Imana iriho, ko ari yo Muremyi wa byose akaba n'Umutegetsi wa byose kandi yashyiriyeho ibiremwa byayo byose gahunda yo mu buryo bw'ubumana, ku buryo iyo gahunda iramutse ikurikijwe, amaherezo igera ku byiza. Abanyabwenge kandi bizera ko mu isi hariho amategeko agenga imyitwarire y'abantu, iryo rikaba ari ihame ry'ubutabera bw'Imana butuma bemera ko abagome bahanwa naho abakiranutsi bagahabwa ingororano. Ubwenge bwo muri Bibiliya ntibugira aho buhurira n'ubwenge bw'umuntu cyangwa urwego rw'amashuri yize; ahubwo bujyanye n'imyitwarire n'imyumvire yo mu buryo bw'umwuka. Bukorana n'imiterere y'umuntu hamwe n'indangagaciro; ni ukuvuga kureba isi wifashishije imboni y'ukuri kw'ijambo ry'Imana.

Mu Isezerano rya Kera, ijambo "*hakam*" (umunyabwenge) ryakoreshwaga mu kuvuga umuntu wari ufite ubuhanga bwo gukoresha amaboko ye, nk'abahanga bagize uruhare runini mu kubaka ihema ry'Imana (Kuva 28:3; 35:30-36:2) n'urusengero rwa Salomo (1 Ngoma 22:15). Ubwenge ni ikintu gifatika rwose kandi bugaragarira mu nzego zose z'ubuzima. Buha ubuzima bw'umuntu gahunda n'intego; bubashisha umuntu gushishoza mu gihe afata

1 Seneza Jean Paul yohereje umwanditsi ubutumwa kuri internet mu mwaka w' 2011.

ibyemezo kandi butuma ubuzima bw'umuntu bwuzura umunezero wubahisha Imana. Abanyabwenge baba bafite ubumenyi bwo guhangana n'ubuzima mu buryo bw'ukuri bafite n'ubushobozi kandi bakabucunga neza mu buryo imigambi y'Imana isohorera mu buzima bwabo.

## INYIGISHO Z'INGENZI ZIJYANYE N'UBWENGE UKURIKIJE BIBILIYA

1. *Imana ni umuremyi w'isi n'ijuru* (Yobu 28:23-27; 38:4-39:30; Imig 3:19-20; 8:22-34). Iyi nyigisho ivuze ibintu bibiri by'ingenzi:

    a) Umuntu ni ikiremwa gitekereza ku myitwarire yacyo kandi akaba agomba kubazwa iby'imibanire ye n'Imana ndetse n'ibindi biremwa. Imyitwarire ivugwa muri ibi bitabo by'ubwenge ikaba yubakiye kuri iyi nyigisho.

    b) Imana igaragara mu buryo bugari kandi ko ari Imana ya bose aho kumva ko igarukira mu gihugu kimwe gusa. Ni Imana y'abantu b'amoko yose, si Imana ya Isiraheli gusa.

2. *Imana ni yo soko y'ubwenge* (Yobu 9:4; 11:6; 12:13; 32:8; Imig 2:6; 8:22-31). Ubwenge ni ijambo ry'Imana ryanditswe muri kamere –muntu n'imikorere ye bikamurikirwa n'ihishurirwa rinyuze mu mategeko.

3. *Buri muntu afite inshingano yo guhindura mu buryo bwiza aho atuye:* umuntu ntagomba kugirira nabi mugenzi we. Agomba kwikenura akanita ku muryango we. Agomba gukoresha ubushobozi bwose Imana yamuhaye.

4. *Imana yita ku myitwarire y'abatuye isi, buri gikorwa kikagira inyiturano igikwiye.* Abakiranutsi bahabwa ingororano na ho abagome bagahanwa (Imig 10:30). Igihe iri hame byagaragaye ko rinyuranye n'ibyo abantu babona mu buzima bwa buri munsi, abigisha b'ubwenge bagerageje gusobanura ubwo buhabane.

## INZEGO Z'UBWENGE

Iyo usomye Isezerano rya Kera ubona inzengo ngari z'ubwenge. Abari buzuye ubuhanga bwo gukora ubukorokori (Kuva 35:35) bafatwaga nk'abafite impano y'ubwenge: abacuzi b'izahabu (Yer 10:9), abacuranzi (1 Abami 4:31-32; Yer 9:17), abahanga mu bya gisirikare n'abayobozi b'ibihugu (Yes 10:13; 29:14; Yer 49:7), abakonikoni n'abakora ibitangaza (Itang 41:8; Yes 44:25), n'abacamanza b'abanyabwenge (2 Sam 14:17, 20; 19:27).

*Abatambyi* ni bo bigishaga amategeko y'Imana ku buryo bwemewe. *Abahanuzi* batangazaga ihishurirwa riva ku Mana ubwayo. *Umunyabwenge* yatangaga inama ye bwite n'inama ijyanye n'ibya politiki .

## INYANDIKO Z'UBWENGE

Umuntu asabwe kugaragaza ishusho ya buri gitabo muri bitatu by'ubwenge biri muri Bibliya, akurukije ibiri muri buri gitabo, yavuga ko buri cyose ari inzu yihariye ifite ibiyiranga. Igitabo cy'Imigani cyagaragara nk'inzu ya Bwenge ifite inkingi ndwi, cyangwa ikaba inzu yuzuye ubuntu, irimo ibikenewe byose, y'umugore ufite impano ufite indangagaciro zituma icyo gitabo gisozwa mu buryo butuje. Mu gitabo cya Yobu ho hagaragara indi shusho: ahari ni ibisigara by'inzu umuryango wa Yobu watikiriyemo ubwo "umuyaga ukomeye wavaga mu butayu

ugakubita imfuruka enye z'inzu" cyangwa se ikirundo cy'ivu aho Yobu yagiye kwigungira. Naho ku bijyanye n'igitabo cy'Umubwiriza, kuba kigaruka ku gitekerezo cy'uko icyubahiro cyo mu isi ari icy'akanya gato, bituma wagiha ishusho y'inzu ihambaye (12:3-4) igenda isenyuka buhoro buhoro nta gitangira.

Ibi bitabo uko ari bitatu bigaragaza neza ibice bitatu by'ubuzima ku buryo nta muntu washobora kubyirengagiza: inyigisho ku micungire myiza y'ibintu; amayobera y'ibiza birenze ubushobozi bwacu tutabasha no gusobanura, n'uburyo ubuzima bw'umuntu ari bugufi.

## IGITABO CYA YOBU

Ibibazo Yobu yahuye na byo bikubiye muri iki kibazo nyamukuru: "Wasobanura ute impamvu ibintu bitangeda neza?" Igisubizo cya Yobu ni iki: "Ukwiriye kwiringira Imana kuko ibintu byose bitaba biri aho biteguye neza nk'uko abantu baba babyibwira". Yobu, umugabo wubahaga Imana, yari azi neza ko nta kintu yakoze ngo kibe cyamuzanira umujinya w'Imana. Ahamya ko ari umukiranutsi (3:6; 7:9; 10:12; 14:16; 17:19; 21:23; 24:26-31) akanagaragaza uburyo abangamiwe n'ibyago arimo guhura na byo. Ntashobora kumva impamvu ibyo byago byamugezeho. Incuti ze zababajwe no kumva avuga atyo; bo bavugaga ko ari ugutuka Imana. Bakomeza kumwumvisha ko acumura ku Mana igihe yitotomba. Buri wese yamusabaga kwihana icyaha cye, icyo ari cyo cyose, kandi akemera ko Imana igira ukuri no kutabera mu buzima ku buryo twese duhabwa ibikwiriye ibyo twihitiyemo. Yobu abagisha impaka ababwira ko isi irimo akarengane kandi ko itameze uko yari ikwiriye kuba.

Amaherezo, Imana ifata ijambo igakosora Yobu kandi ikagaragaza uko ibintu bimeze. Ariko na none ivuga ko Yobu nta cyaha afite, bitandukanye n'ibyo "ubwenge"

bw'incuti ze bwatekerezaga (42:7-9). Ku kibazo cyo kumenya niba ikintu cyose mu buzima kirimo ubutabera cyangwa nta burimo, Yobu yavuze ukuri ; nta butabera burimo. Ku kibazo Yobu yibazaga ngo "Kuki ari jye bibaho?" Imana yaramutsinze imwumvisha ko inzira zayo zisumba kure izacu, kandi ko kuba yemera ko imibabaro itugeraho bidasobanura ko itazi ibyo irimo gukora cyangwa se ko uburenganzira bwayo bwo gukora icyo ishaka bwakemangwa. Ibyo ihisemo buri gihe biba bisumba ibyacu.

Ubu ni bwo bwenge nyakuri kandi butunganyijwe rwose. Umusomyi w'igitabo cya Yobu asobanukirwa icyo ubwenge bw'isi ari cyo; busa n'imitekerereze y'ukuri ariko mu by'ukuri idatunganye, kandi akamenya ibigize ubwenge bw'Imana, akiringira gukomera kw'Imana no gukiranuka kwayo.

**IMPAMVU CUMI ZITUMA UKWIRIYE GUSOMA IGITABO CYA YOBU**

1. Benshi muri mwe mwanyuze mu mibabaro cyangwa muyirimo ubu kandi murashakisha umucyo muri uwo mwijima.
2. Mu by'ukuri umubabaro uzabaho. Guhinduka umwigishwa wa Yesu bijyana n'ibigeragezo.
3. Itotezwa, indwara, intambara, ubumuga, ibiza, impanuka idasanzwe, kugirirwa nabi; byose bihuriye kuri iki: Satani ashaka gusenya ukwizera kwawe ariko Imana yo irashaka kukubaka.
4. Iyo habayeho ibiza, abantu babivuga mu bitangazamakuru bibaza uruhare rw'Imana muri byo. Reba za Tsunami zabayeho, imiyaga ikomeye cyane, imyuzure, za Serwakira zitwara ibintu n'abantu n'ibirundo by'urubura.
5. Abenshi kubera imibabaro yo mu isi bahakana Imana.

6. Hariho Abakristo bashidikanya beruye ko Imana ifite ububasha busesuye ku mibabaro yose.
7. Gukomera kw'Imana kudasubirwaho kandi kuzuye ubwenge, ubwiza, kutabera, ni ukw'igiciro kandi ntikugereranywa. Iyo ubashije kuvuga uti "Satani yagambiriye ibibi ariko Imana….", biguha ibyiringiro n'imbaraga. Nta kintu na kimwe kigwa hasi kuri yo. Nta kintu kiyitungura.
8. Imibabaro yashyizweho nka bumwe mu buryo butuma ubutumwa bwiza bukwirakwira.
9. Agaciro gakomeye ndetse n'ubwiza no gutangaririrwa bya Kiristo bigaragara cyane igihe abakiristo bahaye agaciro Kiristo kuruta ibintu batakaza nk'amagara mazima, ubutunzi, umuryango cyangwa ubuzima.
10. Igitabo cya Yobu ni cyo gitabo cy'ingenzi muri Bibiliya kivuga iby'imibabaro. Gishobora kudufasha muri bene izi nzira zose.

## IGITABO CY'IMIGANI

Igitabo cy'Imigani cyigisha ubwenge-ngiro. Ishingiro ry'ubwo bwenge rikaba rikubiye mu gutinya Imana. Abanyabwenge bagiye bifashisha ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo kugira ngo bifashe umuntu gufata mu mutwe ibivugwa. Icyakunze gukoreshwa cyane ni ubusizi bubangikanya amagambo avugika kimwe[2] (Imig 18:10) cyangwa se abusanye[3] (Imig 10:1). Bakundaga no gukoresha amagambo bagereranya (Imig 17:1) nk'urutonde rw'imibare (Imig 30:15 ugakomeza). Rimwe na rimwe bakoreshaga ingombajwi zihuza amagambo cyangwa se rimwe na rimwe bagakoresha inyuguti zigenda zitangira interuro na zo zikaba zarema irindi jambo ukurikije uko zitondetse (Zab 37; Imig 31:10-31). Bakoreshaga ibisakuzo

2 Aho bakoresha amagambo kuko avugika kimwe, kandi yoroshye gufata mu mutwe, *avugika kimwe*, ni ko ateye.

3 Aho ni ugukoresha amagambo anyuranye kugira ngo ishusho irusheho kuba nziza

(Abac 14:12 ugakomeza), imigani yiganjemo inyamaswa, imigani isanzwe (Yuda 9:7-15; Ezek 17:13 ugakomeza; 19:1 ugakomeza), n'imigani yo muri Bibiliya ikoresha imvugo ishushanya/igereranya nk'uko twabivuze haruguru (2 Sam 12:1-4; Yes 28:4), n'*inkuru shusho* [4](Yes 5:1-7), ibyo byose ni bimwe mu byo umunyabwenge afite mu bubiko bwe.

Mu rurimi rw'Igiheburayo, imigani yitwa *meshallim* (Ni "imvugo ishushanya", "umugani w'umugenurano", cyangwa se "inshoberamahanga"). Bityo rero umugani w'umugenurano ni imvugo igaragaza ukuri mu buryo bugufi kandi bwihariye. Uko interuro irushaho kuba ngufi ni ko irushaho kutavuga ibintu byihariye kandi ni ko irushaho kuba yakoreshwa hose. Imigani ni interuro zumvikana mu buryo umuntu ashobora kuzibuka neza. Ntivuga ikintu cyose cyerekeranye n'ukuri, ariko iganisha kuri uko kuri. Iyo ushatse kuyisobanura ijambo ku rindi, akenshi wumva itaboneye. Ariko ubundi iba ari imirongo ngenderwaho wakwiga ikagufasha gutunganya imyitwarire, nta kindi wayigereranya na cyo.

Imigani ikoresha imvugo izimije kandi ikavuga ibintu mu buryo buhinnye aho kuba mu magambo arambuye. Urugero: "*Ni ko bimera no ku muntu usanga muka mugenzi we, kandi umukoraho wese ntazabura kugibwaho n'igihano*" (Imig 6:29). Iri jambo "umukoraho" rigaragara muri uyu murongo ni imvugo ijimije isobanura imibonano mpuzabitsina (reba Itang 20:6; 1 Kor 7:1). Ijambo rigenderewe hano muri uyu mugani ni uko gusambana bisa no gukinisha umuriro. Bitinde bitebuke Imana izabihagurukira, yaba muri ubu buzima cyangwa mu buzaza umusambanyi azabona akaga bitewe n'ibikorwa bye. Aha bishaka kuvuga ko ikinyuranye n'ibyo icyo ari cyo cyose kiba kivangira ubutumwa bwahumetswe n'Umwuka Wera. Bityo rero, umugani ntugomba gufatwa ijambo

4 Muri iyi nkuru usanga ibivugwamo bishushanya ibindi bintu. Bene izi nkuru zikunze kwifashishwa mu gukosora imyifatire y'abantu mu ngeri zitandukanye. Na Yesu yarazikoresheje. Urugero rwa hafi ni «Umugani w'umubibyi».

ku rindi cyangwa muri rusange kugira ngo ubutumwa buwukubiwemo bubashe kugira umumaro.

(1) *Imigani si ubwishingizi bwategetswe buva ku Mana.* Imigani ni ukuri kuzwi na bose. Imigisha yihariye, ingororano, n'amahirwe bivugwa mu migani bizaba ku muntu uhisemo gukora iby'ubwenge bisabwa nk'uko bivugwa mu bitabo by'ubusizi ari yo mvugo izimije yo mu gitabo. Urugero: "*Menyereza umwana inzira akwiriye kunyuramo, azarinda asaza atarayivamo*" (Imig 22:6). Gusenga iri sengesho no kuryatura nk'isezerano gusa ntibyabuza abana bacu kwihitiramo icyo bashaka; ntidushobora guhata Imana. Ikigeretseho ni uko dukwiriye kugira ubwenge mu gihe dukoresha imigani. Umupfapfa yitera umubabaro mu gihe akoresha imigani kuko atazi uburyo bwo kuyikoresha mu buryo bwiza (Imig 29:6).

(2) *Imigani ikwiriye gusomwa nk'imbumbe.* Ntushobora kuvuga ko ibiri muri iki gitabo byose ari imigani y'imigenurano ariko iyo bishyizwe hamwe bimera nk'indirimbo iryoheye amatwi. Buri mugani wose wahumetswe ukwiriye kugereranywa n'indi kandi ugasobanurwa neza uhuzwa n'ibindi Byanditswe. Urugero: "*Akanwa k'umugore w'indaya ni imva ndende, uwo Uwiteka azinutswe azayigwamo*" (Imig 22:14). Iyo umuntu atanejeje Imana, haba hari akaga ko kuba wamirwa n'umugore w'indaya.

(3) *Imigani icibwa ngo byorohe kuyibuka, si ukugira ngo ibe ukuri kuzuye mu magambo.* Nta mugani uba ari interuro ivuga ukuri kuzuye. Imigani icibwa kugira ngo igutere gutekereza kandi ikunze no gukoresha insubirajwi zinogeye ugutwi. Urugero:"*Inzira y'umunyabwenge imeze nk'uruzitiro rurimo amahwa, ariko inzira y'umukiranutsi ni nyabagendwa*" (Imig 15:19).

(4) *Hari imigani ikenera kongera "gusobanurwa" kugira ngo ibone kumvikana.* Imigani myinshi igaragaza ukuri kujyanye n'ibikorwa bitakibaho nyamara byababagaho mu Bisiraheli mu gihe cy'Isezerano rya Kera. Urugero: "*Kuba mu gakinga k'urusenge, biruta kubana n'umugore*

*w'ingare mu nzu y'inyumba*" (Imig 25:24). Benshi muri twe ntitukigira inzu z'ibisenge bivugwa muri Bibiliya mu bihe bya kera aho kuba ku rusenge atari uko byashobokaga gusa ahubwo byari n'ibintu bisanzwe (Reba Yos 2:6). Muri Kanada, uyu mugani wacibwa muri ubu buryo: "*Kuba mu bubiko bw'imodoka biruta kubana mu nzu n'umugore w'ingare*". Muri Afurika ho uyu mugani wacibwa muri ubu buryo: "Kuba mu buvumo biruta kubana mu nzu n'umugore w'ingare". Mu Rwanda ho, bashobora kuvuga ngo: "*Urugo rubi rurutwa na gereza*"

Igitabo cy'Imigani ni igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga imyitwarire kandi ajyanye n'ibice byinshi by'ubuzima. Inyigisho zo muri iki gitabo zigisha umusomyi uburyo akwiriye kuba umunyabwenge no kugira ubuzima bwubaha Imana n'uburyo akwiriye kwirinda ingorane zituruka ku myitwarire y' ubupfapfa no kutubaha Imana. Insanganyamatsiko zinyuranye zikubiyemo zituma inyigisho zacyo ziba ngari, zikagira ubwiza buhoraho, zitagira aho zigarukira kandi zigahora zinyanye n'ibihe. Imyitwarire mibi n'imyiza, imyifatire n'imiterere bivugwaho kenshi kandi ku buryo bweruye ndetse bwimbitse[5]. Igitabo cy'Imigani ni igitabo cy'Imana kivuga "*uburyo bwo kugira ubwenge ukabaho* ". Ni igitabo cy'Imana gikubiyemo ubwenge bwayo.

Iyo Abisiraheli bubahiriza amabwiriza n'amategeko by'Imana bari gufatwa nk'ubwoko bufite ubwenge n'ubuhanga (Guteg 4:5-6). Ibi ni ko biri ku bizera bose kuko *amategeko y'Uwiteka aha umuswa ubwenge* (Zab 19:7). Igitabo cy'Imigani cyereka Abisiraheli ko kwizera Imana n'ijambo ryayo bikwiriye guhindura ubuzima bwabo bwa buri munsi; cyerekana ko abizera b'ibihe byose bakwiriye kuba abanyabwenge mu maso y'Imana no mu maso y'abantu bose.

Igitabo cy'Imigani gisobanura neza Isezerano rya Kera gishimangira ijambo ry'ingenzi. Abisiraheli bagombaga

5 Imigani ishobora kudukora ku mutima, ifite uburyo igaragaza imitima yacu.

kubahiriza amategeko no kumva ibyo abahanuzi bavuga bakanabyubaha ariko kandi bagombaga gukurikiza ukuri kw'amategeko n'abahanuzi mu buzima bwabo bwose. N'ubwo Umwisiraheli ataba yasuzuguye amategeko ya Mose kandi ntagire inyigisho yo mu Bahanuzi acumuraho, n'ubundi ashobora kuba atabayeho ubuzima bwuzuye. Igitabo cy'Imigani kibuza abantu gukora ibyo amategeko abuza ndetse n'ibindi biteye isoni, ariko kikanasaba ko umuntu agira ubuzima burangwa n'umwete.

## IGITABO CY'UMUBWIRIZA

Kugira ngo ubashe gusoma igitabo cy'Umubwiriza, ni ngombwa gushyiraho ingamba rusange zo kugisoma. Nk'uko bimeze ku gitabo cy'Imigani n'icya Yobu, ntitugomba gukura interuro n'imirongo mu rwego zakoreshejemo dushaka kubiha ubundi busobanuro butajyanye n'intego y'umwanditsi.

Insanganyamatsiko y'iki gitabo ni ugushaka ibanga rifasha gusobanukirwa icyo ubuzima ari cyo. Umubwiriza agenzura ubuzima mu ngeri zose ashaka kumenya icyatuma umuntu anyurwa. Asanga Imana ari yo yonyine ifite urwo rufunguzo rw'ubuzima kandi ikwiriye kwiringirwa. Bityo rero dukwiriye kwakira ubuzima bwa buri munsi buturutse mu kuboko kwayo kandi tukayubahisha mu bintu bisanzwe byo mu buzima bwa buri munsi.

Duhereye kuri iyi shusho rusange, igitabo cy'Umubwiriza kigaragaza ibitekerezo bibiri bitandukanye. Icya mbere ni uko ubuzima ari ubusa. Icya kabiri ni uburyo kwizera kugaragarira mu mibereho ifatika gutanga igisubizo ku bibazo byinshi. Ibyo bitekerezo byombi bigenda bibangikanye mu bice byose bikigize. Mu ncamake, iki gitabo cyibanda ku guhamagarira abantu kubaho bubaha Imana, kuko hazabaho igihe abantu bazayimurikira ibikorwa byabo.

# *Umwitozo*

1. Mu gitabo cy'Imigani 1:2-7 ni iki kivugwa nk'agaciro n'intego byo kwiga iyi migani? Reba n'igice cya gatatu kigufashe mu gusubiza.

2. Bwenge ashushanywa n'umugore kandi arakuburira akubwira ikizakubaho nuramuka utamwitayeho (1:20-32), reba n'ibice icyenda bibanza. Ni iki avuga gishobora kuzabaho?

3. Mu bice bya 1-9, Bwenge arasezeranya imigisha izaba ku bantu bamufite ku mutima. Vuga imwe muri iyo migisha.

4. Bwenge ashushanywa n'umugore, Bugoryi na we agashushanywa n'umugore w'indaya. Vuga imiterere ya buri wese ukurikije igice cya 1 kugeza ku cya 9 by'igitabo cy'Imigani.

5. Hitamo imigani itatu igufasha ariko cyane cyane uvuge mu magambo magufi impamvu igufasha.

# VII.

## UBUTUMWA BWIZA

Petero yari umwe mu nshuti za Yesu. Yumvaga ko ari umwe mu nshuti ze z'inkoramutima, akumva ko yakora ikintu cyose cyangwa yajya ahantu hose ku bwa Yesu akaba yakwemera no gupfa. Nyamara Yesu amaze gufatwa, umutima wa Petero ujya ahagaragara, kuko yafashwe n'ubwoba kugeza ubwo yihakanye Yesu; atari incuro imwe gusa, ahubwo yamwihakanye gatatu. Inshuro imwe muri izo, Yesu aramwumva arakebuka aramwitegereza. Bahujije amaso, Petero afatwa n'ipfunwe n'ikimwaro—ikimwaro nka kimwe twese twumvise igihe twibonagaho ko turi abanyabyaha mu mitima yacu.

Mu gihe Yesu yakubitwaga bunyamaswa nyuma akabambwa, Petero yabireberaga kure. Petero yitegereje Yesu apfa! Arigendera, ararira! Nyuma y'iminsi itatu, iminsi itatu y'agahinda, yiyumvamo uburyo yihakanye Yesu, ubundi se ni gute wakwivana muri icyo kimwaro, ni kangahe wavuga ngo "mbabarira"? Nyuma y'uku kugambana gukomeye nta kintu na kimwe wakora, nta nkuru nziza. Ariko, iyi ni yo nkuru nziza, ubu ni bwo butumwa bwiza, iyi nkuru ni inkuru y'agatangaza bituma abenshi bibagora kubyemera!

Reka dusubize amaso inyuma turebe uburyo Petero yari amerewe muri iyo minsi itatu:

Amarembo n'inzugi byari bikinze
Amadirishya yose adanangiye
Ijoro ryose sinagoheka
Igikomye cyose ngashiguka
Igihe kimwe nkaba mfite agahinda kadafite ibyiringiro
Ikindi gihe nkiriranwa ubwoba.
Nkibwira ko abasirikare batwinjirana
Bakadukurubana hanze.

Mbere y'uko izuba rirasa
Numva ikintu ku rukuta
Urugi rutangira gusakuza
Numva ijwi rihamagara,
Nihuta njya ku idirishya,
Ndebye mu nzira,
Niteze inkota n'imuri,
N'imirindi y'abasirikare

Ariko nta wundi muntu wari uhari uretse Mariya
Ni uko ndasohoka njya kumukingurira
Yohani yari ahagaze iruhande rwanjye
Ubwo Mariya yambwiraga aho yari yagiye
Ambwira ko bishoboka ko bibye umurambo wa Yesu mu ijoro
Kandi nta n'umwe wo muri twe wari uzi aho bamujyamye.
Igitare cyari cyabirinduriwe
Ariko umurambo we nta wari urimo

Twembi twiruka tugana muri ako gashyamba,
*Yohani yiruka imbere yanye*
*Dusanga igitare cyakuweho, imva irangaye*
*Nk'uko Mariya yari yabivuze*
*Ariko umwenda bari bamuhambiriyemo*
*Wari usigaye urimo ubusa*

*Ariko se ni gute cyangwa se ni he bamujyanye*
*Ibyo byari bindenze.*

*Hari ikintu kidasanzwe cyabereye aho*
*Ni ikintu ntamenye*
*Yohana yizeye igitangaza*
*Ariko njye ndahindukira ngo nigendere,*
*Ibyari bindimo n'ibyavugwaga byari byanganje*
*Kuko nari nabonye bamubamba*
*Nari namubonye avamo umwuka!*

*-Nsubiye mu nzu na none*
*Mba mfashwe n'ikimwaro n'umubabaro*
*Ibintu byose nari naramusezeranije*
*Byanyongereraga ikimwaro*
*Ku iherezo igihe nagombaga guhitamo*
*Nahakanye ko ntazi izina rye*
*Kandi n'ubwo yari kuba ari muzima*
*Ntibyari kuba nk'uko byahoze.*

*-Ariko ako kanya ikirere cyuzura*
*Imibavu ihumura neza bidasanzwe.*
*Umucyo waturukaga ahantu hose*
*Wirukana umwijima mu cyumba*
*Ni uko Yesu ahagarara imbere yanjye*
*Ateze amaboko*
*Ni uko ngwa hasi mfukamye*
Nikomeza kuri we ndarira

Maze arampagurutsa
Murebye mu maso
Urukundo rwamurabagiranagamo
Rumeze nk'umucyo w'izuba ryaka ku ijuru
Ipfunwe ryanteraga kuba mu rungabangabo
Risohokamo ngumbwa neza cyane.
Ubwoba b wose nagombaga kugira
Bumpindukiramo amahoro

Ni muzima, ni ukuri ni ni muzima
Nibyo ni muzima nanjye ndababariwe
Amarembo y'ijuru arakinguwe
Ni muzima ni ukuri ni muzima
Oh ni muzima nanjye ndababariwe
Amarembo y' ijuru arakinguwe
Ni muzima ni ukuri ni muzima,
Haleluya ni muzima[1]

Ubu ni bwo Butumwa Bwiza, INKURU NZIZA, Yesu Kirisito yaje nk'umuntu, abaho atagira icyaha, yikorera ibyaha byacu, abyishyiraho, yabayeho yicisha bugufi kandi yubaha Imana Data, yarababajwe arapfa, arazuka! Azagaruka kubana natwe. Icyakora ntiyadusize twenyine, yohereje Umwuka Wera ngo abane natwe kandi atange ubugingo anyuze muri twe. Ibi byose ni ni yo nkuru nziza ihebuje!

*Ubutumwa Bwiza* ni inkuru nziza ko Imana yasohoreje muri Yesu Kristo amasezerano yahaye Isiraheli, kandi ko inzira y'agakiza yakinguriwe abantu bose. Imana ntiyigeze ihindura uburyo yagirira umwana w'umuntu uhereye mu Isezerano rya Kera, ahubwo amasezerano yo mu Isezerano rya Kera asohorera mu Butumwa Bwiza (Matayo 11:2-5). Yesu ubwe yahamije ko ubuhanuzi bwa Yesaya buvuga imiterere y'umurimo we (Luka 4:16-21). Mariko avuga ko ubutumwa bwiza bw'Imana ari "Ubwami bw'Imana buri hafi" (Mar 1:15).

Inkuru nyinshi dusanga mu bitabo by'Ubutumwa bwiza zamaze igihe kinini ziriho, abantu bazihererekanya mu mvugo mbere y'uko zandikwa nk'uko tuzibona ubu. Igihe izi nkuru zahererekanywaga mu mvugo, abantu bihatiye gufata mu mutwe neza ibyabaye n'ibyari birimo kuba icyo gihe (Luka 1:1-4). Uko abahamya babyiboneye n'amaso n'abigisha b'Ijambo ry'Imana bagendaga batwarwa n'urupfu, abantu babonye ko ari ngombwa cyane kwan-

1 Iyi ndirimbo yahimbwe na Don Francisco.

dika izi nkuru. Ibitabo by'Ubutumwa bwiza uko ari bine byaba byaranditswe hagati y'umwaka wa 60 n'umwaka wa 100 nyuma y'Ivuka rya Yesu.

Mu gihe Yesu yakoraga umurimo we mu isi yihatiye guha abigishwa be inyigisho mu buryo butuma bashobora kwibuka ibyo yabigishije. Impaka ze n'Abafarisayo n'abandi bamugishaga impaka, yabikuragamo amahame y'inyigisho ku buryo uyumvise atayibagirwa. Ibi byafashije abigishwa hanyuma mu gihe bagishwaga impaka ku bintu bigoye. Bibubaka inyigisho za Shebuja.

Mu gihe cyo kubwiriza havugwaga ibikorwa byo gucungurwa, Yesu akagaragazwa nk'Umwami, Kristo n'Umucunguzi. Abantu bagahamagarirwa kwihana ngo bababarirwe ibyaha kubwe. Mu bihe bya mbere byo kwizera, abamenye Yesu mu by'ukuri bakundaga kubazanya bati: "Mbese mwibuka uburyo Umwigisha wacu……?"

Hariho ubwoko bune bw'ingenzi bw'inyigisho kandi bushobora gukubirwa mu ngingo zikurikira: (1) Yesu na Yohana Umubatiza; (2) Yesu n'abigishwa be; (3) Yesu n'abamurwanyaga; (4) Yesu avuga ku bihe bizaza. Nta gitabo na kimwe cy'ubutumwa bwiza cyanditswemo izina ry'umwanditsi.

Ibitabo by'ubutumwa bwiza bya mbere byanditswe mu gihe abahamya babibonye n'amaso yabo bari bagifite ubutware mu itorero, uruhererekane mvugo rwashoboraga kuba rwagenzurwa. Ibi bikaba bishimangira ukuri kwabwo. Inkuru zivuzwe n'inshuti zikiriho ubusanzwe ziba ari iz'ukuri kuruta inkuru zivuzwe ku bantu bamaze igihe bapfuye.

Abanyeshuri biga bitonze imvugo y'umwarimu wabo, kenshi bakandika kugira ngo bibafashe kwibuka ibyavuzwe. Amagambo amwe yagendaga ahererekanywa mu nkuru yabaga yakoreshejwemo, ikindi gihe akavugwa yonyine nk'imigani migufi. Nyuma abandi bigisha bo mu bihe byakurikiyeho bashoboraga guhuza ayo magambo n'izindi nkuru zavuzwe n'uwo mwigisha.

Amagambo ya Yesu agenda afite aho atandukanira iyo ugereranije ibitabo bine by'Ubutumwa bwiza. Iri tandukaniro rikwiriye n'ubundi kubaho kuko kubara inkuru mu magambo y'umuntu ku giti cye ni byo byakozwe kandi ni na ko byari bimenyerewe mu nyandiko zo mu gihe cya mbere. Uko Umuhamya wabonye ibintu abivuga bitandukana n'uko undi wabibonye abivuga kuko buri muntu yabirebye mu buryo butandukanye n'ubw'undi.

Yesu yifashishije tekiniki y'imyigishirize ya Kiyuda yakoreshwaga muri Palesitina mu gihe cye. Aha twavuga nk'imigani n'ikabyankuru yakoreshaga ngo yumvikanishe neza ibyo avuga. Kugira ngo wumve amagambo ye nk'uko abayumvise bwa mbere bayumvise, ugomba kuyashyira mu gihe cy'aba bantu bo mu gihe cya Yesu kandi ukayasoma nk'igice cy'inyigisho nyinshi yigishije.

Nk'urugero, abasomyi bashobora kurebera inzira z'Imana mu kubaha ababyeyi babo (Mar 7:9-13) n'ibyo ubwami bw'Imana busaba (Mar 10:29-30). Imigani ya Yesu na yo ikwiriye gusomwa hitawe ku buryo Abayuda bayumvaga. Yari ingero zitangwa mu buryo bw'inkuru igamije kwigisha ukuri ku bintu runaka. Ariko kandi hari amakuru amwe ashyirwa mu nkuru gusa kugira ngo ibe yuzuye. Dukwiriye rero kwirinda kwibanda cyane kuri bene ayo makuru y'inyongera. Nk'urugero, muri Matayo 13:31-35 Yesu agereranya Ubwami bw'Imana n'igiti cyakuze kikaba inganzamarumbo inyoni zikacyarikamo ibyari. Wigerageza kwibaza icyo inyoni zisobanura muri uyu mugani. Inyoni zivugwamo kugira ngo berekane ingano y'iki giti. Ibi bituma gusa inkuru yumvikana.

## UKO MATAYO AGARAGAZA YESU

Matayo yari Umuyuda w'umukoresha w'ikoro (Mat 9:9; 10:13). Icyo Matayo yahaye agaciro cyane mu nyigisho za Yesu kigaragarira muri ubu butumwa bwiza. Avuga

arambuye iby'inyigisho Yesu yigishirije ku musozi (10), imigani ijyanye n'Ubwami bw'Imana (13), ubukuru no kubabarira mu bwami bw'Imana (18) n'igice kinini kivuga ibyo kugaruka kwa Yesu (24-25). Matayo agaragaza ubuhanga bw'ukuntu ashyira hamwe inyigisho ze, rimwe na rimwe azishyira mu mu matsinda y'ibintu bitatu bitatu, bitanu, cyangwa birindwi. Ubu buryo bwo gushyira ibintu hamwe yitonze bituma kubifata mu mutwe byoroha.

Matayo avuga ibyo abakiristo bagenzi be b'Abayuda yandikiraga bakeneye, bigaragara ko bari bafitanye amakimbirane n'Abafarisayo b'abanyedini, bari abayobozi. (Mat 3:7; Luka 3:7; Mat 5:20; 23:2-39). Matayo yashakaga gutera umwete itorero rye kubwiriza ubutumwa bwiza abanyamahanga n'abandi Bayuda. (Mat 1:5; 2:1-12; 3:9; 8:5-13; 15:21-28; 24:14; 28:2-39). Inyandiko z'inyigisho za Yesu Matayo yashyize hamwe zagombaga gukoreshwa mu guhindura abandi abigishwa ba Yesu, nk'uko abigishwa b'idini ya Kiyuda bahererekanyaga inyigisho z'abigishamategeko ku bandi bigishwa babo (Matayo 28:19).

Matayo asubiramo kenshi ko Yesu yasohoje icyo Ibyanditswe by'Abayuda byavugaga, akajya impaka zivuye muri ibyo Byanditswe nk'uko umwarimu wize yabikora. Yerekana Yesu nk'umwami uhebuje kandi ari we byiringiro byonyine by'Abayuda yandikiraga, akavuga kandi n'umumaro wo kubwiriza ubutumwa abanyamahanga. Kubwiriza abanyamahanga bigaragara bwa mbere mu Isezerano rya Kera no mu nyigisho za Yesu. Muri Yesaya 56:6-8 Abanyamahanga bakunda Imana na yo irabemera. Aba bazahurizwa hamwe n'Abisiraheli bizera. Abanyamahanga bacunguwe – n'ubwo batari bafite umugabane mu isezerano Imana yagiranye n'Abisiraheli – bahabwa umugisha. Bizera Imana mu kuyikorera, kuyisenga no kuyubaha. Nk'uko Imana yasezeranije Aburahamu, amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha muri we (Itangiriro 12:3). Aba banyamahanga bizeye

bazahurizwa i Siyoni (umusozi wera w'Imana) hamwe n'Abisiraheli, aho bose bazaramya Imana mu masengesho n'amaturo.

Yesu yakijije umugaragu w'umutware w'ingabo z'Abaroma (yari Umunyamahanga) kandi atangaza ko atigeze abona mu Bisiraheli ukwizera kungana n'uk'uyu mugaba w'ingabo (Matayo 8:5-13). Muri Matayo 28:19 tuhabona umurimo ukomeye Yesu yahaye abigishwa be wo kujya mu mahanga yose bakayahindura kuba abigishwa be bakanababatiza mu izina rya Data, iry'Umwana n'Umwuka Wera.

## UKO MARIKO AGARAGAZA YESU

Mariko yabanaga na nyina i Yerusalemu. Uyu mubyeyi yari ahafite igikingi akitwa Mariya (Abakolosayi 4:10), akagirana isano na Barinaba, umukire w'Umulewi wakomokaga i Kupuro (Ibyakozwe n'intumwa 4:36). Mariya nyina wa Mariko agaragara nk'umugore wari ufite ubutunzi bwinshi, wubashywe kandi w'umukirisito. Mu by'ukuri inzu ye yari nini ku buryo yashoboraga kwakira abantu benshi, yari afite byibuza umuja umwe, kandi iyo inzu itorero ryayikoreragamo amateraniro mu gihe cy'intumwa bugarijwe n'akarengane (Ibyak 12:12).

Barinaba na Pawulo bazanye Mariko muri Antiyokiya (Ibyak 12:25). Bombi berekeza i Kupuro mu rugendo rw'ivugabutumwa rwabo rwa mbere , kandi rimwe na rimwe nyuma Mariko yarabaherekezaga nk'umufasha wabo bombi ( 13:5). Ariko bageze i Peruga, ku kirwa cya Aziya ntoya, Mariko arabasiga asubira i Yerusalemu (Ibyakozwe n'Intumwa 13:13), Barinaba na Pawulo bakomeza bonyine.

Biragaragara ko Pawulo yabifashe nk'aho Mariko amuhanye. Bityo igihe Barinaba yasabaga Mariko ko yajyana na bo mu rugendo rwabo rwa kabiri, Pawulo

yarabyanze (Ibyakozwe n'intumwa 15:38). Uku kwifata gutya imbere ya Mariko byagaragaza imiterere ya Pawulo n'amahame agenderaho (Ibyakozwe n'intumwa 9:27; 11;25). Bityo rero gutandukana na Mariko byagombaga kubaho. Barinaba asubirana na Mariko i Kupuro, na ho Pawulo we ahitamo kujyana na Silasi (Sila).

Tubona ko Pawulo na Mariko baje kwiyunga kuko nyuma (Abakolosayi 4:10) bari kumwe ubwo Pawulo yari imbohe kandi bigaragara ko yari yiteguye kumwohereza i Kolosi. Ikindi kandi izina rya Mariko rigaragara mu mazina y'abagize itsinda ry'intumwa mu muri Filemoni 24. Mu gihe Pawulo yandikiraga Timoteyo urwandiko rwa kabiri (2 Timoteyo 4:11), Mariko yari hafi y'aho Timoteyo yari ari.

Ubutumwa bwiza bwa Yesu uko bwanditwe na Mariko burasa ku ntego; Mariko ntavuga byinshi mu nkuru ze. Yatanze ibyo yumvise (bivugwa ko yaba yaragendanye n'intumwa Petero), kandi yandika ashorewe n'Umwuka Wera wakoreraga muri we.

Mariko agaragaza ibiganiro byihariye bidufasaha kwisanisha na Yesu n'intumwa ze ku buryo bufatika. Urugero ni nk'igihe abigishwa babuzaga abantu kuzanira abana Yesu (Mariko 10;13-16). Mariko avuga ko Yesu yarakaye, yerekana ukuntu Yesu yateruye abana akabaha umugisha; ubu busobanuro bubiri burambuye nta handi buri mu bundi butumwa bwiza .

Mariko yakusanyije inyandiko ze anazishyira mu byiciro bishingiye ku ijambo nyamukuru, insanganyamatsiko imwe cyangwa agahuza inkuru ebyiri. Ibi tubisanga muri Mariko ibice 8 aho insanganyamatsiko y'ubuhumyi no kureba imufasha gushyira uduce twinshi mu itsinda rimwe. (1) Abafarisayo ni impumyi zitabona ibimenyetso by'Ubwami bw'Imana kandi basaba ibimenyetso; (2) abigishwa bafite amaso yo kureba ariko ntibababasha gusobanukirwa uwo Yesu ari we by'ukuri (8:14…); (3) ku kidendezi cy'i Betesayida Yesu yakoze ku mpumyi bwa

kabiri ibasha kubona abantu neza (8:22…). Biragaragara ko gushyira hamwe inkuru byatumaga abantu babasha kwibuka ibyabaye.

Mariko yandikiye abantu bari bakeneye kwibutswa ko Imana yumva amasengesho, kandi ko izakoresha ubuhamya bwabo no kwizera (Mariko 8:31-38). Bagombaga kandi kwibutswa ko guhamya Yesu byashoboraga gutuma bavutswa ubuzima bwabo mu gihe cy'akarengane.

Icya nyuma, Mariko ahera ku ntege nke no gutsindwa by'abigishwa akibutsa abo yandikiraga ko n'ubwo baba batarimo kugendera mu murongo uhamye nk'uko ijambo ry'Umwami wabo ryabasabaga, Yesu yiteguye gukomeza kubihanganira kugeza igihe bageze ku rugero nyarwo rwo kwiyemeza kumukorera. Abantu benshi bemera ko Mariko yanditse mu gihe cyo kurenganywa kw'abakirisito b'i Roma ku ngoma ya Nero mu mwaka wa 64 nyuma ya Yesu.

## UKO LUKA AGARAGAZA YESU

Luka yari umuganga wihariye wa Pawulo (Abakolosayi 4:14) mu gihe Pawulo yari mu nzu y'imbohe. Filemoni umurongo wa 24 umugaragaza nk'umukozi mugenzi wa Pawulo. Ibi byerekana ko ubufasha bwe mu murimo w'ubutumwa bwiza butari gusa kuba umuganga. Mu gihe Yesu yabambwaga ku musaraba abantu bose baramuhanye, no mu iherezo ry'ubuzima bwa Pawulo, abantu bose na we baramuhanye, uretse Luka (2Timoteyo 4:11) wenyine ni we wagumanye na we.

Uburyo bw'imyandikire y'ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Luka kimwe n'Ibyakozwe n'intumwa, bwerekana ko umwanditsi yari umuntu wize kandi ukoresha amagambo anyuranye byerekana ko azi ururimi neza. Muri ubu butumwa tubonamo imvugo ya kiganga no kwita ku bintu by'ubuvuzi bikagaragaza ko yari umuganga.

Mu bitabo by'Ubutumwa Bwiza muri rusange ubonamo kwita ku bantu basuzuguritse mu bandi nk'Abasamariya, ababembe, abanyabyaha, abakene n'abatindi, abagore n'abana. Ibi bigaragarira cyane mu buryo Luka yita ku bagore. Avuga ku mupfakazi w'i Nayini (7: 11-17), umugore utazwi izina wakijijwe na Yesu (7:36-50); abagore bakurikiye Yesu bakanamukorera (8:1-3), inkuru za Mariya na Marita (10:38-42); abagore baririye Yesu ari ku musaraba (23:27), abagore b'i Galilaya biboneye uko Yesu yahambwe (23:55). Ibi bifite umumaro kuko byerekana uko Luka yabonaga abagore akanabitaho bitandukanye n'umuco wariho icyo gihe.

Luka yandikiye abantu bo mu muco wa Kigiriki, cyangwa indi miryango y'imfura zivuga Ikigiriki. Abasomyi be bari abakire kandi bamenyereya ibyo gusoma ibitabo. Icyakora bari bakeneye umuntu ubakomeza mu kwizera kwabo, ndetse akabaha n'ingingo bakwifashisha basobanurira ababagisha impaka ku by'uko kwizera. Insanganyamatsiko yo ***gukomera*** irigaragaza cyane mu gitabo cya Luka: avuga cyane uko Yesu yitaye cyane ku batagira kivurira, banenwa mu idini, abaken'abagore. Ibi biha Luka uburyo akomeza avuga iby'umurimo wo kwamamaza Ubutumwa mu gitabo cye cya kabiri ari cyo *Ibyakozwe n'Intumwa*. Mu butumwa bwanditswe na Luka inkuru ihera i Galilaya ikagera i Yerusalemu. Mu gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa, inkuru igahera i Yerusalemu ikagera ku mpera y'isi.

## UKO YOHANA AGARAGAZA YESU

Yohana yari umuhungu wa Zebedayo, umurobyi wabigize umwuga (Mariko 1:19-20). Uyu yaretse umurimo we w'uburobyi akurikira Yesu. We n'umuvandimwe we Yakobo bari barahimbwe" Abana b'inkuba" (Mariko 3:17). Yohana yari kumwe na Yesu azura umukobwa wa Yayiro

(Mariko 5:37), mu gihe Yesu yarabagiranaga (Mariko 9:2) no mu gashyamba k'i Getsemani (Mariko 14:33). Petero na Yohana ni bo bigishwa Yesu yatumye kumutegurira ibyo kurya bya nyuma bya Pasika (Luka 22:8).

Benshi bemeza ko Yohana uyu ari we wari hafi cyane ya Yesu mu gihe cya Pasika ya nyuma yiyegamije igituza cye (Yohana 13:23). Mu gihe cy'urupfu rwe, Yesu yashinze Yohana kwita ku mubyeyi we Mariya (19:26-27). Yohana ni we wirukankananye na Petero igihe bajyaga ku gituro mu gitondo cya mbere cyo kuzuka kwe, ni na we wa mbere wabonye igisobanuro nyacyo cy'imyenda Yesu yari yashyizwemo ahambwa ikaba yari ikiri mu mva yonyine (20:2,8). Ikindi kandi Yohana yari ku Nyanja ya Tiberiya hamwe n'abandi bigishwa barindwi ubwo Yesu yabiyerekaga amaze kuzuka. Mu bivugwa mu gice cya 21 tubonamo amagambo yemeza inkuru yamamaye hanyuma ko Yohana yabayeho igihe kirekire (21:23).

Ubutumwa bwiza bwa Yohana ni igitabo kigamije mbere na mbere kwamamaza Inkuru Nziza ya Yesu. Icya kabiri iki gitabo kigaragaza imirimo n'amagambo bya Yesu bihamya uwo ari we. Icya gatatu Yohana yerekana Yesu nka Mesiya; ibi bigatuma umuntu akeka ko iki gitabo cyaba cyarandikiwe Abayuda.

Ariko bitewe n'uko bimeze nk'aho Yohana yandikira abantu baba hanze ya Palesitina batazi imigenzo ya Kiyuda, umuntu yakeka ko iki gitabo cyandikiwe by'umwihariko Abayuda b'abimukira n'abakirisito babarizwa mu masinagogi ya Kigiriki.

## IMIGANI IRI MU BITABO BY'UBUTUMWA BWIZA

Hari itandukaniro hagati y' "umugani" n' "inkuru-shusho". Umugani n'inkuru-shusho byombi byakunze kugaragara nk'uburyo bwo kwigisha buha uwumva ingero zishimishije zigisha imyifatire n'amahame y'ukuri mu by'iyobokamana.

*Umugani* ni inkuru igereranya cyangwa agakuru gasobanuye kagufi kahimbwe mu rwego rwo kwigisha abantu ikintu runaka cyangwa gutanga igisubizo cy'ikibazo runaka. *Inkuru-shusho ni* inkuru ifite ubusobanuro bubiri: Ubusobanuro bwumvikana mu mvugo isanzwe n'ubusobanuro bujimije. Mu Abagalatiya 4:21-31, Pawulo avuga ko inkuru ya Aburahamu, Sara, Hagari, Isaka na Ishimayeli ari inkuru-shusho kandi ko buri nkuru muri zo ifite ikintu cyihariye ishushanya n'ubwo abba bavugwa ari abantu babayeho.

Imigani myinshi ya Yesu si ingero zo kwigisha amahame mu rwego rusange gusa; ahubwo ifite ubutumwa butakumvikana mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose. Imigani ni uburyo bwiza bwo kugeza Ubutumwa Bwiza bw'Ubwami ku bantu. Ni uburyo bwiza bwo guhumura amaso no gukora ku mitima y'abantu hagamijwe ko abayumva bafata icyemezo. Yesu yifashishaga ingero zo mu buzima n'imibereho bya buri munsi by'abamwumva; yakoreshaga inkuru n'ibigereranyo bari bamenyereye mu rwego rwo kubagezaho ibitekerezo n'imyumvire bishya.

Akenshi, intego y'iyi migani yari iyo gutungura abamwumva bituma babona ibintu uko badasanzwe babibona maze iyi migani ikaba uburyo nyabwo bwo kwinjiza abantu mu mpinduka. Imigani yari ifite intego yo kwemeza abantu gufata icyemezo kijyanye n'imyitwarire yabo ku byerekeye kwakira Yesu ndetse n'Ubutumwa Bwiza maze bikabahesha kugira ubusabane bushyashya na we. Binyujijwe mu migani, Ubwami bw' Imana bwabashije kumvikana mu bantu, bubameyensha amasezerano, urubanza, ibisabwa ngo ububemo ndetse n'impano zabwo.

Luka 10:30-37 ni urugero rwiza cyane rw'uburyo Yesu akoresha umugani mu kiganiro hagati. Nta kindi kigaragaza ko abara inkuru agamije kuza kugira icyo yigisha. Aha arasubiza ikibazo cy'umunyamategeko wari amubajije amugerageza "icyo akwiriye gukora kugira ngo aragwe ubugingo buhoraho" (25). Yesu na we amubaza icyo kibazo (26) kandi akamuha umwanya wo

kwemeza abari aho bose uburyo afite ubumenyi. Ibyo rero byamwinjije mu kiganiro cyimbitse cyatumye agomba gukurikira umugani Yesu yari agiye gukurikizaho. Uru ni rugero rwiza rwerekana uburyo Yesu yateraga abantu amatsiko yo kumva umugani.

Umunyamategeko amaze guterwa ishyaka n'igisubizo cy'ukuri yari atanze (27), yongeye kubaza ikindi kibazo (29). Aha ni ho Yesu yahereya amucira umugani w'Umusamariya mwiza. Ubwo Yesu yacaga uwo mugani, yabaye nk'aho abara inkuru yabayeho. Umuntu wese wumvaga icyo kiganiro na we yagombaga gutega amatwi iyo nkuru kandi akisanisha n'umwe mu bayivugwamo.

Umutambyi yirindaga cyane icyamuhumanya bikaba byatuma atakaza umurimo we wo mu rusengero, we yarakikiye arigendera (32). Ntiyashakaga gukora ku muntu uhumanye, uryamye iruhande rw'inzira yakomeretse. Kuba umutambyi yarakikiye akanyura kure y'uwakomeretse byatumye uyu atabasha kumwaka ubufasha. Bityo rero umutambyi akaba nta tegeko ryo gufasha uyu muntu rimugonga, noneho akarinda ukwera kwe. Maze agakomeza kwemererwa gukora imirimo mu nzu y'Imana. Ese uyu munyamategeko yaba yarumvise muri we ameze nk'uyu mutambyi uvugwa mu mugani?

Umulewi na we abigenza atyo. Yarakikiye arigendera kugira ngo uwo muntu wari wakomeretse atabona ko Umulewi ari hafi aho. Ibyo byatumye agumana gukiranuka kwe. Ese uyu munyamategeko yaba yarumvise muri we ameze nk'uyu Mulewi uvugwa mu mugani?

Hanyuma Umusamariya (33-35) uciye bugufi hanyuma y'abandi muri uwo muco, utarafatwaga nk'umuntu, ahageze yarahagaze amufasha muri byose. Mu by'ukuri uyu Musamariya ntiyari umunyamategeko! Umuntu yakwifata ate mu gihe yumvise iyi nkuru? Cyangwa se mu gihe uyu mugani uhishuye ububi bwo mu mutima? Yesu abajije ati: "Muri abo batatu ni nde wagaragaje ko ari umukiranutsi muri abo?"(36), umunyamategeko yatanze

igisubizo cy'ukuri agira ati: "Ni uwagiriye imbabazi uwo muntu". Itegereze neza umunyamategeko ntakoresha ijambo "Umusamariya". Ibi ntibyaba bigaragaza ikindi kintu ku rwango n'agasuzuguro yari afitiye Abasamariya kugeza ubwo yirinda kuvuga iri zina ry'ubwoko bw'uyu muntu mwiza kandi w'intwari nk'uko bijya bikunda kubaho ahantu hari urwango n'amakimbirane mu bantu? Asubije atyo yabaye nk'ufashwe mu mutego (Umurongo wa 37)! Yesu yaramubwiye gusa ati "Genda na we ugire utyo". Iyo nkuru utarinze kwibaza byinshi yerekana ukuntu uwo munyamategeko yari afite umutima wo kwikunda .

Imigani ya Yesu ishobora kunangira umutima w'utizera nk'uko byagenze ubwo Yesaya yahanuraga ku bijyanye n'umurimo ukorwa n'ijambo ry'Imana ribwirijwe abantu. Ukuri ni uko imigani ya Yesu yihariye. Ntiwatandukanya Yesu n'imigani ye. Iyo unaniwe kumwumva, uba unaniwe no kumva imigani ye (Mar 4:10-12). Umuntu wese utakira Yesu nka Mesiya ntashobora gusobanukirwa icyo imigani ivuga. Ubwiru bw'ubwami bwahawe abigishwa ni ukuri k'ubutumwa bwa Yesu Kiristo. Umuntu wese utemera uku kuri ntiyakumva icyo imigani yigisha. Hari ibintu bitatu dukwiriye kwibazaho mu gihe dusoma imigani ya Yesu:

1. Ni ibihe bintu bivugwa mu mugani byatuma abantu bawitaho kandi bawusobanukirwa?
2. Ababwirwa ni ba nde kandi bumva bate bya bintu by'ingenzi bivugwa mu mugani?
3. Ni ngombwa kwibanda ku nyigisho nkuru itangwa mu mugani.

## UMUSARABA/KUBAMBWA KWA YESU

Igihano cyo kubambwa cyari kimenyerewe cyane mu ba**nyamahanga b'abapaga**ni mu gihe cya kera. Ntibizwi

neza niba Abayuda ba kera bari bazi iki gihano ariko ubanza batarakigiraga. Uburyo bw'igihano cy'urupfu bwateganywaga n'amategeko ya Mose ni ukwicishwa inkota (Kuva 21), kwicwa unizwe, gutwikwa (Lewi 20), no guterwa amabuye (Guteg 21). Kubambwa byabonwaga nk'urupfu ruteye ubwoba; ku Bayuda ho byarushagaho kuko rujyana n'umuvumo (Guteg 21:23).

Uhanishijwe iki yabanzaga gukubitwa bikomeye. Ku birebena n'Umwami wacu we nyamara, yatangiye gukubitwa ataranahabwa iki gihano na Pilato wari ubifitiye ububasha. Icyakora Pilato yaje kwemeza iki gihano cyo gukubitwa agira ngo ahari byatuma abantu bagira impuhwe maze bikaba byahesha Yesu gusimbuka ikindi gihano yashoboraga guhabwa (Luka 23:22; Yoh 19:1).

Uwaciriwe urwo kubambwa ubwe yikoreraga umusaraba kugera aho yabaga ari bubambwe hanze y'umugi. Habaga ari ahantu hazwi hagenewe icyo gikorwa. Mbere y'uko batera imisumari, umuntu uri bubambwe ku musaraba yahabwaga umuti usharira uvanzemo ubumara n'ibintu binyuranye bisinziriza kugira ngo bimworohereze ububabare. Umwami wacu we yanze kunywa uyu muti kuko yashakaga ko ibyumviro by'umubiri we bikomeza gukora neza (Mat 27:34). Abasirikare b'Abaroma bakundaga kunywa iyo nzoga bakoresheje agace k'umufariso. Yari vino ikaze nyamara Yesu we yayihawe mu rwego rwo kumugirira impuhwe zo kumushinyagurira (Mat 27:48; Luka 23:36). Yasogongeye iyo vino agira ngo agabanye inyota nyinshi yari afite (Yoh 19:29). Ibivugwa mu butumwa bwiza ku buryo Yesu yabambwe bihuye neza n'uko byakorwaga mu mico n'imigenzo by'Abaroma. Yabambwe hagati "y' abagome babiri" (Yes 53:12; Luka 23:32), arindishwa itsinda ry'abasirikare bane (Yoh 19:23; Mat 27:36, 54) bayobowe n'umukuru wabo. Kuba baravunnye amaguru ya bya bisambo kwari ukugira ngo bapfe vuba maze ntibakomeze kubabara (Yoh 19:31). Ariko gushiramo umwuka byihuse bidasanzwe byabaye

ku Mwami wacu (Yoh 19:33) byatewe n'uko yari yabanje kubabazwa cyane kandi yari afite agahinda kenshi. Kuba ataravunwe amaguru byari bifite icyo bigomba gusohoza (Kuva 12:46). Yapfuye ari uko umutima uturitse, bityo ava amaraso n'amazi mu rubavu kubera icumu yari yatewe n'umusirikare (Yoh 19:34). Umwami wacu yavuze amagambo arindwi akomeye igihe yari ku musaraba:

1. Yasabye Imana kubabarira abarimo bamwica. Aravuga ati: "*Data, ubababarire kuko batazi icyo bakora*" (Luka 23:34).
2. Avugana n'igisambo cyari cyabashije kumenya uwo ari we yaravuze ati: "*Ndakubwira ukuri, yuko uyu munsi turi bubane muri Paradizo*" (Luka 23:43).
3. Avugana n'umubyeyi we mu gihe yamushikirizaga Yohana yaravuze ati: "*Mubyeyi, nguyu umwana wawe*"(Yoh 19:26).
4. Ku isaha ya cyenda ari mu mubabaro yaravuze ati: "*Eli, Eli lama sabachtani?*" bisobanura ngo "*Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje?*"(Mat 27:46; mar 15:34).
5. Mbere y'uko avamo umwuka, yaravuze ati: "*Mfite inyota*" (Yoh 19:28).
6. Amaze gusoma ya nzoga isharira, mbere yuko avamo umwuka, yaravuze ati: "*Birarangiye*!" (Yoh 19:30).
7. Mbere y'uko avamo umwuka, yavuze n'ijwi rirenga ati: "*Data, mu maboko yawe ni ho nshyize ubugingo bwanjye*" (Luka 23:46).

## ICYO UMUSARABA WATUMARIYE

Ni iki Kiristo yakoze ubwo yitangaga, akitanga nk'incungu? Isezerano Rishya riduha ibisubizo bitatu kuri ibi bibazo bishobora guhinirwa mu magambo akurikira: *agakiza, ihishurirwa no gutsinda*. Icyo Imana yadukoreye

ku musaraba binyuze muri Kiristo ni ukudukiza, kutwihishurira no gutsinda ikibi.

Hari ibigereranyo binyuranye bivuga agakiza 1) Ihongerero ritwumvisha ibikorwa by'imihango yo ku gicaniro, 2) Gucungurwa kukatwumvisha ibikorwa by'ubucuruzi bibera ku masoko, 3) Gutsindishirizwa bikatwumvisha iby'imanza bibera mu rukiko, 4) Ubwiyunge bukatwumvisha ibyo tubonera mu rugo cyangwa mu muryango.

## AGAKIZA

1. IHONGEREO: Ni ugucogoza cyangwa kugabanya uburakari umuntu afite. Ibi byari ngombwa kuko icyaha cyakongeje uburakari bw'Imana. Mu mihango ya gipagani, abantu babikoreraga mu rwego rwo gukuraho uburakari bw'Imana. Rimwe na rimwe bakoreshaga amagambo cyangwa se bakibabaza. Ku musaraba, Imana ubwayo yagaragaje imbabazi zayo n'ubuntu. Imana ntidukunda kubera ko Kiristo yadupfiriye ahubwo Kiristo yudupfiriye bitewe n'uko Imana yadukunze. Niba byari ngombwa ko hatangwa impongano kugira ngo uburakari bw'Imana bukurweho, ni ngombwa kumenya ko urukundo rwayo ari rwo rwatumye iyo mpongano ibaho. Yesu Kiristo ni we wabaye impongano ikwiriye. Imana ubwayo ni yo yatumye iyo mpongano ibaho. Imana ubwayo kandi ni yo yaje mu shusho y'Umwana wayo kugira ngo ibe impongano y'ibyaha byacu. Uburakari bukwiriye impongano. Imana yarabikoze muri Kristo.

**2.** UGUCUNGURWA: Ni ukugura ukagarura icyari cyagurishijwe. Impongano yerekeranye cyane n'uburakari bw'Imana bwaje gukurwaho n'umusaraba. Gucungurwa byo bigaragaza cyane akaga k'abanyabyaha bacunguwe n'umusaraba. Mu gihe cya kera iri jambo ryakoreshwaga bavuga gucungura imbata (umucakara). Mu Isezerano

rya Kera, imitungo, amatungo, abantu n'ibihugu byacungurwaga hatanzwe ikiguzi runaka. Ubu buryo bwose bwo gucungura bwabaga ari igikorwa cy'ubutabazi gihenze, gisaba kuba umuntu yabyiyemeje. Umuntu yashoboraga gutanga ikiguzi ngo acungure umutungo we uve mu bugwate, amatungo ntiyicwe ndetse n'abantu ntibagirwe imbata cyangwa se ngo bicwe. Gucungurwa hadatanzwe ikiguzi bingana no kuba wagura ikintu runaka hadatanzwe amafaranga.

Kirisito yaducunguye mu bubata bwo mu ngeso mbi (1Tim 2:5-6) n'urubanza rw' ibyaha byacu (Abefeso 1:7; Abakolosayi 1:14), umuvumo w'amategeko (Gal 3:13; 4:5) n'imibereho igayitse dukomora ku bakurambere bacu (1Pet 1:18). Ikiguzi cyatanzwe ni amaraso ya Yesu Kristo (Ibyak 20:28). Iyo tuvuga ngo "Kunywa amaraso ya Kristo" mu gihe cy'Ifunguro Ryera ntibivuga ko dufatanyije ubuzima bwe gusa ahubwo tunaboneramo inyungu zijyanye n'ubugingo bwe yatanze ku bwacu (1Kor 11:23-26). Ibi bidutera gutekereza ku Mucunguzi nk'ufite uburenganzira busesuye ku bantu yicunguriye. Kuba rero twaraguzwe na Kiristo, nta mpamvu dufite yo kongera kuba imbata y'umuntu uwo ari we wese cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose. Mbere twari imbata z'icyaha ariko ubu turi imbata za Kristo kandi kumukorera ni wo mudendezo nyakuri.

<u>3. GUTSINDISHIRIZA:</u> ni ikinyuranyo cyo gucirwaho iteka (Rom 5:18; 8:34), kandi byombi ni imyanzuro ifatwa n'umucamanza yemeza ko uregwa ahamwa n' icyaha cyangwa ari umwere. Habanza impongano kuko igihe cyose uburakari bw'Imana bukiriho nta gakiza k'umwana w'umuntu gashoboka. Imbabazi z'Imana zikuraho ibyaha n'imyenda byacu zikanaburizamo igihano. Gutsindishirizwa kuduhesha guhagarara imbere y'Imana dukiranutse.

Inkomoko yo gutsindishirizwa kwacu ni ijambo rivuga ngo *batsindishirizwa n'ubuntu* (Rom 3:24), ni ukuvuga

ibitanze ku buntu. Dutsindishirizwa n'amaraso ya Yesu (Rom 5:9), tugahabwa kubabarirwa. Dutsindishirizwa no kwizera (Rom 3:28; 5:1; Gal 2:16; Fili 3:9). Ubuntu no kwizera birajyana rwose kuko kwizera icyo gukora gusa ari ukwakira ibintu bitangwa ku buntu.

Kimwe mu bintu dukomora mu gutsindishirizwa ni uko twatsindihirijwe muri Kirisito (Gal 2:17). Turi abana bo mu muryango wa wa Mesiya Yesu, turi abana b'Imana kandi dukomoka kuri Aburahamu mu buryo bw'umwuka. Nta nzitizi zishingiye ku bwoko, uruhu, inzego z'imibereho cyangwa igitsina zikibaho hagati yacu (Gal 3:26-29). Uyu ni umuryango Kristo yironkeye ku musaraba kandi abawugize bakwiriye kurangwa n'imirimo myiza (Tito 2:14; 3:8).

4. KWIYUNGA: Ni ukugarurura ubumwe no gusana ubucuti, ni ikinyuranyo cyo gutana. Ibi byibutsa ubumwe bwacu bwononekaye bukongera kugarurwa na Kirisito.

Imana ni yo izana ubwiyunge (Rom 5:9-11). Ubu twahinduwe abana kandi dufite uburenganzira (Yoh 2:17-18; 3:12; Heb 10:19-22). Bityo, ubwiyunge, amahoro y'Imana, guhindurwa abana bayo no kuza mu maso yayo; byose ni ubuhamya bw'ubwo bumwe bushyashya Imana yatuzaniye. Icyakora, ubwiyunge bugira uruhande rutambitse n'uruhagaze .

Mu gitabo cy'Abefeso 2:11-22 tuhasanga ishusho nziza cyane y'ubwo bwiyunge bwazanywe n'amaraso ya Yesu Kirisito. Twibutswa ko n'Abanyamahanga, bari bahejwe ku buryo bwuzuye, ubu binjijwe mu muryango (Ef 2:12). Yesu Kirisito ni we mahoro yacu (Abefeso 2:14), ubu twegerejwe Imana kandi twegerejwe ubwoko bwa Isiraheli (Abefeso 2:13) ndetse n'amategeko yaduhezaga ubu yakuweho (2:15). Ibi byabaye mu buryo bw'ibitangaza kuko urebye urwango rwabaga hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga, ibi ntibyari gushoboka. Bose bahinduwe abana b'Ubwami bw'Imana, ni abavandimwe bagize umuryango w'Imana

(Ef 2:19), kandi bose hamwe ni ingingo zigize umubiri wa Kristo, basangiye amasezerano y'Ubwami bwa Mesiya (Ef 3:6). Uyu muryango ni ubwiru bwari bwarahishwe mu binyejana byinshi byatambutse, ariko Imana ikaba yarabuhishuriye intumwa zayo (Ef 3:4-6) cyane cyane Pawulo, intumwa yatumwe ku Babanyamahanga.

Kuba rero turiho muri uyu mudendezo n'ubumwe tubonera muri Kristo no mu muryango wa Kiristo, dukwiriye kwamamaza ubwo bwiyunge (2 Kor 5:18-20).

## UKWIHISHURA KW'IMANA

1. UBWIZA BW'IMANA

Ubwiza bw'Imana bwahishuriwe mu Mwana wayo, mu Mwana wayo ubwo yazaga mu ishusho y'umuntu agatura mu isi. Yoh 1:14 hagira hati: "*Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n'ukuri*". Nk'uko Kirisito abivuga, ku musaraba ni ho ubwiza bwe bwagaragariye burabagirana kurushaho. Muri Luka 24:26 Yesu agira ati: "*None se Kristo ntiyari akwiriye kubabazwa atyo, ngo abone kwinjira mu bwiza bwe?*"

2. UBUTABERA BW'IMANA (Rom 3:21-26): urupfu rwa Kiristo ku musaraba rwerekanye ubutabera bw'Imana. *Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha* (Rom 5:8).

3. URUKUNDO RW'IMANA (Yoh 3:16): urukundo rw'Imana rwagaragariye muri Yesu Kiristo. Imibereho ye, urupfu rwe, n'ibindi byose yavuze akanakora byagaragazaga urukundo rw'Imana. Icyo yifuzaga ni uko abari mu isi babona ubwiza n'ubumwe bw'Imana (Yoh 17).

4. UBWENGE N'UBUSHOBOZI BY'IMANA: ubwenge bw'Imana ni bwo bwonyine bwabasha gusohoza umugambi ukomeye w'agakiza karangije ibibazo byacu ukanasohoza ibihura na kamere yayo (1Kor 1:17-2:5).

Mu gusoza iki cyiciro cy'ibitabo by'ubutumwa bwiza, reka twibuke ko Kirisito *yahamagaye imbaga y'abantu n'abigishwa be arababwira ati: "Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we ankurikire*" (Mar 8:34). Uko ni ko Kirisito aduhamagara uyu munsi ngo twikorere umusaraba wacu buri munsi maze tumukurikire.

## *Imyitozo*

1. Kora urutonde rw'imigani dusanga muri buri gitabo cy'ubutumwa bwiza. Garagaza ihuriro ryayo n'itandukaniro.

2. Subiza ibibazo bitatu byabajijwe mu gice kijyanye n'imigani ya Yesu.

3. Ni ikihe gitabo cy'Ubutumwa Bwiza wumva wakwisanisha na cyo kurusha ibindi ? Kubera iki?

# VIII.

## IGITABO CY'IBYAKOZWE N'INTUMWA

Nk'uko byavuzwe mu ntangiriro, **intego y'iki gitabo ni ukubereka umurongo ngenderwaho wita ku muco w'abantu mu gusoma, kwiga no gukoresha Ibyanditswe Byera. Turizera ko Ibyanditswe Byera bizarushaho kugwira no kuba bizima mu bugingo bwa buri wese muri twe.** Iki gice gitandukanye n'ibindi byose bigize iki gitabo; ni igitabo kigufasha kwiga kurusha ibindi byose. Kirakuyobora kandi kigufashe kwiga igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa. Amahame menshi yarigishijwe; uretse gusa kuba twayinjiza mu buzima bwacu naho ubundi ashobora kwibagirana mu buryo bworoshye. Bityo ukwiriye gusaba Umwuka Wera kugira ngo akuyobore uko ugenda usoma kandi ugahabwa umugisha wo kurushaho kumva uburyo Imana yayoboye abantu bayo mu bihe bya kera n'uburyo ituyobora twebwe ab'iki gihe.

Igitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa ni igitabo cyahumetswe n'Imana kivuga amateka ajyanye n'imyemerere. Twakigejejweho mu bushobozi bw'Umwuka Wera waje kuri Luka, umunyamahanga, wari uzi neza amateka y'Abayuda. Nk'uko yanditse igitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa, Luka yanditse n'igitabo cy'ubutumwa bwiza cyamwitiriwe.

Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa ni cyo gitabo gifite imiterere cyihariye cyonyine mu Byanditswe Byera.

Kivuga inkuru z'ibikorwa by'ikubitiro by'abantu bashya bari buzuye Umwuka Wera. Mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa tubona ko amateka y'Imana n'abantu areka gukomeza kwibanda ku Bayuda gusa nk'ubwoko bwihariye bw'Imana, ahubwo noneho abantu bose baba Abayuda cyangwa Abanyamahanga hahurizwa hamwe mu mugambi w'agakiza, bose bakaba ubwoko bw'Imana bwuzuye Umwuka Wera. Intego nkuru ya Luka ni *ukurema ubusabane burenga imbibi z'imico no kwamamaza Ubutumwa mu isi yose.* Ubushyamirane bugaragara muri iki gitabo bushingiye ku moko kandi Umwuka Wera we yita ku bantu bose ku buryo bumwe. Iki Abayuda bakaba bataracyemeraga.

Mu gihe dusoma igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, dukeneye kubanza kwibaza ngo *ni iki* kivugwamo kandi *kuki* kivugwa. Ariko dukwiriye kubanza kwibaza *ikivugwa muri iki gitabo.*

## *Umukoro*

1. *Soma igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa wicaye mu cyicaro kimwe cyangwa bibiri.*

2. *Andika amazina y'abantu b'ingenzi wabonyemo, ahantu, ibyabaye byakunze kugaruka n'uburyo igitabo kigabanyijwe.*

3. *Subira inyuma ushyira akamenyetso ku kintu ubonye ko ari ingenzi, wongeraho n'aho byashakirwa.*

4. *Ibaze ikibazo uti: "Ni iki cyateye Luka kwandika iki gitabo?"*

Reba incamake zisoza igice kandi iducira amarenga ko tugiye gufata ikindi gice . Ibi turabisanga muri 6:7; 9:31;

12:24; 16:4 na 19:20. Ni ibice bitandatu bituma inkuru ikomeje igaragaza abakirisito b'Abayuda batuye i Yerusalemu (harimo Petero wari ubarangaje imbere) ukageza ahanini mu itorero ry'Abanyamahanga (harimo Pawulo wari ubarangaje imbere), n'i Roma (umurwa mukuru w'Abanyamahanga). Kugera i Roma kandi yari yo ntego y'abakirisito ba mbere. Pawulo ageze i Roma, aho yongeye guhindukirira Abanyamahanga kuko bo bashoboraga kumutega amatwi (28:28), inkuru ihita irangira.

5. Sobanura buri gice mu magambo yawe bwite; vuga igitekerezo gikubiye muri cyo n'uburyo gifasha inkuru gukomeza.

6. Ni iki cy'ingenzi ubona muri buri gice wafata nk'urufunguzo rutuma ibintu bikomeza gutera imbere?

Mu bice 1-6:7 haravugwa inkuru y'itorero rya mbere rya gikiristo, uburyo ryabwirizaga, uko basangiraga ubuzima, uburyo ryakuze n'uburyo ryatangiye kurwanywa. Ibintu byose byasaga n'iby'Abayuda, ibibwirizwa, kurwanywa, n'uburyo abakirisito ba Kiyuda bakomeje kujya mu rusengero rw'i Yerusalemu ndetse no mu masinagogi. Iki gice kirangira kivuga inkuru y'ibice byavutse hagati y'abakirisito ba Kiyuda bavugaga Ikigiriki n'abakirisito ba Kiyuda bavugaga Icyarameya.

Mu bice 6:8-9:31 ivugabutumwa rya mbere ryakwirakwijwe n'abakirisito ba Kiyuda bavuga ururimi rw'Ikigiriki babwiriza Abayuda bavuga ururimi rw'Ikigiriki batatanye. Iki gice kirimo guhamagarwa kwa Pawulo, Umugiriki akaba n'Umuyuda wari umwanzi w'Ubutumwa Bwiza. Muri iki gice, haravugwamo ibya Sitefano aterwa amabuye kugera aho apfa.

Mu bice 9:32-12:24 havugwamo uburyo Ubutumwa Bwiza bwageze bwa mbere mu Banyamahanga buturutse mu Bayuda harimo n'igikorwa gikomeye Imana yakoze mu guhindura Koruneliyo. Ubu butumwa bwajyanyweyo na Petero wayoboraga umurimo w'ivugabutumwa ryakorwaga n'Abayuda b'abakiristo. (Reba uburyo Imana yakoresheje umuyobozi w'Umuyuda mu guhindura Koruneliyo), reba n'uburyo ihinduka ry'Umunyamahanga ryamamazwa n'Abagiriki (si Abayuda rero) mu itorero rya Antiyokiya.

Mu bice 12:25-16:5 hakubiyemo ibisobanuro by'uburyo ubutumwa bwiza bwakwirakwijwe bwa mbere mu Banyamahanga. Iki gikorwa kirangajwe imbere na Pawulo. Abayuda banze Ubutumwa kuko bwamaze kwiyegereza n'Abanyamahanga. Inama nkuru y'itorero yarateranye yemeza ko atari ngombwa ko Abanyamahanga b'abakirisito bubahiriza imigenzo y'idini ry'Abayuda kandi ibemera nk'abakristo.

Mu bice 16:6-19:20 haravuga uburyo Ubutumwa bwiza bwakwirakwijwe bwerekezwa mu Burengerazuba aho Abanyamahanga benshi bari batuye. Uko ni ko Ubutumwa Bwiza bwageze mu Burayi, ariko Abayuda bakomeza kubwanga mu gihe Abanyamahanga bo babwakiraga.

Mu bice 19:21-28:30 haravuga uburyo Pawulo yajyanye Ubutumwa Bwiza i Roma, hakibandwa ku kuburana kwe mu nkiko aho yagizwe umwere incuro ashatu zose.

Reba ko muri ibi bice tumaze kuvuga nta ho Umwuka Wera yigeze avugwa. Umwuka Wera afite uruhare runini mu bikorwa bivugwa mu gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa. Nta kintu na kimwe aha cyaba cyarabayeho kubera ubushobozi bw'umuntu. Ibyabayeho byose byabaye kubera ko Imana yabishatse, Umwuka Wera na we aragisohoza.

Tugomba kwibuka na none ko iyi ari inkuru y'ibyabaye mu itorero rya mbere ariko bitavuga ko uko byabaye ari ko bigomba kuba uyu munsi uretse gusa ko natwe dukeneye Umwuka Wera.

Birasa nk'aho nta nzego z'itorero zivugwa muri iki gitabo. Luka ntatubwira uburyo ubuyobozi bwavuye kuri Petero n'intumwa bukajya kuri Yakobo mwene nyina wa Yesu. Nta n'ubwo avuga uburyo ubuyobozi bwari bumeze mu itorero. Icyakora avuga ko hashyirwagaho abakuru b'itorero (14:23).

Turabona ko Luka atagerageza kwerekana ko abantu bose bameze kimwe. Guhinduka k'umuntu ku giti cye ubusanzwe kugizwe n'ibintu bibiri: guhabwa Umwuka Wera n'umubatizo w'amazi. Ariko hari igihe umubatiza w'amazi ari wo wabanzaga. Rimwe na rimwe hakabaho kurambwikwaho ibiganza ubundi ntibibeho. Rimwe na rimwe bakavuga indimi zitamenyekana, ubundi ntibigaragare ko bazivuze. Ni ngombwa kumenya ko Bibiliya itavuga ibyabaye byose kandi ko Imana ikomeje kuvugana n' itorero ryayo mu mbaraga z'Umwuka Wera binyuze mu ijambo ryayo ryahishuwe.

## *Ubusobanuro N'uburyo Igitabo Cy'ibyakozwe N'intumwa Cyakoreshwa*

Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa cyaba kivuga neza ibyabaye mu itorero rya mbere cyangwa ngo kitwereke ibikwiye kubaho muri iki gihe, none se inyigisho twagikuramo ni izihe?

Uretse igihe Ibyanditswe Byera bitugaragariza ko tugomba gukora ikintu runaka; ibyabaye kera ntibivuga ko tugomba gukora ibyabaye byanze bikunze ubu, keretse hariho uburyo bwo kwerekana ko ari ko byagombaga kugenda.

## *Umukoro*

Fata ibyo wanditse mu gihe wigaga igitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa; usange umuyobozi umwe cyangwa babiri maze muganire ibyo wabonyemo, ibibazo ufite, n'uko bizagufasha mu buryo usoma cyangwa wigisha Bibiliya.

# IX

## INZANDIKO

Mu minsi mike ishize, umugore ukiri muto cyane wo mu rusengero rwacu yoherereje umugore wanjye akandiko amubwira ati: "Igihe twasamaga inda iherutse, *iki gihe, kuri twe twabonaga ari urukundo rw'Uwiteka… igihe umwana wacu w'umuhungu yapfaga bisa nk'aho Imana yari ivuze iti: "Ndabanga" ariko Imana iza kunkebura iti: "Urukundo mbakunda ntirwari ruherereye mu kubaha umwana wanyu, ahubwo rwari ruherereye mu kubaha Umwana wanjye". Imana irankunda!...urukundo rutanga ubugingo kandi rutazigera rupfa ukundi!...kubera ko Umwana w'Imana ariho, umwana wanjye na we ariho!"*[1]

Uru ni "urwandiko rufunguye". Hariho byinshi twavuga kuri uyu muntu utaragarajwe izina ariko akaba azwi n'abantu basoma uru rwandiko. Urugero, tuzi twese ko uyu ari umugore wubatse urugo kandi ufite abana ugandukira umugabo we kandi asengera mu itorero ry'iwabo. Ntabwo uyu ari umwana wa mbere yapfushije ariko arashima Imana muri byose. Hariho byinshi tumuziho n'uburyo asabana n'abandi nyamara utapfa kumenya usomye uru rwandiko.

N'ubwo abantu benshi basoma uru rwandiko batazapfa kumumenya ariko abantu babuze abo bakundaga

---

1 Byakoreshejwe nyuma yo guhabwa uburenganzira.

cyangwa se bakaba bafite ikintu cyababababaje; bashobora kwisanisha na we kandi bagafashwa n'uru rwandiko.

Urwandiko[2]ni ibaruwa nk'izindi zose zandikwa muri iki gihe. Zimwe ziba zandikiwe abantu ku giti cyabo; izindi ari rusange. Zimwe zandikirwa abantu izindi zikandikwa zisubiza izanditswe. Abantu runaka bandika inzandiko mu gihe cyihariye n'ahantu hihariye. Uwanditse urwandiko n'uwandikiwe baba bafite ubumenyi basangiye abandi bantu batabasha kumenya, icyakora rimwe na rimwe biba ikibazo.

Inzandiko za kera zose zigira umurongo zikurikiza. Kimwe n'izo mu Isezerano Rishya ziba zigizwe n' ibice bitandatu:

1. Izina ry'umwanditsi
2. Izina ry'uwandikiwe
3. Intashyo
4. Isengesho, icyifuzo cyangwa se gushimira
5. Igihimba
6. Intashyo zisoza no gusezera

Inzandiko zo mu Isezerano Rishya ziranyuranye ariko zose zihurira ku bintu bibiri: zose zandikiwe impamvu runaka kandi zikandikwa kubera ikintu runaka kibaye, kandi zose zikaba zaranditswe mu kinyejana cya mbere. Kandi iki ni cyo gituma kuzisobanura bigorana rimwe na rimwe.

Akenshi wasangaga ari ibibazo byari mu itorero aho usanga hari ibyari bikenewe gukosorwa cyangwa se gutera umwete, cyagwa se ubuyobe mu by'imyizerere bwari bukenewe gukosorwa, cyangwa se kudasobanukirwa kwari gukeneye ubusobanuro bundi. Ikibazo tugira ni uko urwandiko usanga rutanga igisubizo nyamara si buri gihe dushobora kumenya ikibazo urwo rwandiko rwabaga

2 Inzandiko zo mu Isezerano Rishya ni: Abaroma, 1&2 Abakorinto, Abagalatiya, Abefeso, Abafilipi, Abakolosayi, 1&2 Abatesalonike, 1&2 Timoteyo, Tito, Filemoni, Abaheburayo, Yakobo, 1&2 Petero, 1, 2 & 3 Yohana, na Yuda.

rusubiza. Ni nk'uko umuntu yashakisha kumenya ibyo abantu babiri bavuganye kuri telefone mu gihe ushobora kumva umwe gusa avuga.

Hariho ibintu tutazigera dusobanukirwa na rimwe, nk'ibi byanditswe mu 1Kor 15:29 aho Pawulo avuga iby'umubatizo w'abapfuye. Nta kindi kintu kivugwa kijyanye n'iryo jambo kandi ntitwumva icyo rishaka kuvuga muri iki gihe cya none. Bityo rero, igikwiriye ni uko twabirekera uko ariko tukamenya ko niba Imana yari yashatse ko twagira ibyo tumenya bijyanye n'ibi, iba yarabitubwiye. Ikindi kirenze kuri ibyo, ni uko uko turushaho kudasobanukirwa n'ikintu runaka mu Byanditswe, ni na ko dukwiriye gucisha make mu gihe tukivugaho ndetse tukagikoresha dufite ubugwaneza no kwihanganira abandi.

## KUREBA IBIHE INZANDIKO ZANDIKIWEMO

**(urugero twakwigiraho ni 1Timoteyo)**

Urwandiko rutangira rutubwira uwarwanditse n'abo yarwandikiye. "*Pawulo wagizwe intumwa ya Kristo Yesu, ku bw'itegeko ry'Imana Umukiza wacu na Kristo Yesu ari we byiringiro byacu, ndakwandikiye Timoteyo, mwana wanjye nyakuri nibyariye mu byo kwizera. Ubuntu n'imbabazi n'amahoro bibe kuri wowe, biva ku Mana Data wa Twese no kuri Kristo Yesu Umwami wacu*" (1 Tim 1:1-2). Icyakora kugeza aha ntituramenya icyatumye uru rwandiko rwandikwa!

Bityo mu gihe dusoma uru rwandiko, reka dushakishe ibi:

1. Ikintu cyose cyerekeranye n'abo rwandikiwe (Abagiriki cyangwa Abayuda, abakire cyangwa abakene, imbata cyangwa ab'umudendezo n'abindi)

2. Turebe ko twamenya imyitwarire y'umwanditsi (kuba yari abangamiwe, arakaye, afite ubushize bw'amanga).

3. Ni iki umwanditsi atubwira kigaragaza impamvu uru rwandiko rwanditswe ("twifashishije umurongo")

4. Turaza gusanga uru rwandiko rufite ibika bisanzwe by'amabaruwa. Itoze kubitahura kandi urebe igitekerezo kiri muri buri gika. Tuziga kandi impamvu ikintu kimwe gikurikira ikindi n'aho bihurira.

## KUMENYA IMPAMVU YATUMYE UMWANDITSI YANDIKA (urugero twakwigiraho 1 Timoteyo)

1. Muri 1 Tim 1:3-7, Pawulo yari yarasabye Timoteyo kuguma muri Efeso kugira ngo abuze abantu bamwe gukwirakwiza inyigisho z'ubuyobe.

2. Muri 1 Tim 3:14-15, Pawulo avuga neza impamvu imutera kwandika; arigisha abantu uburyo bakwiriye kwitwara mu nzu y'Imana. Ikigenderewe cyane hano ni ukwerekana uburyo ukwiye kwitwara kunyuranye n'ukw'abigisha b'ibinyoma. Nyuma y'ibi dukwiriye kumenya abigisha b'ibinyoma abo ari bo n'ibyo bakora[3]. Dore bimwe mu byadufasha:

3. Muri 1Timoteyo 1:3-7 barigisha imigani y'ibinyoma

4. Bibanda ku masekuruza atagira iherezo

5. Bakurira abantu mu mu mpaka z'amagambo zitera urujijo

3 Hari abantu bashobora kubona iki gika nk'igitabo cy'imiyoborere y'itorero kubera ko mu gice cya gatatu harimo amabwiriza ajyanye n'ubuyobozi bw'itorero. Mu by'ukuri Pawulo ntavuga ko aya ari amabwiriza ngenderwaho y'itorero, aravuga ko yibanda by'umwihariko ku bigisha b'ibinyoma. Urebye uburyo Pawulo ahangana n'iki kibazo, byagira icyo bigufasha nawe ubwawe n'ubwo bitagenewe itorero.

6. (7) Bifuza kuba abigisha b'amategeko

7. (19-20) Pawulo avuga ko aba bantu batakigira umutimanama, ko ahubwo kwizera kwabo kononekaye . Pawulo anavuga amazina[4] yabo. Pawulo avuga ko yabagiriye inama yo kudatuka Imana. Ikibazo rero ni iki: "Baba barakoze iki gituma Pawulo abona ko batuka Imana?"

8. Bakoraga ibintu bitukisha izina ry'Imana mu batizera. Ibi byabaye ikibazo kinini kuri Pawulo na bagenzi be kuko bari bazi uko Imana yategetse Mose ngo: "*Uzatuka izina ry'Uwiteka ntakabure kwicwa*" (Lewi 24:16). None se abayobozi b'itorero bakora iki? Abatizera batuka izina ry'Imana bakwiriye kwicwa? Cyangwa abizera batera abatizera gutuka izina ry'Imana bazicwa? Urabona uburyo hari ikibazo hagati yo kubaha amategeko yo mu Isezerano rya Kera n'uburyo twakwitwara ku bijyanye n' amategeko nk'uko yagaragarijwe muri Kirisito mu Isezerano Rishya no muri iki gihe cy'ubuntu.

9. Mu gice cya 4:1-5, haravugwa abigisha b'ibinyoma babuza abantu kurongora no kurongorwa ndetse no kurya ibyokurya bimwe na bimwe.

10. Mu gice cya 6:3-10, haravugwa ikintu cya nyuma Pawulo abashinja: barirarira, bakunda kujya impaka, bibwira ko kubaha Imana Bizana indamu. Irari ry'amafaranga ni ryo ryateye benshi kurorongotana no kugira imitima yahabye.

Abigisha b'ibinyoma bakoraga ibyo bakora basunitswe no kwifuza indamu mbi bibwira ko ari bwo buryo bwo

4 Muri iyo minsi, buri muntu wese yashoboraga kumenya abo bantu kandi yashoboraga kwibuka abo bari bo n'icyo bigishaga n'ubwo muri iki gihe tutabamenya neza uretse ibyo tubwirwa hano biberekeye.

kubona indonke, uburyo bwo gukorera ifaranga. Ikibazo gikurikiraho ni iki: "Aba bantu ni ba nde?" Mu Ibyak. 20 havuga uburyo Pawulo yahamagaye abakuru b'itorero ryo muri Efeso ubwo yiteguraga kujya i Yerusalemu. Ku murongo wa 30, Pawulo ababwira ko muri bo ubwabo hazaduka abantu bavugira ibigoramye kugira ngo bayobye abandi. Mu rwandiko rwa mbere rwa Timoteyo turabona ko ibi bimaze gusohora kuko aba bigisha b'ibinyoma bari hagati mu itorero ndetse tukahabona na bamwe mu bakuru b'itorero bari bamaze kuyoba. Bari basigaye bakurikiza buri nyigisho zose zije.

Pawulo aratanga impanuro zijyanye n'uburyo yifuza ko abantu bitwara. Hari ibibazo byiza wakwibaza: "Kuki Pawulo yanditse ibi hano kandi bimaze iki hano?" Iki gika gishatse kuvuga iki? " Ni iyihe ngingo nyamukuru igenda igaruka? Mu gice cya 2:1 Pawulo akoresha imvugo ngo "abantu bose". Ikivugwa aha ni ugusengera abantu bose kuko Imana ishaka ko abantu bose bakizwa. Ibi tubihamirizwa n'uko Yesu Kirisito yaje ngo abe incungu y'abantu bose.

Inyigisho z'ibinyoma abigisha bigishaga kwari ukuvuga ko atari abantu bose bakwiye kurongora, kandi ko hari abakwiriye kwirinda ibiryo bimwe na bimwe. Izi nyigisho zashoboraga kurema itsinda ry'abantu bumva ko bafite isumbwe ku bandi. Imana ntiyigeze ibwira abantu kureka kurya ibi byokurya, bityo rero, umuntu ntiyagombye kugira itegeko ibyo Imana itagize itegeko. Kurema itsinda nka ririya binyuranye n'ihame ry'uko Ubutumwa Bwiza bugenewe abantu bose. Ikindi ni uko bisa nk'aho ari ukongera ibintu ku ijambo ry'Imana, iri rikaba ari ikosa ryatangiriye muri Edeni ubwo Eva yongeraga ku byo Imana yari yavuze (Itang 3:3).

Pawulo amaze gushyira ahagaragara bimwe mu bikorwa by'abakuru b'itorero bayobye, yahise yerekana ibyo umukuru w'itorero agomba kuba yujuje. Ibyo umukuru w'itorero agomba kuba yujuje birebana mbere na mbere *n'imiterere ye*.

Ni iby'umumaro kwandika ibivugwa mbere na nyuma ya buri murongo, kimwe n'ibivugwa mbere na nyuma ya buri gika. Iga GUTEKEREREZA KU BYANDITSWE UKURIKIJE IBIKA! Komeza wibaze uti: "Ni iki bishatse kuvuga?" Ugomba gukora ibintu bibiri : (1) Mu magambo make, erekana ikivugwa muri buri gika (2). Ibivugwa mu gika byongera iki ku gitekerezo cyivugwa?

## BISOBANURA IKI MURI IKI GIHE?

Ijambo ry'Imana ryatanzwe mu gihe runaka gifite ibikiranga kandi ubu tukaba turi mu gihe gitandukanye. Turi mu bihe bitandukanye n'igihe iri jambo ryandikwaga. Ikibazo ni iki: «Ni ibihe bintu bijyanye n'umuco kandi ni ibihe bintu bifite agaciro gahoraho?'' Na none kandi umuco w'Abanyafurika utandukanye n'umuco w'abantu bo mu bihugu byo mu Burengerazuba, mu Burasirazuba cyangwa umuco wo muri Esipanye. Buri wese azana ibintu bitandukanye n'iby'undi mu misobanurire ya Bibiliya.

Ntitwavuga ko umuco ari mubi cyangwa mwiza, ukwiye gufatwa nk' umuco gusa! Umuco ugena uburyo dusenga Imana, uko tuvuga Ubutumwa Bwiza ndetse n'uburyo dusabana n'abandi. Ikibazo kiboneka igihe dushatse kugenzura icyo twafata nk'ijambo ry'Imana n'icyo twakwita umuco. Kubera ibintu byihariye biri muri izi nzandiko, ntagushidikanya ko umuco ufite uruhare runini mu bizivugwamo.

## UMURONGO FATIZO NGENDERWAHO

1. Buri muntu akwiriireye gutandukanya umutima w'Ubutumwa Bwiza n'ibindi bintu biza inyuma. Ni ibintu bibiri bitandukanye kuba wakwizera cyangwa ntiwizere ko Yesu Kirisito yapfiriye ibyaha byacu no kwemera cyagwa kutemera ko abagore bakwiriye gut-

wikira umutwe mu gihe cyo gusenga. Itandukaniro ni uko kimwe ari *umutima* ikindi kikaba *ikintu cy'inyuma* gusa. Tuba tubaye abanyabwenge igihe dufashe icyo Bibiliya yita *umutima w'Ubutumwa Bwiza* tukakigira umutima, icyo Bibiliya yita icy'inyuma tukakigira icy'inyuma. Twese tugira uko dutandukanya ibintu. Tugomba kumenya imihindukire y'imico, ibi bikaba bigendanye cyane n'uburyo dukoresha Ibyanditswe mu buzima kuruta uko bigendanye n'uburyo dusobanura cyangwa dusesengura Ibyanditswe.

2. Dukwiriye kwitegura kugaragaza itandukaniro riri hagati ry'icyo Isezerano Rishya ryita indangagaciro ndahinduka n'ibitari zo. Mu Isezerano Rishya buri gihe tubona icyo twita "urutonde rw'ibyaha"[5] n'ibyo twita"Urutonde rw'indangagaciro"[6]. Navuga ko muri izo ntonde zombi, nta kintu na kimwe kirebana n'umuco. Buri kintu cyose muri zo ni indangagaciro ndahinduka. Bigendanye n'imibereho itandukanye y'ibanze ya muntu. Imana yaturemye mu buryo runaka. Icyo ni ikintu gihoraho.

Izi ntonde ziva mu ndangagaciro zo mu mategeko icumi y'Imana. Nta kintu na kimwe twabona muri izi ntonde nko gutwikira umutwe, kozonya ibirenge, cyangwa guhoberana kwera. Ibyo tubona muri izi ntonde ni ibintu bigaragara muri buri muco, buri gihe kandi ku muntu wese. Bigendanye n'imiterere karemano yacu nk'abantu imbere y'Imana.

3. Buri muntu agomba kwandika ibintu Isezerano Rishya ritangaho ubuhamya ku buryo busa, n'aho rigenda

5 Mk. 7:21-22; Rom. 13:8-14; Gal. 5:19-21; 1 Col. 5:9-11; 1 abakol. 6:9-10; abefeso. 4:25-31; abakol. 3:5-9; 2 Tim. 3:1-5; Ibyah. 9:20-21; Ibyah. 21:8,27

6 Abarom. 12:9-21; Abagal. 5:22-23; Abagal.4:32; 6:14-20; Abagal. 4:8; Col.3:12-4:6; 1 Abates. 5:12-22; 1 Tim. 3:2-13; Tito 1:6-9; Abaheb. 7:26; Yakobo 3:17

rivuga ibitandukanye ku kintu kimwe. Urugero: Urukundo ni imwe mu ndangagaciro shingiro za gikiristo. Kutitura inabi ni indagagaciro shingiro. Ububi bw'intonganya, urwango, kwica, kwiba, ubutenganyi (guhuza ibitsina ku bantu babihuje), gusinda, n'ibiteye isoni by'ubwoko bwose bijyanye n'imibonano mpuzabitsina. Ibi si ikibazo cy'umuco, ahubwo bigize umutima w'Ubutumwa Bwiza. Isezerano Rishya rigaruka buri gihe kuri ibi bintu mu buryo busobanutse. N'ubwo hari ibintu byinshi by'umuco muri Bibiliya nk'uko bimeze uyu munsi, ntibivuze ko tutagira icyo twigira kuri ibyo bintu bya kera.

4. Gira akamenyero ko gusoma urwandiko rwose uri mu kicaro kimwe; uko ni ko buri wese asoma inzandiko kandi nta tandukaniro rikwiriye kubaho mu gihe usoma Bibiliya. Soma Urwandiko mu ijwi riranguruye, ibi bizagufasha uko uzagenda ubona ukanumva Ijambo ry'Imana.

5. Ongera usome urwandiko, wandike ibijyanye n'umurongo n'umujyo rusange w'urwandiko. Muri uku gusoma, uba ushaka kumenya impamvu ya mbere yatumye urwandiko rwandikwa. Kumenya impamvu ntibiva gusa ku magambo yanditswe ahubwo guturuka no ku bibazo wibaza.

6. Ibyanditswe ntibishobora kugira ubusobanuro bitashoboraga kugira mu bitekerezo by'uwabyanditse cyangwa uwabyandikiwe. N'ubwo iri hame ridufasha igihe cyose kumenya icyo Ibyanditswe bisobanura, ubu ridufasha kumenya icyo Bibiliya itavuga ubu.

7. Igihe cyose dusangiye ibibazo n'abantu bo mu kinyejana cya mbere, Ijambo ry'Imana ritubwira nk'icyo ryabwiraga ab'icyo gihe. Urugero, ni iby'ukuri

ko "Bose bakoze ibyaha" (Abarom. 3:23) kandi ko "Twakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera"(Abefes 2:8). Itegeko ryo kwambara "imbabazi, ubugwaneza, kwicisha bugufi, kugira neza no kwihangana" (Abakol.3:12) na ryo riratureba twese. Buri kintu cyose hano ni Ijambo ry'Imana kuri buri muntu wese muri iki gihe.

## *Umukoro*

1. Soma na none Abaroma wandike ikintu cyose ushoboye kirebana n'abandikiwe urwandiko.

2. Ni uwuhe mwifato Pawulo agaragaza?

3. Urwandiko rukubwira iki ku mpamvu yatumye rwandikwa?

4. Reba ahantu hagaragara nk'umusozo w'igitekerezo, nurangiza ugabanye icyo gice mu bika.

5. Andika interuro imwe ivuga incamake ya buri gice.

# X.

# IBYAHISHUWE

## IGIHE IGITABO CYANDIKIWE

Yohana ari mu buhungiro kubw'ubuhamya bwa Yesu, kubera ubuhamya bwe bwa gikirisito, yandikira amatorero avuga ko ari bene se, basangiye amakuba kubera guhamya Yesu. Ikintu kimwe kigarara ni uko itorero riri mu makuba akomeye aturuka hanze yaryo. Iki gitabo cyari kigenewe amatorero, aho abantu bari mu mibabaro kandi bicwa.

Icya kabiri ni uko Yohana ari ku kirwa cya Patimosi kubera ko yahashyizwe n'ubutegetsi bw'Abaroma. Itorero n'ubu butegetsi ntibijya imbizi. Igice ya 13 n'icya 14 bitwereka uburyo ubutegetsi bwahatiraga abantu bose kuramya umwami w'Abaroma kandi abakirisito bakaba batarashakaga kubikora.

Aziya Ntoya cyane cyane Efeso, ni ho hari umurwa mukuru w'ibi bikorwa byo gusenga umwami. Itorero ryari rimaze igihe kinini rititabira ibi bintu. Kayisari we yiyitaga umwami, ariko abakirisito bo bakavuga ko Yesu ari we Mwami wenyine. Abayuda bo babonye uburyo bwo kuba mu mahoro kuko bosaga imibavu kubw'umwami bakavuga ko barimo kumusengera, ko atari ukumusenga. Abaroma barabyemeraga, ariko abakirisito bo baritandukanya banga burundu kosa imibavu bayosereza umwami.

Kosa imibavu imbere y'umwami byashoboraga gusobanura ko abakirisito bemeye kuvuga ngo: "Kayizari ni umwami", kandi ntibashoboraga kubikora. Ntibari kuvuga umwami wo mu isi bakoresheje ijambo rivuga Umwami w'ikirenga kuko ijambo ry'Ikigiriki "Kurios" rivuga "umwami w'abami". Yohana arihanangiriza abantu yeruye ko batagomba kuramya umwami w'Abaroma.

Ijambo ry'ubuhanuzi riri muri iki gitabo ni uko Yohana ahera ku birimo kuba akerekana ibyenda kubaho. Yohana ntageza ubutumwa ku itorero gusa, ahubwo aranarimenyesha ibyenda kubaho.

Tugomba gutandukanya ijambo "amakuba" n'ijambo "umujinya". Mu 2 Abatesalonike 1 Pawulo avuga iby'amakuba nyuma akavuga iby'umujinya. Amakuba ajyana n'imibabaro, kurenganywa, ibigeragezo n'ibyago; kandi iri jambo rigarukirana mu Isezerano Rishya. Abakirisito baba biteguye guhura n'amakuba muri ubu buzima.

*Umujinya* ni ijambo rijyanye n'ibihano by'Imana bizanwa no kutumvira kw'abantu; uku kutumvira bikaba ari ukwanga kwakira Yesu w'i Nazareti nka Mesiya. Ubwoko bw'Imana nta na rimwe buhura n'uyu mujinya. Icyakora buhura n'amakuba muri iyi si, ariko nta cyo umujinya w'Imana uzabatwara. Umujinya w'Imana uzasukwa ku butegetsi bw'Abaroma kubera ko burenganya Itorero. Ubwoko bw'Imana burenganywa n'ubutegetsi bw'Abaroma kuko ubu bwoko ari abantu b'Imana. Imana yirahiye ivuga ko izasuka umujinya wayo ku bantu bose babifitemo uruhare.

Dufite ibimenyetso bitubwira iby'intambara, inzara n'urupfu, bigakurikirwa n'ibimenyetso bibiri bitubwira ibintu bibiri by'ingenzi mu gitabo. Icyambere ni abahowe Imana bari imbere ya ya ntebe babaza ikibazo ngo: "Mwami tuzihangana kugeza ryari?(6:10)". Ikintu cya kabiri cy'ingenzi ni uko abacunguwe bari muri Kirisito bahawe buri wese igishura cyera, babwirwa kuruhuka

igihe gito (6:11)*;abacunguwe ntibazagerwaho n'umujinya w'Imana*! Duhugurirwa kwihangana, dugakomeza kwiringira Umwami Imana.

Ikimenyetso cya gatandatu ni igisubizo cy'icya gatanu, igishyitsi gikomeye, ari cyo mujinya w'Imana. Abami bo mu isi, ibikomangoma, abakuru b'ingabo, abakire bo mu isi, aba bantu bose barwanya ubwoko bw'Imana, bagiye guhura n'umujinya w'Imana.

## IMITERERE Y'IBYAHISHUWE

Ibyahishuwe ni uruvangitirane rw'ubuvangazo bw'amoko atatu: (1) Ibyahishuwe, (2) ubuhanuzi, (3) inzandiko, kandi byanditswe ku buryo bigira imimaro ibiri. Uwambere ni uko ari ibyahishuwe. Ubu buvanganzo burihariye kandi bwibanda ku bijyanye n'urubanza n'agakiza.

1. Inyigisho zo mu bwoko bw'ibyahishuwe zashyizwe mu nyandiko kuva mbere, bitandukanye n'iby'abahanuzi n'ubutumwa bwiza byabanje guhererekanywa mu mvugo mbere y'uko bishyirwa mu nyandiko. Izi nyandiko rero ntizigeze zisakazwa mu mvugo, ahubwo zakwirakwije mu nyandiko kuva na mbere.

Ibigize inyandiko z'ibyahishuwe ni amayerekwa n'inzozi, byuzuye ibintu bitangaje, bihishe, n'imvugo ishushanya. Ikintu cyihariye kiranga inyandiko z'ibyahishuwe ni ibigereranyo zikoresha binyuranye n'ibyo tubona mu bitabo by'ubuhanuzi. Mu bitabo by'abahanuzi, ibigereranyo byifashisha ibintu biriho, inyandiko z'ibyahishuwe zo zigakoresha ibintu bitabaho mu buzima bwacu. Ushatse gusobanura neza ibigereranyo bikoreshwa mu nyandiko z'ibyahishuwe, wavuga ko ari imvugo ikoresha *inzozi* zo mu bitekerezo.

Ubu buryo bw'imvugo ikoresha inzozi zo mu bitekerezo ntivuga ibintu biriho. Twese dushobora kumva ijambo inyamaswa, n'imitwe; ariko icyo tudashobora kumva ni uburyo inyamaswa igira imitwe irindwi n'amahembe icumi. Ibi rero ntibivuga ibintu biriho. Dusobanukiwe ishusho y'umugore ndetse n'izuba; ariko ntidusobanukiwe iby'umugore wambaye izuba.

2. Yohana yise iki gitabo *ubuhanuzi* (1:3); ariko gitandukanye n'ubundi buhanuzi kuko cyo atari amagambo yabanje kuvugwa mbere y'uko yandikwa, ahubwo ni amagambo yanditswe. Nyamara icy'ukuri ni uko nyuma y'igihe kirekire Umwuka w'ubuhanuzi wongeye kugaruka gukorera mu itorero (Ibyah 1:3; 22:18; 1:10-11). Yohana yavugiraga mu mwuka ijambo ry'Imana abwira ubwoko bwayo iby'agakiza. Iri ni ijambo ry'ubuhanuzi mbere na mbere ryandikiwe abo ryari rigenewe kandi rikaba ijambo ku bakirisito b'igihe cyose.

Avuga ko guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi( 19:10). Ubutumwa bwa Yesu ni ikimenyetso nyacyo cyerekano ko hari ibyarangije kuba n'ibitaraba. Bishatse kuvuga ko Umwuka Wera yaje, ariko ko tutaragera ku gukora kuzuye kwe. Abantu bari bazi ko Umwuka Wera yaje n'ubwo barimo barenganywa bikomeye. Bityo rero ibibazo bibaza ni ibi: " Ibi bizamara igihe kingana iki?" kandi "Kuki ibi byaba kandi Umwuka yaraje"?

Ibyahishuwe ni ijambo ry'Imana ku itorero muri icyo gihe, itorero ririmo gutotezwa n'abo hanze kandi ubuzima bwaryo imbere bukaba bugenda bwangirika. Yohana abona ko ibintu bizaba bibi mbere y'uko bisubira mu buryo, kandi ko itorero rigomba kubyitegura. Yohana agenda avuga ibintu bitandukanye ku matorero atandukanye, akagenda atanga ibimenyetso ko itorero rititeguye uku kurenganywa gukomeye.

3. Uburyo bwa gatatu bukoreshwa mu Byahishuwe ni *urwandiko* . Twamaze kubona ko harimo inyandiko z'ibyahishuwe, ubuhanuzi, none tubonye n'urwandiko. Yohana atangira avuga ngo: "Ubuntu n'amahoro bibe muri mwe"(1:4). Uko ni ko ibaruwa itangira. Nureba ku iherezo ry'igitabo, urasanga kirangizwa n'iyi mvugo ngo: "Ubuntu bw'Umwami Yesu bubane namwe mwese. Amen" (22:21) nk'uko ibaruwa irangiza.

Ubu rero hari impamvu iyi baruwa yanditswe. Ni inyandiko ifite impamvu yanditswe, yanditswe kubw'impamvu runaka , mu gihe runaka. Iki gitabo gifite ishusho y'ibyahishuwe. Intego yacyo ni ugutanga ubuhanuzi. Uburyo gikoresha mu gutanga ubu buhanuzi ni urwandiko. Abantu bagomba gusoma iki gitabo nk'urwandiko, bakacyumva nk'ijambo ry'ubuhanuzi bukoresha imvugo ishushanya y'inyandiko z'ibyahishuwe.

## ISESENGURA RY'IGITABO CY'IBYAHISHUWE

Mbere na mbere, emera ko Ibyahishuwe byandikiwe abantu bashoboraga gusoma no kumva iyo baruwa. Ibi ni ingirakamaro. Ugomba gosobanura Ibyahishuwe nk'uko usobanura ibindi bintu byose mu Byanditswe; utangira ureba icyari kigambiriwe mu gihe byandikwaga.

Icya kabiri ni ukwitondera gukoresha ihame ry'uko *Ibyanditswe bisobanurana.* Ibyo ni ukuvuga ko dusobanura Ibyanditswe tubisobanuza ibindi Byanditswe. Mu kugereranya Ibyanditswe, tubona icyo amagambo asobanura ahandi mu Byanditswe, bityo tukagira igitekerezo cy'icyo risobanura aha. Iyi mikorere ifite ireme.

Icya gatatu, ibigereranyo bikoreshwa mu Byahishuwe biratandukanye kandi biva ahantu hanyuranye. Yohana yabitiye mu Isezerano rya Kera, mu nyandiko zifite imiterere y'ibyahishuwe, no mu migani n'ibitekerezo

bya kera bya gipagani. Ukuri ni uko igisobanuro cy'ibi bigereranyo mu gihe Yohana yabikoreshaga gitandukanye n'igisobanuro cyabyo aho byatiwe. Yohana afata ibi bigereranyo bitandukanye akabikoresha mu buryo bushya butuma yumvikanisha icyo ashaka kuvuga.

Yohana afata ibigereranyo bizwi abikuye muri Ezekiel na Danieli, ariko nta hantu na hamwe abikoresha mu gusobanura cyangwa kuvuga icyo Daniyeli na Ezekieli bavugaga babyifashishije. Ikintu gikomeye tugomba kwibuka ni ukureba uko Yohana akoresha ibi bigereranyo, tukareba n'uko bikoreshwa mu zindi nyandiko, aho kugerageza kubiha gusa igisobanuro bifite muri biriya bitabo byakoreshejwemo mbere.

Ibigereranyo bimwe na bimwe Yohana akoresha ni ibintu umuntu wese yashoboraga kumva icyo gihe. Umuntu wese yashoboraga kumenya ko inyamaswa iva mu Nyanja (13:1) ishushanya ubwami. Ibindi bigereranyo ntibyari bisobanutse ngo bibe bizwi neza na benshi. Urugero ni nk'umugore wambaye izuba uvugwa mu bice 12:1, utandukanye n'umugore wicaye ku nyamaswa mu bice 17:3,4,6,7,9,18. Aha "umugore" ntibisobanura ikintu kimwe buri gihe; ni ikigereranyo gisobanura ibintu bitandukanye mu bihe gitandukanye.

Rimwe na rimwe Yohana atubwira ku buryo butaziguye icyo ibimenyetso bivuga. Urugero ni nk'igihe avuga ngo "Ikiyoka ni Satani"(12:9; 20:2). Wigerageza kubihinduramo ikindi kintu. Imana ivuga ko uhagaze hagati y'ibitereko by'amatabaza ari Yesu Kirisito, kandi ko ibitereko by'amatabaza ari amatorero (1:17-20). Aha na ho ntugomba kubisobanura ukundi.

Mu gice cya 17 havugwamo inyamaswa ifite imitwe irindwi n'umugore wicaye ku nyamaswa. Hanyuma Yohana agira ati: "Iyo mitwe irindwi ni yo misozi irindwi uwo mugore yicayeho, *kandi ni yo bami barindwi: abarindwi baraguye, umwe ariho undi ntaraza, kandi naza azaba akwiriye kumara igihe gito* (17:9b-10). Umugore

wicaye ku misozi irindwi nk'uko yasobanuwe (17:18) we yaba asobanura iki? Fata ijambo uko Yohana arivuga, ureke Yohana abe umusobanuzi igihe asobanura ibyo yeretswe.

Amayerekwa akwiriye gusobanurwa nk'imbumbe. Urugero ni iyerekwa rijyanye n'umushyitsi (umutingito) ndetse n'ikimenyetso cya gatandatu (6:12 ugakomeza); ikirere, ikiyaga, inyanja ntabwo bifite icyo bisobanura ubwabyo ahubwo ni ibimenyetso duhabwa kugira ngo dusobanukirwe ingano y'ingorane n'akaga bivugwa.

## INCAMAKE Y'IGITABO CY'BYAHISHUWE

Kuva ku gice cya mbere kugeza ku cya gatatu biratwereka abafite uruhare mu bivuga mu gitabo. Uwa mbere ni Yohana (1:1-11) wahishuriwe kandi akaba ari na we ugiye kutubwira amakuru ari muri iki gitabo.

Hakurikiraho ishusho ikomeye ya Yesu Kirisito (1:12-20). Iyi shusho ya Yesu igamije kwereka itorero ko Imana itananiwe gutegeka ibiriho. Yesu Kirisito ari hagati mu itorero rye, kandi afite amatorero mu kiganza cye no mu mbaraga ze. Yesu ni we ufite urufunguzo rw'urupfu na kuzimu. Imana irabwira itorero ko Roma (ihagarariye imbaraga z'ubutegetsi bwo mu isi) itazategeka isi ubuziraherezo. Yesu ni we utegeka iteka. Ni we Mwami w'itorero kandi ni we mugenga w'ibihe. Bishobora kugaragara nk'aho yananiwe, ariko ibuka ko agifite ububasha, ni we mugenga w'ubuzima bwawe.

Igice cya 4 n'icya 5 bivuga iby'iyerekwa ry'ibyo mu ijuru, ishusho y'ubuhangange n'icyubahiro by'Imana. Igice cya 4 kitubwira Imana y'inyambaraga n'ubushobozi, icya 5 kikatubwira iby'umwana w'intama ucungura abantu. Yohana ahindukizwa no kureba intare maze abona umwana w'intama watambwe. Umwana w'Intama watambwe usobanura umugambi w'agakiza Imana ifitiye abantu.

Igice cya 6 n'icya 7; igisa n'umukino kiratangira. Inshuro eshatu muri iki gitabo tubona amayerekwa agaragazwa mu itsinda ry'arindwi (6-7,8-11,15-16)

Igice cya 8 kugeza ku gice cya 11 bigaragaza urubanza Imana icira Roma hano mu isi. Turabona uburyo burindwi butandukanye bwo kuvuga ubunini, ukudashidikanywaho n'imbarga z'urubanza mu gihe ruzaba ruje. Igihe impanda zirindwi zivugijwe, ijwi rivuga ko ubwami bw'iyi si bwose bwahindutse ubwa Yesu akima ingoma iteka n'iteka, maze abantu bose bagasubizanya ishimwe.

Mu gice cya 11 haboneka ikibazo cyo kumenya igihe bizamara. Imana isubiza ivuga ko mbere y'uko umujinya wayo usukwa, ubwoko bwayo buzabanza gushyirwaho ikimenyetso, ntibuzasukwaho umujinya. Bashyizweho ikimenyetso cy'amaraso y'umwana w'intama w'Imana bakuwe mu mahanga yose, ubwoko bwose n'indimi zose, kandi Imana yabashyizeho ikimenyetso. Ibi bishatse kuvuga gusa ko ari ab'Imana. Bitewe n'uko Imana yabashyizeho ikimenyetso, ntibasukwaho umujinya wayo.

Mu gice cya 8 kugeza ku cya 11, tweretswe ishusho ngari, igice cya 12 kugeza kucya 22 hatubwira ku buryo burambuye ibihano no gutsinda kw'Imana.

Igice cya 12 ni rwo rufunguzo rw'inyigisho nyamukuru y'iki gitabo: **Imana yatsinze Satani ariko Satani ntararimburwa**. Mu mayerekwa abiri tubwirwa ko Satani yagerageje kurimbura Yesu n'abe ariko aratsindwa. Nk'uko bigenda bigaruka mu Isezerano Rishya, Ibyahishuwe byerekana ibyamaze kubaho n'ibitaraba. Satani agaragazwa nk'umwanzi watsinzwe ariko iherezo rye rikaba ritaraza. Ni yo mpamvu hariho ibyishimo: "Noneho agakiza k'Imana yacu karasohoye… " (12:10). Ariko ni akaga ku itorero kuko Satani azi ko igihe cye ari kigufi . Ni yo mpamvu ashaka kwihorera ku bwoko bw'Imana.

Igice cya 13 kugeza ku cya 14 bitubwira ibyo gusenga umwami w'Abaroma bivugwa muri iki gitabo; bikatwereka ko guhora kwa Satani kugirirwa itorero rya Yohana

kwaje mu ishusho y'ubwami bw'Abaroma. Abami b'Abaroma bategekaga abantu kubasenga. Ariko ubwami bw'Abaroma ndetse n'abami babwo bacirwaho iteka (igice cya 15 n'icya 16).

Igice cya 15 n'icya 16 biduha umusozo w'ibyerekanywe mu buryo bw'ibimenyetso birindwi. Turabona igihano cy'Imana gihabwa Roma.

Igitabo gisozwa mu buryo bw'inkuru ivuga imirwa ibiri (igice cya 17 kugeza ku cya 22). Umurwa w'isi ari wo Roma urahanwa kubera uruhare rwawo mu itotezwa ry'ubwoko bw'Imana. Ibi bikurikirwa n'umurwa w'Imana ubwoko bwayo buturamo iteka n'iteka. Igice cya 18 gikubiyemo ikimeze nk'indirimbo y'ikiriyo ivuga ibyo kurimbuka kwa Roma, kukavugwa nk'ikintu cyamaze kuba. Mu gihe Roma yishimiraga icyubahiro gikomeye cyayo, dore Yohana we ari ku kirwa cya Patimosi aririmba indirimbo yo kurimburwa k'uyu murwa ukomeye (Roma).

Yohana ahangara ubwami bukomeye bw'Abaroma akavuga ati: "***Imana ni umugenga wa byose***! "

## UMUSOZO

Hariho ibintu bibiri nshaka ko twibukiranya igihe turimo gusoma igitabo cy'Ibyahishuwe. Icya mbere ni uko uko isi yaba imeze kose, ***Imana iracyafite ububasha kuri byose!*** Icya kabiri ni uko nk'abakiristo dukwiriye kumenya ko imibabaro itazabura kutugeraho ariko umujinya w'Imana uzazira abanzi bayo. Nyamara abakirisito ntituzahura n'umujinya w'Imana. Yesu yikoreye umujinya w'Imana awubambanwa ku musaraba. Ubugingo bwacu buhishwe muri we. Ubwo urubanza ruzaba mu nzu y'abizera, tuzabazwa ibyo Uwiteka yatubikije. Ntidukwiriye gutinya umujinya w'Imana.

Mu Byanditswe Byera tubonamo indi ngingo y'ingenzi igaruka kenshi, ari yo guhugurira abizera gushikama no

kuba maso mu kwizera kwabo kugeza ku mperuka. Iyi ngingo iboneka no mu gitabo cy'Ibyahishuwe 2:7,11,22.

Pawulo yadikiye Abaroma (14:12) agira ati: "*Ni uko rero umuntu wese muri twe azimurikira ibyo yakoze imbere y'Imana*". Yandikira Abakorinto yagize ati: "*Kuko twese dukwiriye kuzagaragarizwa imbere y'intebe y'imanza ya Kirisito, kugira ngo umuntu wese ahabwe ibikwiriye ibyo yakoze akiri mu mubiri, ari ibyiza cyangwa ibibi*" (2 Abakorinto 5:10; reba na none Ro. 2:6–11; Ibyahishuwe 20:12, 15). Ni ngombwa gusobanukirwa ko uru rubanza rw'abizera ruvugwa aha ruzaba ari ugupima no gutanga ingororano. Ariko ibi ntibigomba gutuma abizera baba mu bwoba bw'uko bazacirwaho iteka. Yesu agira ati: "*Uwumva ijambo ryanjye akizera Uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo*" (Yohana 5:24). Aha urubanza ruvugwa ni ugucirwaho iteka, bihabanye no kuva mu rupfu ukinjira mu bugingo. Ku bijyanye n'umunsi w'urubanza rwa nyuma, ni ngombwa kuzirikana ko "*abari muri Kirisito nta teka bazacirwaho ukundi*" (Abaroma 8:1). Bityo umunsi w'urubanza rwa nyuma ugaragazwa nk'igihe abizera bazahabwa ingororano, na ho abatizera bagahanwa (Ibyahishuwe 11:18).

Ariko rero Matayo 25:31-46 hagaragaza ko mu rubanza rwa nyuma Kirisito azatandukanya intama n'ihene; agahemba abahawe umugisha, abandi bagatabwa mu irimbukiro. Biragaragara ko uru rubanza rwa nyuma rureba abizera n'abatizera. Ibi ni imbuzi ikomeye ihabwa abizera ngo bakomeze mu buzima bwabo inyigisho z'Ubutumwa Bwiza bakiriye bakanabubwiriza abatuye isi. Ku ruhande rumwe tubwirwa ko abizera bamwe bazatungurwa no kubona batoranijwe mu bo Data yahaye umugisha bitewe n'uko bamukoreye mu gihe bitaga ku batishoboye n'abadafite kirengera bo muri bo (Matayo 25.37-40). Ku rundi ruhande tubona ko hari abizera, bumva bemerwa n'Imana cyane nyamara imirimo yabo

ikaba ihabanye n'Ubutumwa bwa Kirisito bavugaga, bazacirwaho iteka (Matayo 7.15-23). Bityo rero n'ubwo dukwiye kwishimira ko tuzabana na Kirisito ubuziraherezo, dukwiye kwitondera imbuzi zo mu Byanditswe Byera zigaragaza akaga ko kugwa tukuva mu byizerwa (Abaheb. 6:1-8). Petero na we atubwira ko hariho abantu bamenye inzira ariko nyuma bakaza kuyoba (2 Petero 2:21). Abandi na bo bashobora gukomeza kuvuga ko ari "abakirisito" nyamara bagakomeza kwitwara nk'abatizera. Abo dukwiye kubibutsa imbuzi zo mu Baheburayo 10:26…tukabahugurira kwihana no gushaka Umwami Imana.

Ku bijyanye n'ibihe birushya byo mu minsi y'imperuka, Yesu agira ati: "Iyo minsi iyaba itaragabanijweho ntihajyaga kuzarokoka n'umwe, *ariko ku bw'intore iyo minsi izagabanywaho*" (Matayo 24:22). Mu mugani ujyanye n'iby'ijuru (Matayo 13:24–30:7) Yesu akoresha ikigereranyo cy'amasaka n'urukungu. Aha twigishwa ko tutagomba kugerageza kurandura urukungu rugaragara kuko dushobora kwibeshya tukarurandurana n'amasaka. Tugomba kwibuka ko inshingano yacu ari ukwita ku mukumbi. Ariko na none ntidukwiye kuba abapfapfa ngo twibwire ko abiyita abakirisito bose ari bo koko. Igice cya 11 cy'urwandiko rw'Abaheburayo kiduhugurira bikomeye kwihanganira ibihe by'itotezwa rikomeye. Tugomba guhugurana kandi tukigenzura kugira ngo turebe niba tukiri mu byizerwa, niba tugenda twubaha Umwami Imana (2 Abakorinto 13:5) n'ijambo rye. Bityo tugakomezanya dufite ibyiringiro muri Kirisito Yesu. Twibuke kandi ko uku kwihangana kugeza ku mperuka na ko ari impano y'Imana.

## *Umwitozo*

Soma igitabo cy'Ibyahishuwe maze uvuge uko ukibonye. Reba inzandiko zandikiwe amatorero arindwi maze uvuge itorero rifite ishusho isa n'uko tumeze ubu.

Soma igitabo cy'Ibyahishuwe. Saba Umwuka Wera kuvugana nawe uyu munsi, maze wandike icyo akubwiye, ukiganireho n'umushumba wawe bwite.

# XI

# IMIRONGO IGOYE GUSOBANURA N'UBURYO YAKORESHWA

Kera nkiri muto hari umuco uvuga ko abagabo bagira umusatsi mugufi, abagore bo bakagira muremure. Televiziyo yadutse yatumye isi yose yinjira iwacu. Ubwo nari ingimbi ni bwo nabonye abagabo bafite umusatsi muremure. Uburebure bw'imisatsi y'abagabo bwateje ikibazo. Ndibuka umunsi umwe ubwo twari mu mikino, itsinda ry'abagabo bari bafite umusatsi mugufi bibasiye umugabo w'imisatsi miremire, bagera n'aho bumva bifite ishingiro kuko bahamyaga ko babikora nk'abakozi b'Uwiteka.

Umurongo wo mu 1 Abakorinto 11:14 ni wo wifashishwaga igihe cyose habaga impaka zerekeranye "n'umusatsi": "Kamere yanyu ubwayo ntibahamiriza ko umugabo iyo ahirimbije umusatsi umukoza isoni…?" Ikigaragara muri uyu murongo ni uko umugabo n'umugore bagomba gusobanukirwa neza ko bagomba gutandukana mu buryo bagaragara; kandi uburebure bw'umusatsi ni kimwe mu bintu bifasha mu kubatandukanya. Ikibazo gusa ni uko Bibiliya itavuga icyo umusatsi «muremure» cyangwa umusatsi «mugufi» bivuze. Mu gihe umusatsi w'umugabo ukura ntituzi urugero ugeraho ugahinduka icyaha. Umugore wogoshe umusatsi we, ni ryari twavuga ko yasize mugufi bikamuhindukira icyaha?

Mu mibereho yanjye nagiye mbona abantu bafite imyizerere yihariye maze bakagira "amategeko akaze" ku bintu Bibiliya itagira icyo ivugaho cyangwa se ikakivugaho bike

cyane. Urugero, hari abakristo bavuga ko gutwara "moto" ari "icyaha", abandi bakavuga ngo kwambara karuvati ni icyaha, bakavuga ko ari icyaha ku mugabo ufite umugore kutagira ubwanwa. Abandi bakavuga ko ari icyaha ku mugore kudatwikira umutwe we; abandi bakavuga ko ari icyaha gucana amashanyarazi; abandi bakavuga ko ari icyaha gukoresha ibyuma bya muzika; abandi bakavuga ko ari icyaha kwambara imirimbo ku mubiri nk'amaherena n'ibindi. Abantu bakunze kwifashisha ijambo ryo mu Baroma 12:2 iyo bavuga ibijyanye n'ibyo: «*Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe*». Ndibuka umunsi umwe ubwo nabajije abayobozi banjye nti: "Ni iki Bibiliya yigisha kuri iki kintu?" Sinibuka neza niba narahawe igisubizo kinyuze kuri icyo kibazo. Akenshi bakunda kuvuga ngo: "Iri ni ryo jambo abakuru bavuze, umvira ureke kwigomeka!"

## TUBONA KU BURYO BUTANDUKANYE UKO IBYANDITSWE BYERA BIKWIYE GUKORESHWA

Ikibazo dushobora kugira mu bijyanye no gukoresha Ibyanditswe Byera ni ukubikura mu gihe byandikiwemo n'uburyo byakoreshwaga, tukabizana mu gihe turimo. Ikibazo kivuka iyo igihe turimo gitandukanye mu buryo bugaragara n'igihe byandikiwemo. Dukwiriye kumenya impamvu idutera gukora ibintu bimwe na bimwe. Hari ibintu byinshi Ibyanditswe Byera bitavugaho cyangwa ngo bibisobanure neza. Dukwiriye kugira ubutwari bwo kumva nta kibazo cyo gukora ibyo dukora, n'ubwo Bibiliya nta cyo ibivugaho mu buryo butaziguye.

Buri wese muri twe afite umuco we, afite n'uko abayeho kwihariye kandi dusobanura Ibyanditswe dukurikije imico yacu. Ikibazo kivuka mu gihe twifashishije Ibyanditswe Byera nk'igihamya cy'ibyo twizera ko ari ukuri, aho gusoma Ibyanditswe Byera ngo tugasaba Umwuka Wera kutubwira ukuri. Ibintu byose bikwiriye kugenzurwa hifashishijwe Ibyanditswe Byera nk'uko

abantu b'i Beroya babigenzaga kandi barabishimiwe (Ibyak 17:11).

Iyo dusomye igice cyo muri Bibiliya twibwira ko uburyo tubayeho ari bwo bwahozeho na mbere cyangwa ko ari ko ibintu bigomba kumera. Urugero: ubwo abamisiyoneri bazaga muri Afurika bigishije abantu ko mu gihe baramya Imana, baba bicaye ku ntebe zirambuye bareba imbere, nyamara mu mico myinshi y'Abanyafurika uburyo busanzwe bwo kuramya Imana ari uguhurira hamwe munsi y'igiti kinini bakicara bakoze uruziga. Ikibazo ni uko abamisiyoneri babonaga ubukirisito nk'ikintu kijyanye n'amateka y'igihugu cyabo cyangwa uburyo basengaga.

Benshi bari barigishijwe ko ingoma ari igikoresho cya Satani. Ingoma ubwayo nta ho ihuriye na Satani; cyangwa kuvuga ko gitari, sentetizeri n'ibindi bicurangisho byari ibikoresho binezeza Imana. Nta kintu na kimwe cyo mu Byanditswe kitwemeza ibi. Ahubwo Ibyanditswe bigaragaza ibicurangisho binyuranye harimo n'ingoma, bikanatubwira ko tugomba kubikoresha byose turamya Imana. Ibi bigaragaza ibibazo bishobora kubaho mu gihe umuco wakwigishwa nk'aho ari wo Byanditswe Byera, cyangwa mu gihe Ibyanditswe Byera byakwifashishwa mu gushimangira inyigisho runaka, n'ubwo yaba atari iy'ukuri.

Nzi abavandimwe bacurangaga buri gihe mu gihe cy'ubusore bwabo mu iterero ryabo rikomeza imihango. Abantu bakanezwezwa n'umuziki cyane bikabatera gukubita ibirenge byabo hasi; ibi byaje gufatwa n'abakuru b'itorero ko ari "icyaha". Maze abo bavandimwe basabwa kutongera gucuranga muri ubwo buryo kugira ngo abantu badakubita ibirenge hasi, bityo bigatuma bakora "icyaha".

## AMAHAME YO GUKORESHA NEZA IBYANDITSWE BYERA

**Igihe cyose dufite ibintu byihariye ndetse n'imibereho yihariye yo mu gihe cyacu bisa n'ibyo mu gihe Ibyan-**

**ditswe byandikiwemo, ijambo ry'Imana rizakomeza kutubwira nk'icyo ryabwiraga abo mu gihe cya kera.**

Muri rwandiko rwa mbere rw'Abakorinto 3:16-17 Pawulo agira ati: «*Ntimuzi yuko muri urusengero rw'Imana, kandi ko Umwuka w'Imana aba muri mwe? Umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba kuko urusengero rw'Imana ari urwera, kandi urwo rusengero ni mwe*». Twifashishije uru rugero, dushobora kwibaza ibi bibazo: "Ese dufite insengero? Ese turacyafite abayobozi mu matorero yacu? Ese itorero rikwiriye gukomeza kuba urusengero rw'Imana Ihoraho rugaturwamo n'Umwuka Wera? Ese birashoboka gusenya itorero urizanyemo ibice? Igisubizo kuri ibi bibazo byose ni "Yego". Ibi bishatse kuvuga ko ibyariho mu gihe cy'Abakorinto ari nk'ibyo dufite ubu; bityo n'ijambo bahawe n'Imana icyo gihe ni iryacu natwe mu gihe cya none.

Tugomba kwibaza tuti: "Mbese ibiranga igihe kivugwa mu Byanditswe Byera bihwanye n'ibyo dufite kuri ubu?" Tubona ko bikunze kugaragara kenshi ko ari ko biri, cyane cyane ku Byanditswe Byera bivuga ku ndangagaciro. Muri 1 Petero 4:9 haravuga ngo: "*Mucumbikirane mutitotomba*". *Ahandi Pawulo akagira ati:* "*Mukundane rwose*" *(Abaroma 12:10). Abaroma* 12:9-21haranditse ngo: "*Urukundo rwanyu rwe kugira uburyarya. Mwange ibibi urunuka muhorane n'ibyiza. Ku byo gukunda bene Data mukundane rwose, ku by'icyubahiro umuntu wese ashyire imbere mugenzi we, ku by'umwete ntimube ibyangwe, muhirimbane mu mitima mukorere Umwami wacu. Mwishime mufite ibyiringiro mwihanganira amakuba, mukomeze gusenga mushikamye, mugabanye abera uko bakennye, mushishikarire gucumbikira abashyitsi. Ababarenganya mubasabire umugisha, mubasabire ntimubavume. Mwishimane n'abishima, murirane n'abarira. Muhuze imitima, ntimukararikire ibikomeye ahubwo mwemere kubana n'ibyoroheje. Ntimukiyite abanyabwenge. Ntimukiture umuntu inabi yabagiriye. Mwirinde kugira ngo ibyo mukora bibonekere abantu bose ko ari*

*byiza. Niba bishoboka, mu rwanyu ruhande mubane amahoro n'abantu bose. Bakundwa, ntimwihōranire ahubwo mureke Imana ihōreshe uburakari bwayo, kuko byanditswe ngo "Guhōra ni ukwanjye, ni jye uzītura, ni ko Uwiteka avuga. Ahubwo umwanzi wawe nasonza umugaburire, nagira inyota umuhe icyo anywa, kuko nugira utyo uzaba umurunzeho amakara yaka ku mutwe. Ikibi cye kukunesha, ahubwo unesheshe ikibi icyiza.* "

Dushobora twese kwemeza ko iri jambo ryaje ku bwacu nk'uko ryaje kubw'aba kera. Izi ni indangagaciro rusange muri iki gihe nk'uko zari ziri no mu gihe cyabo. Amenshi mu mategeko y'indangagaciro aboneka mu nzandiko zo mu Isezerano Rishya tubona muri uwo mwanya ko ibyo avuga bihuye n'uko *tugomba* kumera. Icyo Imana ishaka ni uko Umwuka Wera arema ubugingo bwa Kristo muri buri wese muri twe. Bityo aya mategeko ndangagaciro akaba ay'ukuri nk'uko yari ukuri mu gihe yandikwaga.

*Mu Befeso* 4:2-3, haravuga ngo "*Mwicisha bugufi rwose, mufite ubugwaneza bwose no kwihangana, mwihanganirana mu rukundo, mugire umwete wo gukomeresha ubumwe bw'Umwuka umurunga w'amahoro*". Iri jambo na ryo rirareba buri wese muri twe na buri muco wose. Isesengura ribaye iry'ukuri, ubusobanuro bukaba bunoze; ikibazo gishobora kuvuka mu gihe cyo gushyira mu bikorwa. Mbese twiteguye kumvira?

## IBICE BYO KWITONDERWA - AHO IBYANDITSWE KERA BIDASOBANUTSE NEZA

Muri ibi bice bikurikira tubonamo ibijyanye n'Igaburo Ryera: 1 Kor 11:23-25; Mat 26:26-28; Mar 14:22-24; Luka 22:17-20. Aha hose nta na hamwe havugwa imyaka y'amavuko umuntu akwiriye kuba afite kugira ngo yegere Ifunguro Ryera. Muri make iyi ngingo ntisobanutse.

Imirongo ikurikira ivuga ku bijyanye n'umubatizo: Ibyak 2:38; 8:16; Rom 6:3; 1 Kor 1:13, 15 ugakomeza;

Gal 3:27; Mat 28:19. Nta na hamwe havugwa imyaka y'amavuko umuntu akwiriye kuba afite ngo abe yabatizwa. Benshi bemera ko umuntu akwiriye kuba yumva neza ibyo yizera mbere y'uko abatizwa. Abandi bakavuga ko Bibiliya yemera umubatizo w'abana. Icyakora Bibiliya ntibisobanura neza.

Amatsinda atandukanye y'abizera ashyiraho amabwiriza n'imigenzo kandi ibi ni byiza. Dukwiriye gutandukanya icyo ijambo ry'Imana rivuga n'icyo dutekereza ko ari cyiza. Twemera ko amagambo ya Pawulo yari afite uburemere n'ububasha bumwe n'ibyo Yesu yakoze. Nyamara iyo Pawulo agize icyo avuga ubwe kitavuzwe n'Umwami Yesu arabisobanura (1 Kor 7:25; 1 Kor 7:40; 2 Kor 8:10), kugira ngo natwe tutagira ibyo twitirira Umwami Yesu kandi atari ko biri. Ibi ntibitesha agaciro ibyo Pawulo yavuze, ahubwo byerekana ko yageragezaga kubyumvikanisha neza. Niba Pawulo yarasanze ari ngombwa ko agaragaza igitekerezo cye n'icyo ijambo rya Kristo rivuga, natwe dukwiriye kuba ari ko tubigenza.

## IBICE BYO KWITONDERWA – GUKORESHA IBYANDITSWE MU BURYO BURENGERA

Rimwe na rimwe tujya dufata umurongo umwe tukawukuramo ihame, iryo hame tukarikoresha ku kintu cyose n'ahantu hose no mu buryo bwose dushatse. Mbese biremewe gufata amagambo ya 1Abakorinto 3:16,17 avuga ku itorero tukayakoresha ku buzima bw'umuntu ku giti cye? Mu by'ukuri igisubizo ni "Oya". Byatuma tugira ubusobanuro burenze, bw'intekerezo z'umuntu, tugatakaza uburyo bwiza iri jambo ryagombaga gukoreshwa ku birebana n'itorero. Ariko se Bibiliya ntivuga ko umubiri ari urusengero rw'Umwuka Wera? Yego, irabivuga ariko si mu murongo wavuzwe haruguru; ahubwo ni ahandi (1 Abakor 6:19)!

Wigeregeza gukoresha uyu murongo (1 Abakor 3:16) kuvuga ikindi kintu, n'ubwo cyaba ari ukuri mu buryo bwa Bibiliya, ariko atari cyo bishatse kuvuga hano. Ahubwo jya aho uko kuri kuvugwa muri Bibiliya maze ukoreshe icyo gice mu guhamya uko kuri. Uko dukomeza gushaka gukoresha umurongo runaka mu buryo bwagutse kubera ko wenda igisobanuro turihaye hari ahandi kigaragara mu Byanditswe, tuba dukoresha nabi Ijambo ry'Imana.

Dushobora gutekereza ko 2 Abakor 6:14 (*Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye)* ari ijambo ribuza abakirisito kurongora abatari abakirisito, cyangwa se tukavuga ko ribuza gucuruzanya n'abatizera. Icyo twavuga aha ni uko atari ko biri! Birashoboka ko ikivugwa hano ari ukudafatanya n'abapagani cyangwa kudasenga ibigirwamana. Ibivugwa muri rusange muri iki gice ni aho biganisha. Aya mahame ashyigikiwe rwose n'ijambo ry'Imana kuko atari byiza ko umukirisito arongora umugore utari umukirisito cyangwa se akaba yasangira ibikorwa n'umuntu utari umukristo. Aba bantu bazagirana ibibazo kuko indangagaciro zabo atari zimwe. Icyakora iki gice si byo kivuga.

## IBICE BYO KWITONDERWA:<br>IBINTU BITO BIDAKWIYE KUGERERANYWA

Aha ni ha handi *haboneka utuntu duto dutandukaniraho n'aba kera* (1 Abakor. 8:10). *Imana* nta kibazo ifite ku bwoko bw'ibyo kurya turya. Nyamara mu muco w'Abagiriki n'Abaroma muri icyo gihe ibirori byinshi byarangwaga n'ibikorwa byo kuramya ibigirwamana, cyane cyane mu bijyanye n'ibyo kurya. Icyavugwaga hano ni ikibazo cyo kujya mu mihango igamije gusabana n'abadayimoni.

Muri iki gihe dushobora kuba tutabona ahari ingoro y'ibigirwamana, ngo tujyeyo turye ibiryo nk'uko Pawulo abibuzanya hano. Icyo Pawulo yigisha aha ni uko *tudak-*

*wiye kwifatanya n'abadayimoni hanyuma ngo twongere dusabane n'Umwami icyarimwe*. Tugomba kuba maso rwose tukirinda ikintu cyose cyo mu muco wacu wa none kimeze nko "kwifatanya n'abadayimoni". Kiramutse gihari, iki gice twacyifashisha nk'itegeko ritubuza kuvanga ibyo gushengerera ibigirwamana, inyigisho z'ubuyobe cyangwa iby'ubupfumu n'imigenzo ya gikiristo. Abakristo bakwiye kwirinda ikintu cyose cyabatera kwifatanya n'abadayimoni.

## IBICE BYO KWITONDERWA–IBIJYANYE N'IMITANDUKANIRE NDETSE N'IMIHINDUKIRE Y'UMUCO

*Uburyo bwari bukwiye bwo gukoresha Ibyanditswe Byera mu buzima bwa buri munsi ku bakera bushobora kuba atari bwo bukwiriye kuri twe aba none.* Ikibazo gihari ni uko Ijambo ry'Imana ryatanzwe mu gihe runaka, natwe tukaba turisoma mu gihe cyacu ubu.

Rimwe na rimwe gukurikiza Ibyanditswe Byera inyuguti ku yindi gusa bishobora kudutera kutumvira icyo Ijambo rigendereye kutwigisha. Urugero, nko ku bijyanye no gutwikira umutwe (1 Kor 11:6-7), mu mico imwe n'imwe abagore ntibitwikira umutwe. Icyatumaga abagore babwirizwa gutwikira umutwe cyari ikimenyetso cyo guca bugufi ndetse no gutandukana n'uburyo abatambyikazi b'ibigirwamana by'abapagani baterekaga bakanakoresha umusatsi wabo mu nsengero zabyo. Muri iki gihe gutwikira umutwe (gutega igitambaro) usanga bikoranwa ubuhanga bwinshi, na ho mu yindi mico kubona umugore utwikiriye umutwe byatuma abantu bamwibazaho ndetse bikaba byatuma bamurangarira.

Hano rero turabona ko kugendera ku Byanditse inyuguti ku yindi bishobora kudutera kudakurikiza ibyo Ijambo rigendereye kutwigisha. Ikibazo tugomba kwibaza

ni iki: «Twakora iki mu gihe Ibyanditswe Byera bivuga ikintu bigaragaza ko ari ikibazo nyamara mu muco wacu none atari ko biri?»

Umuco si icyaha kandi ntunaturuka ku Mana; *ni* umuco gusa ubwawo. Niba dukomeje gushaka ko umuco wacu muri iki gihe umera nk'uko wari uri mu gihe Bibiliya yandikwaga mu by'ukuri twaba dufite ikindi kibazo. Mbese ni uwuhe muco wo muri Bibiliya turimo tuvuga? Mbese ni umuco w'Abayuda tuvuga? Mbese ni umuco ushingiye ku buhinzi turimo kuvuga? Mbese ni umuco w'Abagiriki turimo tuvuga? Ibyo Pawulo avuga arabibwira abantu bo mu muco wa Kigiriki, Yesu we yabwiraga abo mu muco wa Kiyuda.

Dukeneye kumva Ijambo ry'Imana ariko ntidukwiye gufata umuco nk'aho ari wo Jambo ry'Imana.

## IBICE BIGOYE GUSOBANUKIRWA

Mu rwandiko rwa 2 ibice 3:14-18 Petero araburira abakirisito ko badakwiye kuzitirwa n'ibice bigoye gusobanura cyangwa n'ibibazo runaka, akabashishikariza gukomeza kwitonda no kugira umwete mu byo bakora. Akomeza abamenyesha ko hari ibintu bigoye gusobanukirwamu nzandiko za Pawulo: "icyakora zirimo bimwe biruhije gusobanukirwa, ibyo abaswa bahindagurika bagoreka, nk'uko bagira ibyanditswe bindi bakizanira kurimbuka". Si byiza kugerageza guhisha ibice bigoye biriho. Ni ngombwa kuba abanyakuri tukabyakira dutyo.

Bibiliya ni ihishurirwa ryuzuye ry'ubwenge, ubushake, imiterere y'Imana, n'ukubaho kw' Imana ikomeye kandi ihoraho, ifite ubwenge bwuzuye ikaba ari n'Imana Yera. Imana ubwayo ni yo yatanze iri hishurirwa. Iri hishurirwa ryahawe abantu bafite iherezo kandi bafite ubwenge n'ubumenyi bidatunganye; bafite inenge muri kamere yabo no mu buryo bagenzura iby'umwuka. Bityo rero,

umuntu ufite iherezo ashatse kugenzera Imana idafite iherezo, byanze bikunze hagomba kuboneka ibibazo.

Hagomba kubaho rero ibintu bigoye kumva ku batangizi; kandi abanyabwenge n'intyoza bo muri twe burya ni abatangizi mu by'Imana.

Ikintu cya kabiri gikwiriye kuvugwa ku bijyanye n'ibi bibazo biboneka, ni uko niba hariho kutumvikana ku bijyanye n'*inyigisho shingiro, cyangwa se hakabaho kutemerwa kw'iyo ngingo y'imyizerere, ntibivuze iyo nyigisho atari ukuri.*

Umuhanga wa Bibiliya udashyitse ahakana ibyo kwizera ko Bibiliya yahumetswe byuzuye n'Imana kandi ikaba yigisha ukuri kuzuye bitewe n'uko habonetse ibintu adashobora guhuza n'iyo myizerere ye. Muri Tewolijiya hari abantu benshi bafite uko gutekereza kudashyitse.

Nk'urugero dusoma muri Yohana 3:16 ; 10:28 ko Imana idukunda kandi ko idashako hagira n'umwe urimbuka. Ariko mu Baroma 9:22 Pawul agira ati: "*None se bitwaye iki niba Imana , n'ubwo yashatse kwerekana umujinya wayo no kugaragaza imbaraga zayo, yihanganiranye imbabazi nyinshi inzabya z'umujinya zari zikwiriye kurimbuka…?*" Ni gute Imana y'urukundo, idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, itegura ikintu cyo kurimbura mu buryo runaka? Bamwe iyo badashoboye kwiyumvisha ibi bahakana ko Imana ari Imana y'urukundo.

Na none kandi *kuba utabashije gukemura ikibazo uhuye na cyo mu Byanditswe ntibivuze ko ubusanzwe kitakemuka, kandi niba utabasha gusubiza abakugisha impaka, ntibivuga ko ibyo kubasubiza bitaboneka.* Umuntu wese akwiye kugira urugero rukwiye rwo kwicisha bugufi kuko ubumenyi bwe bugira aho bugarukira, agashobora kwibira ati: "N'ubwo mbona nta gisubizo gishoboka mfitiye iki kibazo, undi untambutseho gato mu bwenge wenda we hari igisubizo yakibonera bimworoheye."

Kandi bigaragara ko ibibazo biboneka muri Bibiliya bibera ingutu cyane abayisoma bayinyura hejuru kuruta abayisoma bayiga bayicukumbura. Ikindi gikomeye

cyane ni ukuntu ibibazo biboneka mu gusoma Bibiliya *bibonerwa vuba ibisubizo iyo umuntu afashe igihe cyo kuyigana ubushishozi no gusenga*.

Tugomba kuzirikana *ururimi Bibiliya yanditswemo*. Isezerano rya Kera ryanditswe mu Giheburayo naho Isezerano Rishya ryandikwa mu Kigiriki. Bibiliya ni igitabo cy'ibihe byose kandi cyandikiwe ubwoko bwose bw'abantu. Ni yo mpamvu yanditswe mu rurimi abantu bose bashoboraga kumva, ururimi rw'abantu basanzwe.

Tugomba kwemera ko dufite ubumenyi budahagije ku bijanye n'amateka, ubumenyi bw'isi n'imigenzereze y'abantu bo mu gihe Bibiliya yandikiwemo. Ibi ntibivuze ko tudashobora kumva icyo Imana itubwira, kuko Umwuka wera wahumekeye abanditsi ba Bibiliya ari muri buri wese wo muri twe, dufatanije dushobora kugira ubushizi bw'amanga mu Ijambo ry'Imana.

## TWAKEMURA DUTE IKIBAZO CY'IMIRONGO IGOYE YO MURI BIBILIYA?

1. *Tuvuga ukuri:* Mu gihe cyose ugize ikibazo kijyanye no gusobanukirwa Bibiliya, wemere ko kiriho. Mu gihe tutabonye ubusobanuro bwiza, bw'ukuri, si ngombwa gushakisha ibindi.

2. *Duca bugufi:* menya ko ubumenyi n'ibitekerezo byacu bifite aho bigarukira kandi ntugire ubwo utekereza na rimwe ko nta gisubizo cyaboneka kubera nta cyo twashoboye kubona.

3. *Dufite kwiyemeza:* dukwiye gushyira mu bwenge bwacu ko tuzabona ibisubizo ari uko dushyize imbaraga mu kwiga no gutekereza cyane. Ibibazo duhura na byo muri Bibiliya ni umukoro Data aduha kugira ngo dukoreshe ubwonko bwacu.

4. *Tudatinya:* twe gukuka umutima igihe duhuye n'ikibazo.

5. *Twihanganye:* twe gucika intege kuko tudashoboye gukemura ibibazo byose umunsi umwe.

6. *Dushingiye ku Byanditswe:* mu gihe duhuye n'ikibazo mu gice kimwe cya Bibiliya, tujye tureba ikindi gice cyadufasha gusobanukirwa ibyo tutumvise. Nta kindi kintu cyasobanura Ibyanditswe Byera nk'Ibyanditswe Byera ubwabyo.

7. *Dusenga:* Mu by'ukuri ni igitangaza kubona uburyo ibibazo bikemuka mu gihe umuntu afashe igihe cyo gupfukama akabisengera. Imana idufungura amaso atari ukugira ngo isubize gusa icyifuzo cyacu cyo gusobanukirwa ibitangaza byo mu mategeko yayo, ahubwo ifungura amaso yacu kugira ngo tubashe no kureba hakurya y'ikibazo aho tutabashaga kureba mbere tutarasenga. Imwe mu mpamvu zikomeye zateye abahanga ba Bibiliya mu gihe cya none kuba nk'abarwanya Bibiliya ni uko bibagiwe ibanga ryo gusenga.

## *Gushyira Ijambo Ry'imana Mu Bikorwa*

Mu gihe usoma Ibyanditswe Byera, ujye wandika ku ruhande imirongo yakugoye gusobanukirwa. Ufate igihe cyo kuyiga neza, usabe Umwami Yesu akuyobore, kandi uyiganireho na bagenzi bawe.

Hitamo umwe mu mirongo ya Bibiliya yavuzwe muri iki gice, uwigeho, uwuganireho na bagenzi bawe. Mu gihe ushakisha mu Byanditswe Byera, saba Umwami Yesu akungure ubwenge.

# XII.

## INDANGAGACIRO, KWIGANA KIRISTO

Twari mu iteraniro ubwo umugore umwe yaduhaga ubuhamya bw'ukuntu Yesu yamukijije ibikomere by'ibikorwa by'indengakamere bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku myanya mpuzabitsina yakorewe akiri muto. Mu nyigisho ze azanamo inkuru yise "Igitwikirizo cy'urukozasoni"[1]. Inkuru ivuga ko igihe cyose yahohoterwaga mu bwana bwe, icyakurikiragaho ni uko abayobozi babihishahishaga. Akomeza avuga uburyo uyu mukobwa usigaye ari umugore yagiye akurwaho buhoro buhoro icyo gitwikirizo cy'urukozasoni bitewe n'uko abayobozi be bayobowe n'Umwuka Wera, mu buryo bwa gikiristo.

Amaze guhamya iby'umurimo utangaje wo gukiza Kirisito yamukoreye mu buzima bwe, bamwe mu bagore bakuze baramusanze baramuganiriza. Aba bagore bamugaragarije umubabaro mwinshi bagize, baramubwira bati: "Ushobora kuvuga inkuru y'ibyakubayeho, ariko twe ntitwabikora kuko bitemewe". Ababajije impamvu batabikora bamusubiza ko babwiwe ko *bagomba kwibagirwa ibiri inyuma, bagasingira ibiri imbere* (Fili 3:13). [2]

Imyitwarire ya gikirisito ijyanye n'ukuri k'uburyo Kirisito yeza ibitekerezo byacu, akinjira mu mitima yacu

1 Reba Umugereka "*Ibitwikirizo by'Urukozasoni*".

2 Uru ni urugero rw'uburyo wakoresha Ibyanditswe mu buryo burengera utarebye urwego byavuzwemo, budafite aho buhuriye n'igisobanuro byari bifite byandikwa; ukabikoresha utsikamira ukuri kandi ukifatira abo wigisha.

kugira ngo ahindure ibyo tuvuga byose n'ibyo dukora. Yerekeye Ubwami bw'Imana bwaje mu isi, n'ubushake bwayo bugasohozwa mu isi (Matayo 6:10). Ibikorwa byacu bigaragaza ibyo twizera by'ukuri. Ubwami butegeka imitima yacu bugaragazwa n'ibikorwa byacu.

Buri gihugu kigira mu mateka yacyo ibintu byabaye bigaragaza akarengane gakomeye byazanywe n'abakirisito cyangwa se byakozwe abakirisito barebera. Inshuro nyinshi abakirisito bagerageza gushaka abandi bantu batari abakirisito akaba ari bo bagerekaho amahano yakozwe. Ibi bitwibutsa ibyabaye mu Rwanda mu kwezi kwa kane 1994.

Iyo mu Rwanda, abakristo[3] bicwa n'abatari abakristo, yego byari kuba ari amahano ariko ahari byari kumvikana . Nyamara abakirisito bishe abandi bakirisito kandi akenshi babaga barasengeraga hamwe. Ubukirisito bwasaga nk'aho ari inyongera ku buzima busanzwe ariko idashobora guhindura imibereho y'abantu cyangwa imigambi yabo. Imigambi n'intego byagezwaga ku bakiristo n'abatari abakiristo bitanzwe n'abanyamakuru ndetse n'abanyapolitiki.[4]

Iyo turebye u Rwanda nk'indorerwamo y'itorero, tubona uburyo inyigisho za Bibiliya zihindura gato cyane uburyo abakiristo babayeho mu bihugu by'Uburengerazuba bw'isi[5]. Tugomba kubaho ubuzima bwa hano mu isi twiyeguriye umuhamagaro wacu.

---

3 Ndatekereza ko hari ikosa rinini rikorwa mu gihe wita umuntu "umukristo" cyangwa ukaba watekereza ko umuntu wese wiyita "umukristo" ari we. Kristo yadutegetse guhindurira abantu "kuba abigishwa". Ndatekereza ko nta muntu n'umwe wabaye umwigishwa nyakuri wa Yesu Kristo wagira uruhare cyangwa se kwemera ibikorwa bibi nk'ibyo. Guhindura abantu kuba abakristo ni igikorwa gikomeye.

4 Uko bimeze mu Rwanda si ko bimeze mu bihugu by'uburengerazuba. Ibyo bihugu bigenzurwa n'abatware bakomeye, na filime ndetse na muzika. Impinduka muri rubanda ziza mu buryo bw'amakuru, imikino inyura ku ma radiyo, ibyo byose ni byo bigize umuco wacu.

5 Igitekerezo cyanjye bwite: Akenshi biroroha kunegura imico y'abandi cyangwa ibikorwa byabo. Tugomba gushyira mu bikorwa ibyo Pawulo yavuze ati: "*Ngaho nimwisuzume ubwanyu, mumenye yuko mukiri mu byo twizera kandi mwigerageze. Mbese ntimwimenya kandi ntimuzi yuko Yesu Kristo ari muri mwe?* (2 Kor 13:5).

## UMUTIMA W'INDANGAGACIRO (IMYITWARIRE) ZA GIKIRISITO

Imyitwarire ya gikirisito ntiyakumvikana gusa nk'igisubizo cy'umutima ushima ibyo Imana yakoreye umuntu cyangwa umuryango w'abantu. Imyitwarire myiza ya gikirisito ni ugukora ibikorwa bigaragaza ibyo Imana yakoze mu muryango w'abantu n'abawugize umuntu ku giti cye. Indangagaciro za gikirisito zijyanye n'imyitwarire y'umuntu, imyitwarire umuntu ukijijwe kandi wuzuye ubuntu bw'Imana ahitamo kandi ubwo buntu bukamubashisha gukora iby'Imana ishaka no kwigana imyitwarire y'abatubereye urugero nka Kirisito n'intumwa.

Mu Isezerano Rishya dufite amabwiriza ajyanye n'itegeko rya Kirisito nk'uko Pawulo aryita (1Kor 9:21; Gal 6:2). Iri tegeko rivuga ibintu bitatu:

1. Kwigana imibereho ya Kiristo;

2. Kubaha gushingiye ku kwizera ari byo kubaha inyigisho za Kiristo (harimo n'uburyo ashimangira zimwe mu nyigisho zo mu Isezerano rya Kera) mu gihe zigomba gukurikizwa n'abakirisito;

*3. Kubaha* inyigisho nshya z'intumwa zishingiye ku rufatiro rw'inyigisho za Kirisito. *Mu by'ukuri, twavuga ko indangagaciro zo mu Isezerano Rishya ari ukwigana Kirisito.*

Indangagaciro za gikirisito mu by'ukuri si uburyo witwara gusa cyangwa uburyo ushima; ahubwo ni ukugenda mu nzira ikwiriye ukaba warumvise Yesu Kristo aguhamagara "kugendera muri iyo nzira". Uko turushaho gusobanukirwa ishusho nyayo ya Yesu n'imiterere ye muri twe, ni ko turushaho gushobozwa kwigana imiterere

n'imyitwarire ye. Umurimo wa Yesu mu isi wabaye itangiriro ry'Ubwami bw'Imana ku isi ari bwo butware bw'Imana bucungura abantu hano ku isi, aho ubushake bw'Imana busohozwa ibihe byose.

Mu gihe Umwuka Wera wamanukaga ku munsi wa Pantekote, abigishwa bahawe imbaraga, atari imbaraga gusa zo gukora umurimo, ahubwo n'izo kumvira Imana, kugira ngo bagendere mu nzira itunganye yo kunezeza Imana, kuko bari buzuye Umwuka Wera w'Imana. Maze babasha kugira indangagaciro z'Ubwami bw'Imana, atari ukumva ko Yesu ari we wenyine wari ubishoboye. Bari abagenzi bahawe ububasha bwo gusenga, gushima, kwamamaza no kugenda uko Yesu yagendaga baharanira kuba mu Bwami bw'Imana.

Niba Bibiliya ari ijambo rizima ry'Imana nk'uko mbyizera, ni ukuvuga ko mu gihe dusoma Ibyanditswe tuba tubasha gushyikira ibitekerezo by'Imana. Imana iracyakomeza gusobanura ijambo ryayo ikoresheje Umwuka Wera uyobora abizera mu kuri (Yoh 16:13). Iyo duteze amatwi Ibyanditswe hanyuma tukumva n'ijwi ryoroheje ry'Umwuka Wera bituma tubasha kumva icyo Ibyanditswe Byera bivuga. Icyo tubasha kumva ni iki: "Icyo navuze ni cyo nkivuga na n'ubu kandi icyo nashakaga kumvikanisha ni na cyo nkivuga na n'ubu".

Hariho impamvu y'ibi bintu, ni uko Imana, muri Kiristo yavuze ukuri mbere na mbere, kandi uko kuri ntiguhinduka. Icyo bisaba ni uko twiga uko kuri kandi tukagukoresha mu buzima bwacu. Icyangombwa si uguhora ubaza ibibazo, unagenzura, ahubwo ni ukumvira ukanumvira. Bityo niba dushoboye kubigenza dutyo, tuzagira ibyiringiro ko ku iherezo tuzabwirwa ijambo ryo kwemerwa ngo: "*Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka…injira mu munezero wa shobuja* (Mat 25:21).

Indangagaciro za gikiristo zishingiye ku bushake bw'Imana. Igikorwa gishingiye ku ndangagaciro za gikirisito ni ni ikintu tugomba gukora tubitegetswe

n'Imana. Nta kintu na kimwe Imana ikora kinyuranye n'imiterere yayo idahinduka. Yesu yatanze iri tegeko ryo guhindura abantu kuba abigishwa agira ati: " "*Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nimugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi* (Mat 28:18-20). Aha Yesu ntiyabwiraga gusa abakiristo bakora umurimo runaka, ahubwo yabwiraga buri mukirisito wese.

Intumwa Pawulo yatanze inama zijyanye n'uburyo bwo kubaho agira ati: "*Kandi icyo muzavuga cyose n'ibyo muzakora, mujye mubikora byose mu izina ry'Umwami Yesu, mushima Imana Data wa twese ku bw'uwo* (Abakolosayi 3:17). Bityo, buri gikorwa cyose n'imibanire yose byashyizweho n'Imana ngo biyiheshe icyubahiro.

Pawulo akomeza atanga inyigisho ku mibanire yo mu ngo kimwe n'imibanire y'abakoresha n'abakozi. Icyo Imana igambiriye ni uko ijambo ryayo n'Umwuka Wera bigaragara mu ngeri zose z'ubuzima bw'abantu ndetse no mu bikorwa. Iri jambo rivuga ngo « *Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe»* (Yoh 1:14) ritwereka uburyo Imana ibana natwe. Kugira ngo twemere ko ibi bishoboka, Imana yohereje Umwuka Wera wayo ngo abe muri twe anaduhe imbaraga (Ibyak 1:8) zo kuyihamya mu ngo zacu no kugeza ku mpera y'isi.

Umwuka Wera ukorera Kiristo nk'uko Kiristo na we akorera Data ku isi (Yoh 16:13-15). Yesu ni umuvugizi[6] wa Data nk'uko Umwuka na we avugira Umwana.

6 Ni umuntu uvuga yinginga ku bw'inyungu z'undi muntu nk'uko Avoka aburanira uwarezwe mu rukiko

## KIRISTO, ICYITEGEREREZO CYACU

Ubwo Yesu yaduhamagaraga kuba abigishwa be no kwikorera umusaraba no kumukurikira (Luka 9:23), yashakaga kuvuga ko tugomba gukurikiza urugero rwe kandi tukabaho nk'uko yabayeho. Ntiwakwikorera umusaraba utaciriwe urubanza. Ibyabaye ku Mwigisha byagombaga kuba no ku bigishwa be. Imyitwarire ya Yesu ijyanye n'uburyo yitanze ubwe akaba n'umugaragu. Si ukugira icyo wigomwa gusa, ahubwo ni ukwiyanga ubwawe ukiyegurira Kiristo. Igipimo cy'ukuri cyo kumvira ni ubushake bwo kwemera umutwaro wo kuzana abantu kuri Yesu.

Amafaranga, ubutunzi n'uburyo tubyitwaraho bifite uburyo bihishura ibiri mu mitima yacu. Imyitwarire ya Yesu ku birebana n'ubutunzi n'uburyo tubwigwizaho twabivuga mu ncamake muri iyi mirongo mike:

1. Amafaranga si intego ndakuka y'ubuzima; bigaragara ko ari umutego ku mutima w'umuntu n'ubugingo bwe.

2. Amafaranga ashobora kwitwa "ubutunzi bubi burimo gukiranirwa" (Luka 16:11) cyangwa se "indamu mbi" (1Pet 5:2). Yesu yahirimbaniraga ko amafaranga atabata abibwira ko bashoboye kuyategeka. Abantu baremwe ku buryo batacyeza abami babiri.

3. Abizera Yesu bagomba kubaho bizeye Imana (Fili 4:19) kuko ari yo izita ku byo bakeneye buri munsi.

4. Umuntu ntabujijwe kuzuza inshingano ye mu by'idini cyangwa se ibijyanye n'uburere mboneragihugu nko gutanga umusoro (Rom 13:7), yaba gushaka amafaranga cyangwa ibindi bikoresho (Fili 4:19). Ariko icy'ibanze umuntu ahamagarirwa ni ukubaha Imana.

5. Ihame remezo ku bakiristo rijyanye no gutanga ni ukwitanga, ugatanga wishimye (2Kor 9:7). Si ugutanga icyacumi nk'uko biri ku bakurikizaga amategeko yo mu gihe cya Mose atari mu Isezerano Rishya.

Ku bijyanye n'igihe wakorewe ikosa cyangwa warengerewe, Yesu yasabye abigishwa be kugira imyitwarire itandukanye n'iy'ab'isi. Yababwiye ko bagomba gutekereza icyo bakwiriye gukora (Ef 4:32), aho kureba gusa icyo amategeko abemerera. Igisubizo cyacu ku kibazo runaka kibaye gishingira ku gutekereza no gufata icyemezo ku bigomba kugenga imyitwarire yacu mbere ya byose. Ntidupfa gutanga igisubizo tubonye cyose kabone n'iyo cyaba gikwiye ukurikije ikibazo duhuye na cyo ushingiye ku mitekerereze isanzwe y'abantu. Urugero, ndamutse ngambiriye mu mutima wanjye kutazagira uwo nsebya, iyo mpuye n'ibingerageza bishaka kungusha muri uwo mutego, sinirirwa nibaza icyo nkwiye gukora; kwa kwiyemeza mfite mu mutima kuzayobora ibikorwa byanjye.

Abigishwa bakwiriye kugaragaza imyifatire myiza ku bantu bose ndetse n'abo barushije ubushobozi (Yak 2:1-13) kandi bagahana ubuntu abasabiriza. Kwitanga gusimbura kwishakira inyungu kuko ari ryo hame ry'Ubwami, dore ko Yesu yazanye ubundi buryo bushyashya bwo kubaho. Icyo Yesu avuga ni imyitwarire si amarangamutima cyangwa imibereho umuntu yanyuzemo.

Kwikorera umusaraba uremereye bisaba kureka ibindi bintu byose ukawikorera. Ni ukureka intwaro zacu zose, inyota yo kwihorera, inzika no kutababarira, kwanga abaturanyi ndetse n'abanzi. Yesu yari azi neza ko ibi bidashoboka mu buryo bw'abantu; ni yo mpamvu yaje guhindura abantu mu buryo bw'umwuka kuko yizeraga ko Ubwami bushya nk'uko Yesaya yabivuze (Yes 9:7) bwarimo buza ndetse bwamaze gusesekara mu isi.

## IMYITWARIRE YA GIKRISTO NI NDAKUKA

Ubwo kamere y' Imana idahinduka (Mal 3:6; Yak 1:17), bivuze ko amabwiriza idusaba kubahiriza aturuka kuri kamere yayo ari ndakuka. Ayo mabwiriza ni amategeko ahantu hose kandi areba abantu bose. Si ibintu twajyaho impaka cyangwa ngo tube twabyemera kuko tubikunze. Icyo twakora ni ukubyubaha cyangwa kutabyubaha. Birazwi neza ko kwica ari bibi ibihe byose n'ahantu hose ndetse no ku bantu bose. Ibi ni ukuri kuko abantu bose baremwe *mu ishusho y'Imana* (Itang 1:27; 9:6) bivuga rero ko bafite agasanira k'Imana mu by'imyitwarire myiza (Abakolosayi 3:10; Yak 3:9), kandi ikintu cyose kiganisha ku miterere idahinduka y'Imana kiba ari ndakuka.

## IMYITWARIRE YA GIKIRISITO ISHINGIYE KU IHISHURIRWA RIVA KU MANA

Imyitwarire ya gikiristo iba ishingiye ku mategeko y'Imana no ku ihishurirwa rishobora kuba rusange (Rom 1:19-20; 2:12-15) cyangwa ryihariye (Rom 2:18; 3:2). Imana yihishuye ubwayo mu byo yaremye (Zab 19:1-6) no mu Byanditswe (Zab 19:7-14). Ihishurirwa rusange rijyanye n'amategeko agenga abantu bose; ihishurirwa ritumenyesha ubushake bw'Imana ku bizera. Uko biri kose, inshingano ijyanye no kugira imyitwarire myiza iva ku Mana.

## IMYITWARIRE YA GIKRISITO IGARAGAZA IBIGOMBA GUKURIKIZWA

Kuba Imana irangwa n'imikorere itunganye, bisobanura ko itegeka n'imyitwarire igomba gukurikizwa. Mu myumvire ya gikiristo, imyitwarire igaragaza gusa amategeko agomba gukurikizwa ntiyaba yuzuye. Nsho-

bora kugira impamyabumenyi muri Tewolojiya, naba umushumba w'itorero kandi nkubahwa cyane mu bantu, ariko amsengesho yanjye akagira inkomyi. Aha Petero hari icyo atwungura: *"Namwe bagabo ni uko; mubane n'abagore banyu, mwerekane ubwenge mu byo mubagirira kuko bameze nk'inzabya zidahwanije namwe gukomera, kandi mububahe nk'abaraganwa namwe ubuntu bw'ubugingo, kugira ngo amasengesho yanyu ye kugira inkomyi."* (1 Petero 3:7) Nshobora no kubwira umugore wanjye uburyo agomba kunyubaha, n'abana nkababwira uko bagomba kunyumvira nyamara njye nkirengagiza inyigisho Imana itanga mu Befeso 5:22-33 zihabwa abagabo zibasaba gukunda abagore babo nk'uko Kirisito yakunze itorero rye akaryitangira, cyangwa se impuguro yo kudasharirira abana (6:4). Ubwiza bw'imyitwarire yacu ya gikirisito bugomba kubonwa n'abadukikije; bitabaye ibyo nta cyo yaba imaze. Aha rero ntihakora imvugo igira iti: "Kora ibyo mvuga nturebe ibyo nkora".

## IMYITWARIRE YA GIKIRISITO ISHINGIYE KU BIKORWA

Imyitwarire ya gikirisito ishingiye ku bikorwa kandi yemera ko n'ibikorwa udashoboye kurangiza biba ari byiza. Umusaruro w'igikorwa wakoze si wo werekana ko igikorwa cyari cyiza. Ahubwo ubugiraneza ni bwo bugutera gukora, n'ubwo umusaruro wazaba mwiza cyangwa mubi. None se twamenya dute uko igikorwa cya gikirisito gishingiye kuri Bibiliya kigomba kumera?

Bamwe baribeshye batekereza ko kuba Yesu yaravuze ko umuntu ashobora kugira irari cyangwa ubwicanyi mu mutima we (Mat 5:28), bivuze ko gutekereza ikibi bihwanye no kugikora. Muri izo nyigisho zo ku musozi, Yesu yanze icyo gitekerezo, avuga ko habaho nibura inzego eshatu z'icyaha zijyanye n'inzego eshatu z'urubanza (Mat 5:22).

Mu by'ukuri inzego z'ibihano muri Gehinomu (Mat 5:22; Rom 2:6; Ibyah 20:12) n'ibihembo binyuranye abantu bazahabwa mu ijuru (1Kor 3:11-15) bigaragaza ko ibyaha biza mu nzego zinyuranye. Kuba ibyaha bimwe bikorwa n'abakirisito bihanishwa gucibwa mu itorero (1 Kor 5), ibindi bigahanishwa urupfu (1Kor 11:30) byemeza ihame rusange rya Bibiliya ry'uko ibyaha byose bidafite uburemere bumwe. Hariho icyaha kimwe gikomeye cyane ku buryo kitababarirwa (Mar 3:29).

Ubanza icyo amategeko asaba kijyanye n'imyitwarire kigaragarira mu gisubizo cya Yesu ubwo umunyamategeko yamubazaga kijyanye n'itegeko riruta ayandi (Mat 22:34-44). Yesu yemeje neza ko itegeko rya mbere kandi riruta irya kabiri ari ugukunda Imana hanyuma ugakunda mugenzi wawe. Iri jambo ryongeye kwemezwa n'Umwami wacu ubwo yavugaga ati: "*Ukunda se cyangwa nyina kubandutisha ntaba akwiriye kuba uwanjye* (Mat 10:37). Hariho imirongo myishi mu Byanditswe yunganira iryo tegeko (Imig 6:16-18; Mat 5:22; 1Tim 1:15; Yak 2:13; 1Yoh 5:16)? Hariho amategeko makuru n'amato agenga imyitwarire. Icyakora icyaha cyose ni igicumuro ku Mana n'ubwere bwayo; bityo rero kuri iyi ngingo ibyaha byose birangana nk'uko Yakobo abivuga (2:9-13). Imwe mu ngaruka z'icyaha ni uko cyonona imibanire y'abantu. Gusana ibyangijwe n'icyaha bigenda bitandukana bitewe n'imiterere y'icyaha. Kwiyunga k'umugore n'umuntu wamwiciye umwana bizasaba urwego ruhanitse rw'ubuntu n'imbabazi bitandukanye n'ibikenewe mu gihe umuntu yiyunga n'uwo yabeshyeye.

## NTAWE UZASHYIRWA MU RUBANZA AZIRA IKINTU KITARI KUBURA KUBA

Icya mbere Imana ntiyashyira umuntu mu rubanza kubera amakimbirane ashingiye ku myitwarire itandukanye y'abantu, icyangombwa ni uko umuntu yitwararika

itegeko ry'urukundo akunda Imana. Icya kabiri, abantu ntibashyirwa mu rubanza bazira ko batabashije kubahiriza itegeko batari kubahiriza batabanje kwica itegeko rikuru (gukunda Imana). Icya gatatu ni uko Bibiliya irimo ingero nyinshi z'abantu Imana yashimye kuko basohoje inshingano zabo mu gihe cy'amakimbirane.

Daniyeli (Daniyeli 6) ari kumwe n'abasore batatu b'Abaheburayo (Dan 3) bashimwe n'Imana kuko banze kubaha ibyo basabwe n'ubutegetsi bw'abantu. Imana yahaye umugisha ababyaza b'Abaheburayo kuko banze gushyira mu bikorwa itegeko ry'umwami (Kuva 1). Dawidi n'abantu be binjiye mu nzu y'Imana basaba umutambyi imitsima yari igenewe abatanbyi gusa (Abalewi 24:5-9) maze barayirya (1Sam 22:3-5), ariko Yesu Kirisito yavuze ko nta cyaha abo bakoze (Mat 12:3-4). Buri gihe, ntabwo Imana yababaragaho urubanza ku mategeko ajyanye n'imyitwarire batubahirije ahubwo yarabashimaga.

## GUKUNDA IMANA KURUTA GUKUNDA ABANTU

Yesu avuga ku mugaragaro ko gukunda Imana ari ryo tegeko rya mbere kandi rikomeye. Yongera kandi kwigisha (Mat 22:36-38) ko umuntu akwiriye gukunda Imana kuruta uko akunda ababyeyi be ndetse avuga ko gukunda ababyeyi ari nk'urwango rwe (Luka 14:26).

## KUBAHA IMANA KURUTA KUBAHA UBUTEGETSI

Twongere twibuke ko igiye dusoma Ibyanditswe tugomba kwita ku rwego rwagutse birimo. Urugero, mu gihe urwandiko rw'Abaroma rwandikwaga, ubwami bw'Abaroma bwashimirwaga ko buharanira imibereho myiza y'abaturage. Ubu bwami bwakoreshaga ububasha bwabwo mu gukumira ibibi no kubungabunga umutekano

w'abaturage barimo n'abakirisito. Nyamara ahagana mu mpera z'ikinyejana cya mbere nyuma ya Yesu ubwo Ibyahishuwe byandikwaga, ubwami bw'Abaroma bwari bwaratangiye gutoteza itorero rya gikirisito. Bityo umwanditsi w'Ibyahishuwe ntatinya kwita ubu bwami inyamaswa, na ho umurwa wabwo ari wo Roma ukaba Babuloni yagombaga kurimburwa ihanwe n'Imana (Ibyahishuwe 18).[7]

Imana yashyizeho ubutegetsi bw'abantu kandi isaba ko abantu bubaha abatware n'ubwo baba badakiranuka (Rom 1-2; Tito 3:1). Petero we aravuga ngo dukwiriye kugandukira *ubutware bwose bw'abantu ku bw'Umwami wacu* (1Pet 2:13). Igitekerezo cy'uko ijambo "kuganduka" ritandukanye n'ijambo "kubaha" bityo abakristo bakaba basabwa kumvira aho kubaha ubutware; ni ikinyoma ku mpamvu nyinshi.

Icya mbere, ibyo bihabanye n'icyo iyi mirongo ivuga, dore ko ihamagarira abakirisito kubaha amategeko agenga igihugu. Icya kabiri, ijambo "kumvira" nk'uko rikoreshwa mu Isezerano Rishya risobanura "Kubaha". Urugero, ni nk'ibyo abagaragu basabwa gukorera ba shebuja (Kolo 3:22). Icya mbere aya magambo yombi "kumvira"no "kubaha" akoreshwa mu buryo yuzuzanya muri Tito 3:1; bityo rero, abakirisito bakaba basabwa kubaha abatware.

Imana irasaba rwose abakristo kubaha ubuyobozi bwa Leta. Ariko igihe Imana ivuga ko ubuyobozi bw'abantu budakwiriye kubahwa ni iyo itegeko rikuru (kubaha Imana) riba rigomba guhabwa agaciro karyo. Hari ingero nyinshi muri Bibiliya zigaragaza iri jambo. Iya mbere, kubaha Imana biruta kubaha itegeko iryo ari ryo ryose ry'abantu (Dan 3). Icya kabiri, nta tegeko rya Leta rikwiriye kubahirizwa mu gihe ribangamiye amasengesho yo kwiherera (Dan 6). Ikindi, niba umutegetsi bubuza abizera kuvuga ubutumwa bwiza (Ibyak 4-5), cyangwa itegeko rikaba risaba abantu gusenga ibigirwamana

7 Viateur Habarurema yanyunguye iki gitekerezo mu butumwa yanyohereje ku ya 22 Nyakanga 2013.

(Dan 3) cyangwa rikaba ari iryo kwica inzirakarengane (Kuva 1). Mu bihe nk'ibi itegeko ry'ubuyobozi ntirikwiye kubahirizwa. Buri gihe, itegeko ryo kuramya Imana, kuvuga ubutumwa bwiza, no gukora indi mirimo yose ijyanye no gukorera Imana rikwiriye guhabwa agaciro kuruta kubaha ubutware bw'abantu.

## IMBABAZI ZIRUTA URUBANZA

Mu nkuru y'Abaheburayokazi babyazaga muri Egiputa, biragaragara ko kubeshya ushaka kurengera ubugingo byemewe. Kuko Ibyanditswe bivuga ngo: "Imana igirira neza abo babyaza…kandi ibaha urubyaro (Kuva 1:20-21). Nta hantu na hamwe mu Byanditswe Imana ivuga ko yabagiriye neza kubera gusa imbabazi bagaragaje n'ubwo babeshye. Ahubwo icyo kinyoma cyabaye kimwe mu bigize izo mbabazi. Kuko rimwe na rimwe, imbabazi ziruta urubanza (Yak 2:13).

Dushoje ingingo z'ingenzi ku myitwarire ya gikirisito. Iyi myitwarire ishingiye ku mahame ajyanye no kudahinduka kw'Imana. Aya mahame ni ingenzi kuko akomoka ku Mana, kandi agomba gukora hose no mu bintu byose. Ni amahame y'ukuri kandi afite akamaro mu buzima bwa buri munsi. Amategeko y'Imana agenga imyitwarire y'abantu arihariye kandi agaragaza uko abantu bakwiye kwitwara mbere y'uko haboneka ikibazo runaka mu buzima. Bityo rero ntahindagurika bitewe n'ahantu cyangwa igihe abantu barimo. Ikindi kandi aya mategeko nta rengayobora agira, yubahirizwa ku bantu bose, ahantu hose no mu bihe byose.

Iyi mitekerereze rero ntiyirengagiza amakimbirane ajyanye n'imyitwarire y'abantu cyangwa ngo igaye umuntu imuziza intambara zitabura kubaho. Iyi mitekerereze iha agaciro umusaraba. Igisobanuro cy'umusaraba nticyakumvikana mu gihe hatariho itegeko

rikuru n'itegeko rito mu bijyanye n'imyitwarire. Imbabazi zifite agaciro kuruta ubutabera. Umuntu umwe (Kirisito) ashobora kubabazwa kugira ngo benshi bakizwe (Rom 5:6-18). Icyakora, niba imbabazi n'urukundo bidafite agaciro karuta ak'ubutabera (Yak 2:13), icyo Imana yakoreye Kiristo ubwo yashimishwaga no gutanga Umwana wayo (Yes 53:5) cyaba cyari akarengane; ariko Imana ntirenganya.

## *Gukoresha Amahame Ajyanye N'imyitwarire*

1. Mar 2:27-28: Yesu arababwira ati: "Isabato yabayeho ku bw'abantu, abantu si bo babayeho ku bw'isabato, ni cyo gituma Umwana w'umuntu ari Umwami w'isabato na yo".

   Kugira isabato bisobanura iki?
   Mbese tugira umunsi w'ikiruhuko?

2. 1 Pet 2:13: "Mugandukire ubutware bwose bw'abantu kubw'Umwami wacu, naho yaba umwami kuko ari we usumba bose...".

   Kubaha abatuyobora bisobanura iki? Twabigenza dute mu gihe dusabwe kugirira nabi abantu? Twabigenza dute mu gihe tutemera ibyo badusaba gukora?

3. Aabefeso 4:1-3: "Ni uko ndabinginga, jyewe imbohe y'Umwami Yesu ngo mugende uko bikwiriye ibyo mwahamagariwe, mwicisha bugufi rwose, mufite ubugwaneza bwose no kwihangana, mwihanganirana mu rukundo, mugire umwete wo gukomeresha ubumwe bw'Umwuka umurunga w'amahoro".

Mbese iyi mirongo yaba ivuga imibanire yanjye n'abaturanyi?
Ganira iyi mirongo n'uwo mwashakanye ndetse n'incuti.

**UMUSOZO**

Yesu ntahindura amabuye ibihumbi bitanu kuba imigati ishyitse kugira ngo buri muntu aboneho umwe ajyana iwe mu rugo. Oya, ahubwo atubura uduce tw'imigati. Twinjira mu murimo w'Imana kugira ngo tureme ubucuti butuma turema ishyanga rishya mu isi.

Imana ibahe umugisha!
Dave Kehler
Calvary Chapel
Steinbach Manitoba Canada

# UMUGEREKA WA I

Iyi ni inkuru izwi cyane igaragaza akamaro ko kwitegereza nyako kwiga ubyitayeho, witonze kandi udahuzagurika. Ifite amasomo yifashishwa hafi mu ngeri zose z'inyigisho. Mu by'ukuri, ikoreshwa cyane muri za kaminuza n'amashuri makuru muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika haba mu bijyanye n' ubumenyi nyabantu cyangwa ubuhanga (amasiyanse).

Amasomo yayo ntagushidikanya yakoreshwa mu gihe umuntu yiga Bibiliya. Akenshi, abanyeshuri biga ibya Bibiliya bakunda kwibanda ku byo bumvanye abandi nk'abapasitori babo, abigisha, ababyeyi, ibitabo bisobanura Bibiliya cyangwa se ibindi bitabo. N'ubwo ibi na byo bifite umwanya wabyo mu kwigisha umuntu, nta kindi kintu cyiza kibaho gishobora gusimbura inyigisho z'umwimerere n'ubumenyi umuntu avana mu mibanire ye bwite n'Ibyanditswe, ndetse n'umunezero uzanwa no kuvumbura ikintu gishya mu gihe wiga.

## UMUNYESHURI, IFI, NA AGASSIZ
**Byanditswe n'umunyeshuri**
**[Samuel H. Scudder]**

Hari hashize imyaka cumi n'itanu ubwo ninjiye muri Laboratwari ya mwalimu Agassiz mubwira ko niyandikishije mu ishuri ry'ubumenyi nk'umunyeshuri wifuza kwiga ibijyanye n'amateka y'ibintu karemano. Yambajije ibibazo bike ashaka kumenya impamvu yanteye kuza, ashaka no kumenya ibyaranze ubuzima bwanjye busanzwe n'uburyo nteganya kuzakoresha ubumenyi nifuza kugira, arongera ambaza niba ntashobora kwiga irindi shami iryo ari ryo ryose. Namubwiye ko nifuza kwiga ubumenyi bwose bujyanye n'ubuzima bw'inyamaswa ariko cyane cyane mubwira ko numva nifuza kwiga ibijyanye n'inigwahabiri.

Arambaza ati: "Ni ryari wumva watangira ayo masomo?"

Ndamusubiza nti: "Nonaha"

Byaramunejeje cyane aravuga ati: "Urakoze", nuko amanura icupa rinini ririmo urugero rwa "alikolo" y'umuhondo bigiraho muri laboratwari .

Aravuga ati: "Fata iyi fi", "yitegereze; yitwa *Haemulon*; ndajya nkubaza icyo wabonye."

Ni uko aransiga aragenda, ariko mu mwanya aragaruka ampa amabwiriza asobanutse ajyanye n'uburyo ngomba kwita ku byo nabikijwe.

Aravuga ati: "Nta muntu ukwiriye kuba umushakashatsi mu bumenyi bw'ibintu karemano atazi kwita ku rugero rwifashishwa muri za labotatwari"".

Nagombaga kubika ifi mu gisorori kandi rimwe na rimwe ngatosa ubutaka nkoresheje iyo alikolo iri mu gisorori ndetse nkitwararika buri gihe kongera gufunga umupfundikizo nywukomeje. Inyigisho zerekeranye n'inigwahabiri ni zo zumvikana kuruta izijyanye n'amafi. Ariko urugero rwa mwalimu wigeze gushora ukuboko mu ndiba y'icupa agira ngo asingire ya fi byatutumaga abandi bashaka kubikora. Kandi n'ubwo iyi alukolo ifite impumuro nk'iy'ifi imaze igihe, sinagerageje kwerekana ko nishishe kuba aho hantu hateye ukwaho. Nafashe iyo alikolo nk'amazi meza. Nari mbangamiwe bitanyoroheye no kwitegereza ifi cyane cyane ko numvaga atari ikintu cy'ingirakamaro ku muntu wiga ibijyanye n'inigwahabiri. Incuti zanjye zo mu rugo na zo zababajwe na byo ubwo bari bamaze kubona ko nta *mazi ya Kolonye* [1] na make ahari yashoboraga kumaraho umunuko wari wanzibiranije.

Mu minota cumi, nari maze kubona ibintu byose bishobora kugaragara muri ya fi; bityo ntangira gushaka mwalimu, nyamara we yari yigendeye atakiri mu nzu ndangamurage. Maze kugaruka nyuma yo kumara umwanya munini ngendagenda mu cyumba cyo hejuru

1 Umubavu batekerezaga ko wamumaraho uwo munuko.

cyarimo inyamaswa zinuka, nasanze rwa rugero rwo kwigiraho rwumye. Narumennyeho amazi nk'ushaka ko rwongera kuba ruzima, maze ntegerezanya impungenge kureba ko rwakongera kumera uko rwahoze. Ibyari binshishikaje birangiye, nta kindi cyari gisigaye, uretse kwicara nkitegereza ya fi itanamvugisha. Igice cy'isaha cyarashize, isaha irashira, indi irashira ntangira kumva nanze ya fi. Narayihindaguye, nyitegereza mu maso mfite isesemi; nyitegereza mpereye inyuma, hasi, hejuru,impande zose, nyitegereza nyihengetse gake—nabwo intera isesemi. Nari nihebye hakiri kare, numva ko nkwiriye kujya gufungura ibya ku manywa; numvise nguwe neza maze kongera gusubiza ya fi mu icupa nitonze.

Ngarutse, namenye ko mwalimu Agassiz yari yaje mu nzu ndangamurage ariko ko yagiye kandi ari bumare igihe kinini atagarutse. Bagenzi banjye bari bafite akazi kenshi mu buryo ntari gukomeza kubaganiriza. Nagiye buhoro buhoro ndongera nkura ya fi y'umwaku mu icupa maze n'ubwihebe bwinshi ndongera ndayireba. Sinagombaga gukoresha indorerwamo itubura ibintu kandi ntibyari byemewe ko nakoresha ikindi cyuma cyose. Amaboko yanjye yombi, amaso yanjye yombi n'ifi; byagaragaraga ko ari byo byonyine nemerewe. Ni uko ninjiza intoke zanjye mu muhogo wa ya fi nshaka kumenya uburyo amenyo yayo atyaye . Ntangira kubara amagaragamba y'ifi uko imirongo yayo iri kugeza aho naje kubona ko nta kamaro bifite. Nyuma y'aho nagize igitekerezo cyiza cyane: nashushanyije ya fi, ntangira gutungurwa no kubona indi miterere mishya y'icyo kiremwa. Ako kanya mwalimu aragaruka.

Aravuga ati: "Ibyo ni byiza", ikaramu y'igiti ni imwe mu maso meza areba neza. Nejejwe no kumenya ko urugero wifashishije wiga rugitose n'icupa rikaba rikomeje kuba ryiza".

Amaze kumbwira ayo magambo ansubizamo intege arongera arambaza ati:

"Ni byiza, mbese wabonye bimeze bite?"

Yateze amatwi neza uburyo nasubiragamo ibice by'ifi n'ubwo amazina yabyo ntari nyazi neza. Nk'ubuhumekero bw'ifi, utwenge ruhu two ku mutwe, iminwa minini, amaso adafite ingohe, umurongo w'amahwa uba ku ngingo zifasha ifi kugenda mu mazi, umurizo usa n'ufite amahembe abiri; umubiri wayo uhombanye kandi uteye nk'umuheto. Ndagije, ategereza nk'aho ndi bukomeze, asa n'utanyuzwe. Aravuga ati: "Ntiwitegereje neza; kubera iki ?" Akomeza kumbaza akomeje ati: " Ntiwabonye kimwe mu bice by'iyi nyamaswa kigaragara neza mu maso yawe nka ya fi ubwayo? Ongera urebe; ongera urebe!" Maze aragenda ansiga muri ako kababaro .

Numvaga uburakari bwenda kunyica. Ubu nsubire kuri wa mubore w' ifi koko? Ariko noneho, nsubira kuri uwo murimo mbishyizemo ubushake, ngenda mvumbura ikintu kimwe kimwe kugeza aho mbona akamaro ko kunengwa na mwalimu. Amasaha y'ikigoroba arihuta. Bwenda kwira mwalimu araza arambaza ati: " Wari wakibona?"

Ndamusubiza nti: "Oya, ndabizi ko ntakibonye ariko mbonye ko nari narebye gake cyane mbere". Avuga akomeje cyane ati: "Ibyo na byo ni byiza ". Gusa ubu ntabwo ndibukumve; bika iyo fi yawe maze utahe; ahari ejo mu gitondo uzaba ufite icyo wiyunguye. Nzaguha ikizamini mbere y'uko ureba ifi.

Ibi byambujije amahoro; uretse kuba naragombaga gutekereza kuri ya fi yanjye ijoro ryose, nyiga, ntanayifite imbere yanjye, kugira ngo menye cya gice ntashoboraga kubona kandi kigaragara cyane, nagombaga no gutanga urutonde rw' ibyo navumbuye byose, umunsi ukurikiyeho, kandi nta buryo mfite bwo kuba nabisubiramo mbere y'uko mbibazwa. Ariko nibagirwaga vuba . Ni uko njya mu rugo nyuze hafi y'umugezi witwa "Charles River" ndangaye kandi ndi mu gihirahiro.

Mu gitondo, indamutso ya mwalimu yuje urugwiro yampaye icyizere; uyu ni umugabo usa nk'aho yari afite

impungenge nk'izanjye ashaka ko nibonera icyo na we yabonaga.

Ndamubaza nti: "Ese waba ushaka kuvuga ko ifi ifite impande ebyiri ebyiri zibangikanye kandi zisa.

Yaranezerewe cyane aravuga ati: "Ni byo, ni byo!" Numva ko rya joro ritapfuye ubusa. Amaze kuvuga anezerewe nk'uko asanzwe abigenza ku kamaro k'icyo kintu nari mvumbuye, mubaza njijinganya icyo nkwiriye gukurikizaho gukora.

Arambwira ati: "Oh!reba ya fi!" Ni uko aransiga aragenda, ariko hashize isaha irengaho gato arongera aragaruka antega amatwi muha urutonde rushya rw'ibyo navumbuye.

Asubiramo ati: "Ni byiza, ni byiza! Ariko ntibihagije; komeza". Yamaze minsi itatu yose, anshyira ya fi mu maso, ambuza kureba ikindi kintu icyo ari cyo cyose cyangwa kugira ikindi kintu nkoresha mu kwitegereza. Aravuga ati: "Itegereze, itegereze, itegereze" ni ko yakundaga gusubiramo.

Iri ni ryo somo ry'inigwahabiri nize kuruta ayandi mu buzima. Ni isomo rifite icyo rikora ku busobanuro bw'ayandi masomo; umurage mwalimu yansigiye, nk'uko yawusigiye n'abandi benshi ni uw'agaciro ntagereranywa, tudashobora kugura kandi tudashobora no gutakaza.

Hashize umwaka, bamwe muri twe twarimo twikinira dushushanya ku kibaho; bashushanya inyamaswa zitagira epfo na ruguru ku kibaho. Dushushanya amafi asimbagurika; ibikeri birwana byo kwicana; imihini, amafi atambuka yemye ahagaze ku mirizo yayo afashe imitaka; ibifi bisa nabi byasamye kandi biturumbuye amaso. Ni uko mwalimu aba arinjiye, na we biramushimisha nk'uko natwe byadushimishije.

Areba ayo mafi.

Aravuga ati: «Bwana .Ni we washushanyije amafi yose mubona hano".

Ibyo ni ukuri; kandi kugeza uyu munsi, igihe cyose ngerageje gushushanya ifi nta yindi nshobora gushushanya uretse *Haemulons.* Umunsi wa kane bashyize ifi ya kabiri yo muri ubwo bwoko iruhande rw'iya mbere maze nsabwa kugaragaza aho zihuriye n'aho zitandukaniye. Ni uko bikomeza gutyo kugeza aho umuryango wose w'ayo mafi yashyizwe imbere yanjye, kugeza n'aho amafi menshi yuzuye amacupa akwira ku meza no ku dutanda dukikije icyo cyumba. Impumuro y'amafi ihinduka nk'umubavu. N'uyu munsi iyo mbonye umunyorogoto muremure bintera kwibuka ibyo bintu!

Twasubiyemo amasomo y'itsinda ryose ry'amafi ya *Haemulons*, haba gutandukanya ibice byo mu nda yazo, gutegura no gusuzuma imiterere y'amagufa no kugaragaza ibice bitandukanye. Iyo Agassiz yigishaga ibijyanye no kwitegereza uko ibintu bimeze, buri gihe yingingiraga abantu kutanyurwa n'ibyo bamaze kubona. Yaravuze ati : "Ibyo mubona ni ubupfu keretse ubigereranije n'ibindi ukurikije amategeko rusange agenga ibintu karemano''.

Nyuma y'amezi umunani, natandukanye na bagenzi banjye ntabishaka njya kwiga iby'inigwahabiri. Ariko ibyo nari nigiye hanze byangiriye akamaro kanini cyane kuruta ubushakashatsi nakoreye mu bintu bishya nari niyemeje kwiga.

# UMUGEREKA WA II

## IBITWIKIRIZO BY'URUKOZASONI

Inyandiko igaragaza ingaruka z'ihohoterwa, isoni no gukira!

Sara afite imyaka 38 y'amavuko. Amaze imyaka 18 ashatse, kandi afite abana babiri. Yakuriye mu muryango wa gikirisito kandi na we ubwe ni umukirisito wavutse ubwa kabiri.

[Sara–aryamye yigunze]

Ubwo Sara yari afite imyaka itandatu yari kwa nyina wabo mu biruhuko. Sara aryamye, umugabo wa nyina wabo yinjiye mu cyumba yari aryamyemo, aramubyutsa , amuha ikintu cyo kunywa cyatumye atangira guhondobera kandi ari maso. Yamujyanye mu ruganiriro ; ni uko bahageze, umugabo wa nyina wabo na nyina wabo batangiye gukinisha imyanya ndangagitsina ya Sara , bamukorera ibintu byamubabaje. Umugabo wa nyina wabo aravuga ati: "Papa na Mama barabikoze kandi nta cyo byari bitwaye kuko yamukundaga". Sara arataka abaza ati: "Uru ni rwo rukundo?" Umugabo wa nyina wabo aramubwira ati: "Abakobwa b'umutima ntibasakuza." Kandi nyine Sara yari umukobwa w'umutima, si byo se?" Igihe yamushyiraga ku buriri, umugabo wa nyina wabo yaramubwiye ati: "Nugira uwo ubibwira, ntazabyemera kandi uzahura n'ingorane zikomeye".

[Nk'uko ubara iyi inkuru abivuga,"Bamaze kumushyira ku buriri" haje umugabo n'umugore batangira kumuhambira amaboko banamupfuka umunwa.]

Sara ageze mu rugo yavuze ko atazasubira kwa nyina wabo . Se aramubaza ati: "Kuki?" Sara aramubwira ati: "Sinishimiye kubona umugabo wa mama wacu ansoma". Se aravuga ati: "Nta cyo" kandi Sara ntiyongeye gusubirayo. Nta muntu n'umwe wigeze agira icyo amubaza kandi na we nta muntu yigeze abwira ibyamubayeho.

[#1—Umugabo yatwikirije Sara igitwikirizo]

Mu mezi make yakurikiyeho Sara yarahindutse ntiyongera kwitaba izina "Sara" kuko yavugaga ati: "Sara yarapfuye". Yitabaga izina rya "Joanne" kuko na ryo ryari irindi zina rye. Ababyeyi ba Sara, abarimu n'abigisha b'ishuri ryo ku cyumweru babangamiwe kandi barakazwa cyane n' uburyo Sara asigaye yitwara; kuko yari akiri umwana winjiye mu bwangavu. Koko rero umwana ugeze muri iyo myaka nta kundi yakwitwara, ibyo birisobanura, si byo se?

[#2— Umugore yatwikirije Sara ikindi gitwikirizo]

Sara yari afite noneho imyaka cumi n'umwe. Umunsi umwe yari mu rugo avuye ku ishuri; ni uko abahungu baturuka inyuma y'inzu baramusumira, baramurwanya, baramusomagura, baramukorakora, bamubwira ko bamukunda. Ese ni urukundo koko? Sara yagerageje kwihagararaho uko ashoboye, dore ko yari yarabaye indwanyi. Yatashye afite ibikomere kandi ava amaraso n'imyenda yacitse. Yatekerezaga gusa uburyo ari bubashe kwinjira mu nzu nta muntu umubonye maze akoga kandi ntagire umuntu abwira ibyamubayeho kuko iyo hagira ubimenya, yari kugira ibibazo bikomeye. Bari kumubaza bati: "Ni ibiki wakoze? Kuki wagiyeyo? Wavuze iki?

[#3— Abasore babiri bamutwikirije ikindi gitwikirizo]

Ubu Sara amaze kuba umwangavu. Ababyeyi be bayobewe icyo bakora. Sara arananiranye mu rusengero, asigaye agendera ku mapikipiki, anywa itabi, aratsindwa ku ishuri, ahorana amakimibirane n'abarimu, ntakora neza imirimo yo mu rugo, kandi muri rusange ararangara kandi nyamara ubona afite imbaraga nyinshi. Se na nyina batekereza ko kumushyiraho igitsure gikarishye ari cyo gisubizo cyonyine. Se ni umunyagitsure ukomeye kandi n'umwe mu bakuru b'itorero. Yumvaga rero bagomba kumugorora. Ese urwo ni urukundo?

[#4— Umugabo yamushyizeho igitwikirizo ]

Yiga mu mashuri makuru, Sara yongeye kwiyeguriye Imana. Umudendezo mushya n'ibyishimo byamaze ibyumweru bibiri gusa, maze Sara yongera kugotwa n'ubwigunge. Gusenga cyane, kwitanga cyane, gufata mu mutwe Ibyanditswe byafashaga abandi bose, ariko kuki bitafasha Sara? Bisa n'aho Imana itamuzi.

[#5– Sara yiga mu mashuri makuru, atwaye ibitabo mu maboko hamwe na Bibiliya yongera gushyirwaho ikindi igitwikirizo]

Sara yashatse umugabo. Yibwiye ko noneho agiye kugira amahoro. Nyamara imyaka myinshi yakomeje kubatwa n'ibintu byinshi: gukunda ibiryo, itabi, ibinini, ibinini bigabanya uburibwe, ibinini bitera ibitotsi, ariko umubabaro wo mu mutima ntiwagiye. Nyuma y' imyaka cumi byabonekaga ko ubusabane bwa bugufi n'imibanire ikomeye n'Imana ubusanzwe bifasha umuntu wese, bitarangwaga mu buzima bwa Sara . Umugabo we, incuti ze, itorero rye bari bamufitiye igisubizo cyiza rwose: Senga cyane, ongera wiyegurire Imana,ushobora kuba ari wowe kibazo! Ese urwo ni urukundo?

[#6—Abagore babiri b'inshuti ze bamutwikirije igitwikikirizo]

Nyuma y'imyaka myinshi, acitse intege, nta bufasha, nta byiringiro, Sara yageze aho arigunga cyane. Yewe n'urushako rwari rwamuhindukiye gereza. Nta byiringiro yiyumvamo kuko yumvaga ari we mubi- ari we kibazo . Abantu bose bamubwiraga ibyo na we akumva ko ari byo koko.

[#7— Ikindi gitwikirizo]

Umugabo wa Sara amaze na we kumva ko nta byiringiro afite, yagiye kureba Pasitori we, ni uko atangira gusenga no guhinduka. Hashize imyaka myinshi, atangira gake gake gukurikirana umugore we no kumwakira uko ari kose, nk'umukobwa muto wakomeretse. Ese urwo ni urukundo?

[#1&2— Umugabo yamukuyeho ibitwikirizo bibiri]

Sara afite incuti imutega amatwi kandi aramubaza ati: "Ni iki kiri inyuma y'icyo gitwikirizo ?" Abantu barimo gusengera Sara kandi incuti ze ntizemera kubana mu buryo bwo kurenzaho. Batangiye urugamba rwo kubohora Sara no kumuhamagarira gusohoka muri ubwo buzima. Kuri we byari biteye ubwoba kandi byamusabaga igihe kinini no kwihangana kwinshi. Ese urwo ni urukundo?

[#3&4—Abagore babiri b'incuti ze batangira "kurwana urugamba" batangira gushotora no kunyeganyeza Sara. Sara atangira kunyeganyega munsi y'igitwikirizo abafasha gake gukuraho ikindi gitwikirizo]

Sara aganira n'umuntu uzi ibibazo arimo kunyuramo. Yatangiye kwibuka amateka ye y'umubabaro. Buhoro

buhoro Sara atangira “kumva” na none ibyamubayeho. Afite incuti zimutega amatwi, zikamwiyegereza n’umugabo umwakira uko ari kose. Mbega ahantu heza! Sara akomeje kubohoka.

[#5— Igitwikirizo kivuyeho Sara akomeje kurwana urugamba munsi ya cya gitwikirizo]

Ubu Sara yinjiye mu muryango ari ryo torero . Na none asaba ubufasha. Ubu itsinda ry’ abantu riramwakira, bamutega amatwi, kandi baha agaciro igitekerezo cye. Batangira kugirira Sara icyizere. Bose bafatanya kwegera Imana. Sara yamenye icyo urukundo ari cyo ndetse n’ubusabane buriyongera.

[#6— Umugabo n’umugore bifashishije Bibiliya bakuraho igitwikirizo]

Ubu Sara arashaka gufasha abandi bakomeretse. Ese tuzamwemerera gukora uwo murimo? Tuzatangira gutega amatwi Sara n’abandi bantu bababaye mu itorero ryacu, tukabitaho, tukabakunda nk’uko Imana ibiduhamagarira cyangwa se tuzakomeza kubaboha? Ese twabakuraho iminyururu?

[#7— Kuraho igitwikirizo “Natwe tuzatangira”]

[Abantu babiri baraza bakuraho iminyururu ]

[Itsinda ryo kuramya no guhimbaza ritangiye igikorwa cyaryo na bo barabyina bahimbaza Imana bafatanyije]

# GAHUNDA Y'IBYUMWERU MIRONGO ITANU NA BIBIRI YO GUSOMA BIBILIYA

| | Inzandiko | Amategeko | Amateka | Zaburi | Ibitabo by'ubwenge | Ibitabo by'ubuhanuzi | Ibitabo by'ubutumwa bwiza |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Icyumweru | Ku cyumweru | Kuwa mbere | Kuwa kabiri | Kuwa gatatu | Kuwa kane | Kuwa gatanu | Kuwa gatandatu |
| 1 | Rom 1-2 | Itang 1-3 | Yos 1-5 | Zab 1-2 | Yobu 1-2 | Yes 1-6 | Mat 1-2 |
| 2 | Rom 3-4 | Itang 4-7 | Yos 6-10 | Zab 3-5 | Yobu 3-4 | Yes 7-11 | Mat 3-4 |
| 3 | Rom 5-6 | Itang 8-11 | Yos 11-15 | Zab 6-8 | Yobu 5-6 | Yes 12-17 | Mat 5-7 |
| 4 | Rom 7-8 | Itang 12-15 | Yos 16-20 | Zab 9-11 | Yobu 7-8 | Yes 18-22 | Mat 8-10 |
| 5 | Rom 9-10 | Itang 16-19 | Yos 21-24 | Zab 12-14 | Yobu 9-10 | Yes 23-28 | Mat 11-13 |
| 6 | Rom 11-12 | Itang 20-23 | Abac 1-6 | Zab 15-17 | Yobu 11-12 | Yes 29-33 | Mat 14-16 |
| 7 | Rom 13-14 | Itang 24-27 | Abac 7-11 | Zab 18-20 | Yobu 13-14 | Yes 34-39 | Mat 17-19 |
| 8 | Rom 15-16 | Itang 28-31 | Abac 12-16 | Zab 21-23 | Yobu 15-16 | Yes 40-44 | Mat 20-22 |
| 9 | 1 Kor 1-2 | Itang 32-35 | Abac 17-21 | Zab 24-26 | Yobu 17-18 | Yes 45-50 | Mat 23-25 |
| 10 | 1 Kor 3-4 | Itang 36-39 | Rusi | Zab 27-29 | Yobu 19-20 | Yes 51-55 | Mat 26-28 |
| 11 | 1 Kor 5-6 | Itang 40-43 | 1 Sam 1-5 | Zab 30-32 | Yobu 21-22 | Yes 56-61 | Mar 1-2 |
| 12 | 1 Kor 7-8 | Itang 44-47 | 1 Sam 6-10 | Zab 33-35 | Yobu 23-24 | Yes 62-66 | Mar 3-4 |
| 13 | 1 Kor 9-10 | Itang 48-50 | 1 Sam 11-15 | Zab 36-38 | Yobu 25-26 | Yer 1-6 | Mar 5-6 |
| 14 | 1 Kor 11-12 | Kuva 1-4 | 1 Sam 16-20 | Zab 39-41 | Yobu 27-28 | Yer 7-11 | Mar 7-8 |
| 15 | 1 Kor 13-14 | Kuva 5-8 | 1 Sam 21-25 | Zab 42-44 | Yobu 29-30 | Yer 12-16 | Mar 9-10 |
| 16 | 1 Kor 15-16 | Kuva 9-12 | 1 Sam 26-31 | Zab 45-47 | Yobu 31-32 | Yer 17-21 | Mar 11-12 |
| 17 | 2 Kor 1-3 | Kuva 13-16 | 2 Sam 1-4 | Zab 48-50 | Yobu 33-34 | Yer 22-26 | Mar 13-14 |
| 18 | 2 Kor 4-5 | Kuva 17-20 | 2 Sam 5-9 | Zab 51-53 | Yobu 35-36 | Yer 27-31 | Mar 15-16 |
| 19 | 2 Kor 6-8 | Kuva 21-24 | 2 Sam 10-14 | Zab 54-56 | Yobu 37-38 | Yer 32-36 | Luka 1-2 |
| 20 | 2 Kor 9-10 | Kuva 25-28 | 2 Sam 15-19 | Zab 57-59 | Yobu 39-40 | Yer 37-41 | Luka 3-4 |
| 21 | 2 Kor 11-13 | Kuva 29-32 | 2 Sam 20-24 | Zab 60-62 | Yobu 41-42 | Yer 42-46 | Luka 5-6 |
| 22 | Gal 1-3 | Kuva 33-36 | 1 Abami 1-4 | Zab 63-65 | Imig 1 | Yer 47-52 | Luka 7-8 |
| 23 | Gal 4-6 | Kuva 37-40 | 1 Abami 5-9 | Zab 66-68 | Imig 2-3 | Amaganya | Luka 9-10 |
| 24 | Ef 1-3 | Lewi 1-3 | 1 Abami 10-13 | Zab 69-71 | Imig 4 | Ezek 1-6 | Luka 11-12 |
| 25 | Ef 4-6 | Lewi 4-6 | 1 Abami 14-18 | Zab 72-74 | Imig 5-6 | Ezek 7-12 | Luka 13-14 |
| 26 | Fili 1-2 | Lewi 7-9 | 1 Abami 19-22 | Zab 75-77 | Imig 7 | Ezek 13-18 | Luka 15-16 |
| 27 | Fili 3-4 | Lewi 10-12 | 2 Abami 1-5 | Zab 78-80 | Imig 8-9 | Ezek 19-24 | Luka 17-18 |
| 28 | Kolo 1-2 | Lewi 13-15 | 2 Abami 6-10 | Zab 81-83 | Imig 10 | Ezek 25-30 | Luka 19-20 |
| 29 | Kolo 3-4 | Lewi 16-18 | 2 Abami 11-15 | Zab 84-86 | Imig 11-12 | Ezek 31-36 | Luka 21-22 |
| 30 | 1 Tes 1-3 | Lewi 19-21 | 2 Abami 16-20 | Zab 87-89 | Imig 13 | Ezek 37-42 | Luka 23-24 |
| 31 | 1Tes 4-5 | Lewi 22-24 | 2 Abami 21-25 | Zab 90-92 | Imig 14-15 | Ezek 43-48 | Yoh 1-2 |
| 32 | 2 Tes | Lewi 25-27 | 1 Ngoma 1-4 | Zab 93-95 | Imig 16 | Dan 1-6 | Yoh 3-4 |
| 33 | 1 Tim 1-3 | Kub 1-4 | 1 Ngoma 5-9 | Zab 96-98 | Imig 17-18 | Dan 7-12 | Yoh 5-6 |
| 34 | 1 Tim 4-6 | Kub 5-8 | 1 Ngoma 10-14 | Zab 99-101 | Imig 19 | Hos 1-7 | Yoh 7-9 |
| 35 | 2 Tim 1-2 | Kub 9-12 | 1 Ngoma 15-19 | Zab 102-104 | Imig 20-21 | Hos 8-14 | Yoh 10-12 |
| 36 | 2 Tim 3-4 | Kub 13-16 | 1 Ngoma 20-24 | Zab 105-107 | Imig 22 | Yoweli | Yoh 13-15 |
| 37 | Tito | Kub 17-20 | 1 Ngoma 25-29 | Zab 108-110 | Imig 23-24 | Amosi 1-4 | Yoh 16-18 |
| 38 | Filemoni | Kub 21-24 | 2 Ngoma 1-5 | Zab 111-113 | Imig 25 | Amosi 5-9 | Yoh 19-21 |
| 39 | Heb 1-4 | Kub 25-28 | 2 Ngoma 6-10 | Zab 114-116 | Imig 26-27 | Obadiya | Ibyak 1-2 |
| 40 | Heb 5-7 | Kub 29-32 | 2 Ngoma 11-15 | Zab 117-118 | Imig 28 | Yona | Ibyak 3-4 |
| 41 | Heb 8-10 | Kub 33-36 | 2 Ngoma 16-20 | Zab 119 | Imig 29-30 | Mika | Ibyak 5-6 |
| 42 | Heb 11-13 | Guteg 1-3 | 2 Ngoma 21-24 | Zab 120-121 | Imig 31 | Nahumu | Ibyak 7-8 |
| 43 | Yak 1-3 | Guteg 4-6 | 2 Ngoma 25-28 | Zab 122-124 | Umubw 1-2 | Habakuki | Ibyak 9-10 |
| 44 | Yak 4-5 | Guteg 7-9 | 2 Ngoma 29-32 | Zab 125-127 | Umubw 3-4 | Zefaniya | Ibyak 11-12 |
| 45 | 1 Pet 1-3 | Guteg 10-12 | 2 Ngoma 33-36 | Zab 128-130 | Umubw 5-6 | Hagayi | Ibyak 13-14 |
| 46 | 1 Pet 4-5 | Guteg 13-15 | Ezira 1-5 | Zab 131-133 | Umubw 7-8 | Zek 1-7 | Ibyak 15-16 |
| 47 | 2 Pet | Guteg 16-19 | Ezira 6-10 | Zab 134-136 | Umubw 9-10 | Zek 8-14 | Ibyak 17-18 |
| 48 | 1 Yoh 1-3 | Guteg 20-22 | Neh 1-4 | Zab 137-139 | Umubw 11-12 | Malaki | Ibyak 19-20 |
| 49 | 1 Yoh 4-5 | Guteg 23-25 | Neh 5-9 | Zab 140-142 | Ind 1-2 | Ibyah 1-6 | Ibyak 21-22 |
| 50 | 2 Yoh | Guteg 26-28 | Neh 10-13 | Zab 143-145 | Ind 3-4 | Ibyah 7-11 | Ibyak 23-24 |
| 51 | 3 Yoh | Guteg 29-31 | Esit 1-5 | Zab 146-148 | Ind 5-6 | Ibyah 12-17 | Ibyak 25-26 |
| 52 | Yuda | Guteg 32-34 | Esit 6-10 | Zab 149-150 | Ind 7-8 | Ibyah 18-22 | Ibyak 27-28 |

# INYANDIKO ZIFASHISHIJWE


## *INYIGISHO RUSANGE*

Ibyanditwe byakuwe muri NEW AMERICAN STANDARD BIBLE © Copy write The Lockman Foundation 1960, 1962, 1963, 1968, 1971, 1972, 1973, 1975, 1977, 1995. Bikoreshwa bisabiwe uruhushya

## *INTANGIRIRO*

Pawson, David. *Unlocking The Bible.* Harper Collins Publishers, London, 1999-2001; 2003; 2007. pg. 571

IGICE CYA MBERE 1: UKO BASOMA BIBILIYA

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

http://bible.org/seriespage/biblical-gynecology-part-2

## *IGICE CYA 2: ISEZERANO RYA KERA: INKURU IVUGA IBY'IMANA*

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

## *IGICE CYA 3: AMETEGEKO, AMABWIRIZA AKUBIYE MU IZERANO RY'ABISIRAHELI*

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

## *IGICE CYA 4:ABAHANUZI*

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

Taken primarily from NEW BIBLE DICTIONARY 2ND EDITON. Inter-Varsity Press, Leicester England, 1982. *Prophecy, Prophets* pgs. 975-985

Torrey, R. (1998). *Difficulties in the Bible : Alleged errors and contradictions*. Willow Grove: Woodlawn Electronic Publishing.

### *IGICE CYA 5: ZABURI/ IGITABO CY'INDIRIMBO CY'IMANA*

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

Schultz, S. J., & Smith, G. V. (2001). *Exploring the Old Testament* (112–119). Wheaton, Ill.: Crossway Books.

### *IGICE CYA 6: UBWENGE N'INYANDIKO Z'UBWENGE*

AFRICA BIBLE COMMENTARY: Tokunboh Adeyemo, general editor. Zondervan © 2010. pg. 322

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

*The New Bible Dictionary*. Intervarsity Press, England. 1991 Pg. 295.

Seneza, Jean Paul, sent in email do the author in 2011

Smith, J. E. (1996). *The wisdom literature and Psalms*. Joplin, Mo.: College Press Pub. Co.

Kidner, Derek. *The Wisdom of Proverbs, Job & Ecclesiastes* Inter-Varsity Press, 1985 pg.116

Piper, John.www.desiringgod.org.

Walton, John H. Matthews, Victor H. & Chavalas, Mark W. *IVP Bible Background Commentary*. 1997 Inter Varsity Press Downers Grove Ill. pg.27

Walvoord, J. F., Zuck, R. B., & Dallas Theological Seminary. (1985). *Vol. 1: The Bible Knowledge Commentary: An Exposition of the Scriptures* (900–901). Wheaton, IL: Victor Books.

### *IGICE CYA 7: UBUTUMWA BWIZA*

Taken primarily from:

The New Bible Dictionary—2nd edition. I. Douglas, J.D. II. Hillyer, Norman. INTER-VARSITY PRESS Leicester England. pg. 435-439

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

Lyrics to the Song “He’s Alive” by Don Francisco. http://www.rockymountainministries.org

Easton, M. G. (1996). *Easton’s Bible dictionary*. Oak Harbor, WA: Logos Research Systems, Inc.

Taken primarily from NEW BIBLE DICTIONARY 2ND EDITON. Inter-Varsity Press, Leicester England, 1982. *Prophecy, Prophets* pgs. 975-985England, 1982.

Stott. John R.W. *The Cross of Christ.* 2006, Inter-Varsity Press. Downers, Grove, Ill. taken from pgs. 166-245

### *IGICE CYA 8: IBYAKOZWE N’INTUMWA*

Smith, J. E. (1996). *The wisdom literature and Psalms*. Joplin, Mo.: College Press Pub. Co.

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

AFRICA BIBLE COMMENTARY: Tokunboh Adeyemo, general editor. Zondervan © 2010. pg. 322

### *IGICE CYA 9:INZANDIKO/AMABARUWA*

Johnson, Reginald. Celebrate My Soul, Wheaton Ill. Victor Books © 1988

The New Bible Dictionary—2nd edition. I. Douglas, J.D. II. Hillyer, Norman. INTER-VARSITY PRESS Leicester England. pg. 435-439

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

### *IGICE CYA 10: IBYAHISHUWE*

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

### *IGICE CYA I 11:IMIRONGO IGOYE*

Schultz, S. J., & Smith, G. V. (2001). *Exploring the Old Testament* (112–126). Wheaton, Ill.: Crossway Books.

Torrey, R. (1998). *Difficulties in the Bible : Alleged errors and contradictions*. Willow Grove: Woodlawn Electronic Publishing.

Fee, Gordon, Stuart Douglas, *How to Read the Bible for all its Worth* © 2003 Zondervan, Grand Rapids MIch.

Katongole, Emmanuel, *MIRROR of the CHURCH, Resurrecting Faith after Genocide in Rwanda.* Zondervan Publishing, 2009 pg.72

### *IGICE CYA 12:INDANGAGACIRO , KWIGANA KRISTO*

Geisler, Norman, L. *Christian Ethics 2nd Edition* Baker Academic, Grand Rapids Michigan. 2010 pgs. 97-115, 185,

Katongole, Emmanuel, *MIRROR of the CHURCH, Resurrecting Faith after Genocide in Rwanda.* Zondervan Publishing, 2009 pg. 12,68, 85,89,116,142,156

Witherington III, Ben. *The Indelible Image, The Theological and Ethical Thought World of the New Testament.* Inter Varsity Press, 2010. pgs. 366,423-435, 455, 772

### *UMUGEREKA WA I.UMUNYESHURI, IFI N' AGASSIZ*

http://people.bethel.edu/~dhoward/resources/Agassizfish/Agassizfish.htm

### *UMUGEREKA WA II—IBITWIKIRIZO BY'URUKOZASONI*

Dave Kehler

### *UMUGEREKA WA III—INGENGABIHE YO GUSOMA BIBILIYA*

www.Bible-Reading.com © 1995-2009 Michael Coley